# *Igihagararo cy'Umuntu Utunganye*

Urakoze, Mwene Data Neville. Umwami aguhe umugisha.

Ni byiza kugaruka mu rusengero muri iki gitondo. Ni Ubuntu "igitondo cyiza," kuri mwese. Kandi ndizera ko uyu uza kuba umunsi ukomeye kuri twese, mu—mu Kugaragara k'Umwami. Noneho nabonye isomo muri iki gitondo. Ndashaka kuboneza neza kuri iri somo, kuko ni . . . Ndatekereza ko ari ngombwa. Kandi ni . . . Kandi kugira ngo imbaga itababazwa cyane, murabizi, mugomba kuguma hano igihe kirekire, benshi barahagaze. Ndaje mpite njya mw'isomo nyirizina.

2 Noneho, iri joro, ndashaka kuvuga ku ngingo zijyanye n'*Umuyobozi W'Ubuzima Bwanjye*. Kandi nizere ko benshi bashoboye, uko baba benshi kose, baza kuba bahari muri icyo gihe, kuri uyu mugoroba. Ariko, niba mufite itorero ryanyu bwite, turi . . . birumvikana, turashaka ko muba ku—ku rusengero rwanyu. Ngizo inshingano zanyu zo kuba muhari, aho umwanya wanyu w'akazi uri, kureka urumuri rwanyu rukamurika.

3 Noneho, dukomeje kwizera ko, igihe cyose muzagarukira, tuzaba dufite ikindi cyumba gito hafi hano. Ariko birimo kutugora, yewe, ahantu hose. Ubuyobozi bubishinzwe rwose bwacengeye muri byose. Kandi bohereza ahantu hamwe, bazabyemeza; hanyuma babyohereze n'ahandi, kandi nabo bazabyemeza. Kandi babisubije inyuma, dore barabyemeje *hano*, kandi babisubiza inyuma. Yoo, mbega ibihe twagize! Ariko, murabizi, Satani ahora arwanya iby'ukuri. Gusa mwibuke, buri gihe muri abanyakuri ku byerekeye . . .

4 Nibazaga aho wari uri, Anthony. Ndabona wahuye na so. Kandi narebye hakurya hariya, hanze mu bari bateranye. Yavuze ko wari wicaye hariya. Twishimiye kukubona wowe na so hano muri kumwe natwe, mwene Data Milano uturutse muri New York. Nizeye, kujya mu mahanga iki gihe, nkabona indi soko, hanze ya New York, hanze aho ahantu hamwe, niba Umwami abishaka.

5 Kandi rero twishimiye cyane buri wese muri mwe. Gusa—ni byiza ko muba hano.

6 Kandi twagize ibihe byiza mw'ijoro ryakeye, cyangwa byibuze narakoze. Nari mfite i . . . [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] "Kandi Yesaya mu rusengero." Namwe rero . . .

7 Kandi muri iki gitondo, turashaka kuvuga kuri iyi ngingo, cyangwa kwigisha, ahubwo, niba tubishoboye, "Kubaka Urusengero ruzima; Kubaka—kubaka Urusengero ruzima rw'Imana nzima rw'aho Imana ituye, Umuntu utunganye; Urusengero ruzima rw'Imana nzima, aho Ituye." Niba kandi . . .

8 Numva ko bafite bimwe muri ibi byiza byo kuririmba hano. Ntabwo mbasha kubyumva. Kandi iri joro, ngiye kugerageza kumanuka hano. Umugore wanjye yambwiye ku byerekeye Mwene Data Ungren, ndizera ko izina rye ari iryo, kuva mbere—muri Tennessee. Noneho, yari hano mw'ijoro ryakeye. Ntabwo ndamubona muri iki gitondo, ariko ndakeka ko ari hano. Kandi ndashaka kumwumva aririmba iri joro, niba mbishoboye, ibyo, Haba *Munsi y'Icyubahiro Cye, cyangwa Ukuntu Akomeye*. Ndashaka kuzumva. Ni bangahe bifuza kumva mwene Data Ungren? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Yoo, njye—njye nkunda kuririmba neza. Kandi Meda yavuze ko afite ubwoko bw'ijwi rya baritone. Kandi binyibukije Mwene Data Baxter; ni umuririmbyi, na we, nk'uko twese tubizi. Kandi *Munsi kuva mu Bwiza Bwe*, Cyangwa *Mbega Ugukomera Kwawe*. Nizera ko namenye aho ari noneho, hejuru . . . Ibyo ni byiza, Mwene Data Ungren, iri joro, niba ubishaka, wabasha gutegereza? Ugiye kuguma hano, cyangwa wagerageza kurara ku murimo w'ijoro? Rero, nda—nda . . . Ni byiza, ntukoreho . . . Ndakubwiye, bite kuri ibi, niba twe . . . Sinshaka gutuma habaho umuntu uwo ari we wese wabangamirwa. Ariko kuki tutabikora, noneho, niba tubishaka, mu gihe cy'*Ibimenyetso Birindwi,* mu gihe tubwiriza ibyo, niba uza kuza. Ndashaka kuyifata amajwi, murabona, kugira ngo muyibone, *Ukuntu Ukomeye,* kandi, na, *Munsi Y'icyubahiro Cye,* muri icyo gihe.

9 Yoo, ntibitangaje gukorera Umwami? Sinzi icyo nari gukora iyo ntaza kuba Umukristo! . . . ? . . . Ni byiza cyane kuba Umukristo. Gusa ndumva nsimbukira hejuru no hasi no gutakarira, hejuru y'ijwi ryanjye. Kuba Umukristo, mbitekerezaho, byose byometse kuri Kristo!

10 Nzi ko buri igihe mvuga izina ry'uyu mugabo nabi. Ni S.T. cyangwa T.S., cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Sumners, Mwene Data Sumner. We . . . Ndashaka kumushimira hamwe n'umugore we muto muto. Nibwira ko yamaze hafi, bisa nk'amezi atandatu, yandukura ibi *Ibhe birindwi y'Itorero*. Noneho ubu twabigaruye hano, twanditse, twiteguye kubihamya, no kujya mu buryo bw'ibitabo, *Ibihe birindwi by'Itorero*. Mushiki wacu Sumner, aho uri hose, rwose uzatwemerere tukwishyure kubw'ibyo. Ibyo, ibyo byasabye akazi kenshi. Impamvu, *ibyo* ni birebire. Byantwara amezi agera kuri atandatu kubisoma, mureke we ubwe abikure kuri kaseti, hanyuma uyifungure noneho ibisubiremo, hanyuma ubikoremo igitabo. Turayitegura kandi tuyikohereze ifunguka neza byihuse, kuko twibwira ko ari ikintu abantu bagomba gutunga muri kano kanya, kandi ushobora kubyiga. Kandi Billy

yari arimo kunyereka gusa, ubwo nagarukaga, hashize iminota mike, ibyo—ibyo—ni ko byari—byari byiteguye noneho gusohoka ku mpapuro. Noneho, mushiki wacu, urusengero ruzaguhemba kubw'ibyo. Ntabwo nifuza ko ukora ibyo ku busa. Kandi—cyangwa natwe . . . Niba tubonye igitabo tugomba kugena igiciro kuri cyo, cyangwa ikindi, tuzashyira igiciro aho tubonye ikintu igihe cyose bakigurishije, ibyo ari byo byose. Uraganira gusa n'inama, akanama gashinzwe umutekano, cyangwa bamwe muri bo, kandi bazakwitaho. Uwiteka aguhe imigisha mu by'ukuri.

11 Mwene Data muto muto na mushiki wacu Kidd bicaye hano, mu buryo bumwe mu magana menshi, mutegereze gato gusa. Nahuye nawe hashize igihe, arambwira ati: "Ni byiza, ibi birashoboka ko ari bwo bwa nyuma nkubonye, Mwene Data Billy." Ati: "Natangiye gusaza cyane."

12 Ndavuga nti: "Yoo, mbega! Sinshaka kumva uvuga ibyo. Mumeze nk'umumama n'umupapa bato bakuze." Dukunda mwene Data na Mushiki wacu Kidd. Twebwe, buri wese, turamukunda. Kandi ni byo . . .

13 Hari icyo bimarira iyo mbonye bagenda mu rusengero, kandi nk'abashakanye bakuze nka bo. Kandi mutekereze gusa, babwirizaga Ubutumwa bwiza mbere y'uko mvuka. Kandi none ndi umusaza. Yego, mutekereze gusa, babwirizaga mbere y'uko mvuka. Kandi ubu ndi hano, ndatekereza ko nshaje cyane. Gusa ndatekereza kwitegura kwegura. Ndabona mwene Data na Mushiki wacu Kidd binjiye, "Imana ihabwe icyubahiro! Haleluya!" Ndavuga nti: "Oya, ndumva meze neza." Yego mugenzi. Kubabona, uko bashoboye, burya bigutera imbaraga rwose!

14 Noneho murabona ko, hafi y'imyaka yanjye, na none, hanyuma ugakomeza mu kibuga. Mumanuke muri iki gitondo musabe ibitabo, niba bashobora gufata ibitabo bakabigurisha. Bashakaga kaseti nabo, kugira ngo zishobore gusohoka, hanyuma banjye gushaka ubugingo bwazimiye bafungura kaseti, ku myaka hafi ijana. Noneho "amababa yawe abiri ari hehe" twayavugagaho mw'ijoro ryakeye? Yego. Ntangiye gutekereza nti: "Ari he uwanjye?" igihe yabivugaga ibyo—ibyo ejo hashize. Ufite imyaka ingahe, Mushiki wacu Kidd? [Mushiki wacu Kidd aravuga ati: "Mfite imyaka mirongo inani n'umwe."—Ubwanditsi.] Mirongo inani n'umwe. Ufite imyaka ingahe, Mwene Data Tom? [Mwene Data Kidd aravuga ati "Mirongo inani n'ibiri."] Mirongo inani n'umwe na mirongo inani n'ibiri, kandi baracyakoresha amaboko yabo, mu bikorwa, baracyakomeje.

15 Ikintu kitagenda neza muri Ohio, Mushiki wacu Kidd arabizi, telefone ivugira mu rugo. Ejobundi, yarahamagaye, nuko umwana muto, umwana muto w'umukobwa, ndizera ko ari byo, yari yavutse, amara ye ari hanze. [Mushiki wacu

Kidd aravuga ati: "Uruhago."—Umwanditsi.] Uruhago, hanze y'umwana. Muganga kandi ntabwo yari azi icyo yabikoraho, yari yatinye kumubaga. Twarasenze. ["Abazwe, mwene Data Branham, akayasubiza inyuma, kuko, baravuze bati: 'Ntashobora kubaho.' Nuko basubizamo amara gusa."] Gusubizamo amara, hamwe no kubaga, hanyuma batekereza ko adashobora kubaho. Kandi yabayeho. ["Nta nzira."] Nta nzira noneho kuri—kuri. . .kuva aho umwanda usohokera, kugira ngo ibiryo binyuremo. Nuko Mushiki wacu Kidd arongera arahamagara. Twongeye kwitanga ku bw'amasengesho, none habonetse inzira isanzwe. None ari hano nk'umuhamya; muganga, na we arahari. Murareba? Ni umuhamya ko Umwami Yesu, ari Umuremyi ukomeye! Murabona ibyo Satani yagerageje gukora? Guhagarika ubuzima bw'uwo mwana. Hanyuma, murebe, noneho ndizera ko uwo mudamu yagarukiye Uwiteka. ["Yagarukiye Uwiteka, mu nzu yanjye."] Garukira Uwiteka. Mushiki wacu Kidd yamugaruye kuri Kristo, nyuma y'iki gitangaza gikomeye cyabaye ku mwana we.

16 Nahamagawe muri Californiya, ejo hashize, umukozi mwene Data uri yo, uwo twari kumwe igihe najyaga muri Californiya bwa mbere, mu myaka yashize. Umwuzukuru we muto yavukanye—yavukanye imyanya ine. . .itatu ifunze mu mutima we. Namubwiye iby'icyo kibazo. Naravuze nti, "Imana ishobora kurema iyindi ikayikora neza, mu by'ukuri ishobora gukiza umwuzukuru wawe." Wowe gusa bwira umuhungu wawe ntagire ubwoba.

17 Kandi uwo muhungu yari ari mu materaniro ubwo najyaga bwa mbere muri Kaliforuniya, nko mu myaka cumi n'umunani ishize, hashize imyaka cumi n'itandatu, ni bwo byabaye. Ubwo nari ndi muri Kaliforuniya. Na we-. . .Amateraniro yagize ingaruka cyane kuri uriya muhungu kugeza. . .Babonye umwana, nuko aravuka, kandi babonye ko hari ibitagenda neza, byari ubururu, bagerageje kwinjizamo umwuka wa ogisijeni, n'ibindi. Kandi ntabwo byagaragaraga ko ari burokoke, abaganga noneho batanga ikizamini, nuko basanga imyanya itatu ifunze mu mutima we. Nta gufunguka na gato, murebe, gusa—guhaga umwanya umwe gusa. Nuko ahamagara papa we, ati: "Papa, hamagara mwene Data Branham, rimwe gusa. Umubwire ibyo gusa. . .'Baza Kristo. Azabikora.'" Ni ibyo. Oh, mbega! Izo ngaruka, ibyo babona, murebe, twabivuze, mw'ijoro ryakeye. Ikintu cyiza mu gihe gikwiye.

18 Rero, dukomeza kuvuga, ntituzigera tubona isomo, si byo? Ni nk'umushongi mu gitondo gikonje, ni urusukume uko bishoboka, murabizi, kandi rufatanye. Twishimiye cyane kugira ubusabane nk'ubwo. Yego mugenzi.

19 Noneho rero reka twebwe ubwacu twicecekere, nonaha, hanyuma tuganishe kw'isomo nonaha. Kugenda birashoboka. . . Sinzi niba mushobora kubibona cyangwa mutabibona, ku

kibaho. Ahari niba mpinduye *guty*o, mu mwanya muto, kubera iki, turabishobora, ubu, bamwe muri mwe, kuri . . . [Mwene Data Edgar "Doc" Branham aravuga ati: "Urashaka kugira icyo ubivugaho?"—Ubwanditsi.] Ndakubwira iki? ["Urashaka kugira icyo ubivugaho?"] Oya, nabwo ndimo gutekereza gurya, Doc. Gusa birashoboka kuba gurya gato. ["aho hasi neza, nshobra kugira icyo nongeraho."] Rero—turabikora nimbona bike . . . Nabonye ibyo mpashyira? Ni byo. Reka tubihindure neza. Ushobora kubona neza hariya inyuma? Urabishobora? Niba ushobora kuhabona, zamura ikiganza cyawe, niba ushobora kubona kuri kiriya kibaho, soma hano. Oya. Ni byo. Shaka icyo ushyiramo. Noneho, mu gihe barimo kwitegura ku byo . . .

20 Natangiye kubwiriza nyuma bitinze muri iki gitondo; cyangwa, oya, oya, iminota cumi n'itanu mbere yaho. Kandi rero, noneho, turakoresha igihe cyacu gusa, kuko tudashaka kwihuta. Iyo winjiyemo wihuta, wangiza ibintu wari ugiye kuvuga. Noneho, numvise kuri kaseti, ejobundi, nk'uko nabikubwiye, ndumirwa cyane; ntabwo ari ibyo navugaga, ahubwo ni uburyo nabivugagamo byihuse, ryari ijwi riteye umujinya gusa. Numvaga ari nko kuritegereza. Ni . . .

21 Na—gusa nabonye ejobundi aho bagiye kubaka inzu nini y'inyamaswa, hano hagati muri Louisville. Kandi Bwana Brown, ndizera ko byabereye hariya, aho, yatanze miliyoni y'amadolari agenewe iyo parike y'inyamaswa. Ni byiza, iyaba nari nyayifite, hafi yose nari kuyabaha kugira ngo bazirekure. Ntabwo—ntabwo nemera gufungirana ikintu cyose nk'uko. Njyewe gusa . . . Njya mu nzu y'inyamaswa kurebamo izagowe zishaje, idubu, n'intare, n'ibindi bintu, zigenda zigaruka gutyo, zifungiranye ubuzima bwose, murabona. Bituma wumva umerewe nabi. Erega, zafashwe n'ubwenge bw'umuntu uzi ubwenge kuzirusha. Murareba? Barazifata bakazishyira mu gifungo.

22 Kandi mbitekerezaho: satani arabikora. Afata abantu b'agaciro bagombaga gutembera ahantu hakomeye h'Imana, no mu mirima, n'i—n'ibindi nk'ibyo, hanyuma akamushyira mu nzu ya gereza y'amadini amwe, cyangwa imyizerere imwe, cyangwa ikindi kintu, hanyuma ikamuhambirirayo. Mbega ikintu giteye ubwoba.

23 Kandi sinkunda inzu y'inyamaswa. Ariko hari ikintu numva kimeze nka cyimwe cyo muri izo nyamaswa, iyo mwese mufungiranye kandi mugerageza gushaka kurekurwa, murabizi, gu—gusohoka kugira ngo mukore ikintu runaka.

24 Noneho, mbere y'uko twegera Ijambo, reka twegere Umwanditsi w'Ijambo, mu gihe twunamishije imitwe yacu ubu mu masengesho.

25 Data mwiza wo mw'Ijuru, twongeye guterana muri iki gitondo mw'Izina ry'Umwami Yesu, Umwana w'igiciro. Imana, yigize umuntu, yaje kw'isi, kubwo guhanagurwa ibicumuro

byacu, maze arapfa, Umukiranutsi; kugira ngo twebwe, kubwo gukiranuka Kwe, tube abakiranutsi, dushobore gutungana muri We. Tuje kwatura ko tudakwiriye, Mwami. Nta kintu cyerekeye kuri twe. Kandi twese turi muri gereza imwe nini. N'ubwo twaba duhagaze gute, turacyari muri gereza. Umwe ntiyashoboraga gufasha undi. Ariko, Imana, kubw'imbabazi Zayo zitagira akagero, yaramanutse ikingura imiryango ya gereza, kugira ngo itubohore. Ntabwo tugifungiranye ubu. Ntabwo turi muri pariki y'isi, ubu twarabohowe. Turi hanze.

26 Yoo, mbega ukuntu tuyikunda kandi tuyiramya! Mbega ukuntu dutembera mu mirima minini y'isezerano Ryayo, tukabona risohorera imbere yacu! Kandi n'amaso yacu, tubona Imana ikomeye y'Ibihe bidashira Ubwayo imbere yacu, kandi Ubwayo yahindutse ukuri, nk'uko Yabigiriye abahanuzi ba kera. Kumenya ibi, ko baruhuka bafite ibyiringiro, ko umunsi umwe tuzongera kugarurwa, nyuma ubu buzima niburangira, ku muzuko, ku Bugingo Buhoraho butazigera bushira. Imibiri yacu ntizasaza. Kandi ntituzigera dupfa. Kandi ntituzigera dusonza. Kandi ntituzigera tugira icyo dukenera. Ahubwo tuzagendana na Yo. Turashaka kuyumva ivuga, "Mwinjire mu byishimo by'Umwami, byabateguriwe kuva isi yashyirwaho urufatizo." Kera mbere y'uko icyaha cyinjira, uko Yari yarabiteguye, nk'uko yabikoreye Adamu na Eva, ko batazigera barwara cyangwa bagira ibibazo. Noneho Yarabiduteguriye, kandi Yatumenye mbere y'uko tuza. Icyaha cyahagaritse abantu benshi, none icyaha cyakuweho, n'amaraso ya Yesu. Noneho, duhambiriwe ku Gihugu cyasezeranijwe, n'isezerano ry'Imana, ry'Iteka.

27 Duhe umugisha nonaha, Data, nk'uko twiga Ijambo Ryawe. Turashaka kumenya abantu tugomba kuba bo, kugira ngo tubeho. Dufashe uyu munsi muri iri shuri, kugira ngo Umwigisha Ukomeye abe kumwe natwe, Umwuka Wera, ibyo byamanuka bikamuduhishurira We ubwe, kubw'Ijambo Rye. Kuko tubisabye mw'Izina Rye no ku bw'icyubahiro Cye. Amina.

28 Noneho, mbere na mbere, ndashaka ko muuhindukirana nanjye kuri Petero wa Kabiri, igice cya 1. Ndashaka gusoma igice cy'iki Cyanditswe, Petero wa Kabiri, igice cya 1. Noneho kuri mwebwe mufite amakaramu yanyu n'impapuro . . .

29 Ndizera ko nabwiwe muri iki gitondo ko—ko igihe runaka, mpinduye umutwe kure yabyo, byagabanya umwanya kuri kaseti. Ntabwo nshatse kuvuga ko nabikora. Kandi nizera ko, igihe kimwe, niba dushaka kubona mi—mikoro webu, no kuyimanika ku gisenge hano, aho waba uri hose icyo gihe, waba umunyakuri, byaba byiza, hirya no hino, hashyizwe mikoro hejuru y'igisenge.

30 Noneho, nk'igihe ndimo kuvuga; kandi niba mwebwe, mubishaka nyuma y'amateraniro, cyangwa niba mubishaka, mushobora gushushanya uru rukanka hano. Noneho nanjye

ndarufite rumanitse hano. Ndatoboroa ndushyire imbere hano, niba mushaka kubikora mu gihe runaka. Mwinjire kare kare nyuma ya saa sita, kugira ngo tubyumve.

31 Noneho twegereye *Ibimenyetso birindwi*. Turangije *Ibihe Birindwi by'Itorero*. Kandi ubu ni Ubutumwa bujyanye no kwigisha, bugira umuntu imbohe, ugiye gucungurwa n'amaraso y'Umwami Yesu, kandi ibyo bizaba muri icyo gihe cy'Itorero, iryo Itorero ry'Iteka ku mpera y'ibimenyetso. Noneho tumenye ko dufite Impanda Zirindwi, Ibyago Birindwi, Inzabya, n'ibindi, ku buryo tubyinjiramo, mu gihe tugikomeje. Ariko dutegereje ibyumba byinshi kugira ngo abantu bashobore kwicara.

32 Noneho, kandi ndatekereza ko ibi bihuza neza n'ibyo nari ntegereje. Ntabwo nari niteze gushushanya uru rukanka, ariko ejobundi nari kumwe na bagenzi banjye b'agaciro, Coxes, hepfo ya Kentucky. Naramanutse, nibwira ko wenda nzinjira ku munsi umwe wo guhiga inkima mbere y'uko igihembwe kirangira. Kandi nari mw'ishyamba ndi kumwe n'inshuti yanjye, Charlie, mpagaze aho, na murumuna we Rodney. Ntabwo nigeze mbona inkima. Nkeka ko naziteye ubwoba zose, igihe nageraga aho nkarangurura amajwi mu mashyamba. Ibi ni byo byambayeho, abahungu, na—na Bashiki banjye Nellie na Margie, kandi icyo gihe nababwiraga ko nzababwira ku Cyumweru ubwo nzaba ngezeyo. Ibyo ni byo byambayeho, ku butumwa nari ngiye kuvugaho. N'uburyo ibisigaye bihagaze kugeza magingo aya! Kandi, yewe, ndabikunze. Kugira ibi—nyawo—umwuka nyawo wo gusakuza, hejuru hariya mu mashyamba.

33 Ubu rero, reka dusome nonaha, muri Petero wa Mbere, cyangwa . . . Petero wa Kabiri, ahubwo, igice cya 1, igice cyaho.

> *Simoni Petero imbata ya Yesu Kristo n'intumwa ye, ndabandikiye mwebwe abagabanye kwizera kw'igiciro cyinshi guhwanye n'ukwacu, muguheshejwe no gukiranuka kw'Imana ari yo Yesu Kristo Umukiza wacu:*

34 Nkunda uburyo bivugitse ahongaho, kuko ingingo yanjye yose muri iki gitondo ishingiye ku kwizera. Murareba? Reka nongere mbisome. Mutege amatwi neza.

> *Simoni Petero, imbata ya Yesu Kristo n'intumwa ye, ndabandikiye mwebwe* abagabanye—*abagabanye kwizera kw'igiciro cyinshi . . . muguheshejwe no gukiranuka kwa Yesu Kristo . . . ari we Mana n'Umukiza wacu:*

35 Mumenye, ko, "Nagabanye uku kwizera, kandi ndimo kubabwira mwebwe ababonye kwizera kw'igiciro." Ndashaka . . . Ntabwo ari kub'isi. Ibi ni kubw'Itorero, murareba, abari muri Kristo.

*Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe mubiheshwa no kumenya Imana, na* (binyuriye) *Yesu* Kristo *Umwami wacu,*

*kuko imbaraga z'ubumana* zatugabiye *ibintu byose*. . . *Imbaraga ze z'ubumana* zatugabiye *ibintu byose bizana ubugingo*. . .*no kubaha Imana Tubiheshejwe no kumenya* neza *uwaduhamagarishije ubwiza bwe n'ingeso ze nziza:*

*Ibyo ni* byo *byatumye*. . .*aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi bikomeye cyane: kugira ngo bibatere* (ibyo byasezeranijwe) *gufatanya na kamere y'Imana,*. . .

36 Noneho reka ubu tubyinjiremo neza mu burebure. Ntitubwiriza muri iki gitondo; gusa turigisha iri somo. "Kamere y'Imana." Reka nongere nsome uwo murongo wa 4 nonaha, kugira ngo utabacika. "Aho twahawe. . . "

*Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi: kubw'ibi* (aya masezerano) twe *bidutere gufatanya na kamere y'Imana, tumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mw'isi no kwifuza.*

37 Murareba, "isi," twarabihunze ibyo noneho. Ibi arimo kubibwira Itorero. Ni yo mpamvu turi hano muri iki gitondo, ni ukumenya inzira, inzira Imana isaba. Hano nta muntu uhari, ukunda Imana, ariko turashaka—turashaka kumera nka Kristo. Noneho byashyizwe hano. Umukristo wese! Ndi umukambwe. Murareba mwene Data na Mushiki wacu Kidd bari hano, birashoboka ko ari bo bakuze kurusha abandi muri iyi nyubako. Ariko niba nababaza, nti: "Ni iki umutima wanyu wifuza?" Byaba ari, "Kwegera Imana." Iyo wize ibya Kristo, hari ikintu kimwerekeyeho nkunda cyane, ugerageza kumwinjiramo wese.

38 Mumbabarire iyi mvugo. Nabwiye umugore wanjye, hano ntabwo hashize igihe kinini, we. . .twembi turashaje, ndamubwira nti: "Urankunda nk'uko wari usanzwe ubikora?"

Yaravuze ati: "Ni ukuri ndacyagukunda."

39 Nanjye nti: "Urabizi, ndagukunda cyane kugeza igihe nifuza kugufata nkakwinjiza imbere muri njye, dushobora rero kuba gusa, mu by'ukuri, kuba umwe, muri byinshi."

40 Noneho, ibyo, uzabikube miriyoni ijana, hanyuma wirebere uburyo umwizera, ukunda Kristo, ashaka kumwinjiramo, kuko ni urukundo. Kandi hano Agiye kutwereka uburyo ibyo, binyuze muri aya masezerano, dushobora kuba abasangiye kamere ya Kristo. Ibi, umubiri upfa, burya ko dushobora kugira ibyo duhuriraho.

41 Nshobora kugira icyo mvuga hano. Impamvu nizera. . . Noneho umuntu yanyibeshyeho, hano ntabwo hashize igihe kirekire. Nabonye ibaruwa y'ishyirahamwe ry'abakozi b'Imana, ivuga ko nizeraga ko hariho. . ."Twari twarahuje umutima.

Kandi tugomba gusiga bagenzi bacu niba tudahuje nabo, kushyingiranwa n'undi twari twari twahuje-umutima." Yoo, mbega!

42 Ndavuga nti: "Ntabwo ncumuye ku buyobe nk'ubwo." Ibyo nahoraga mbirwanya. Njye—njye ntabwo nemera ibyo. Rwose si byo. Nizera ko Imana iduha uwo duhuje. Ibyo ni ukuri. Noneho duhinduka umugabane w'umwe ku wundi. Ni byo. Kandi 'mbere y'uko umugabo arongora, agomba gutekereza ibi bintu neza, akabyigaho.

43 Ejo bundi umusore yarambajije ati: "Uratekereza ko nshobora, nkwiye kurongora, mwene Data Branham, umukobwa *nk'-uyu n'-uyu*?"

Ndavuga nti: "Umutekerezaho kangahe?"

Aravuga ati: "Yoo, mbega, ndamukunda gusa."

Ndavuga nti: "Ni byiza, niba utabaho utamufite, ni byiza ko umurongora icyo gihe. Ariko niba ushobora kubaho utamufite, ibyiza wabireka. Rero, ariko niba rugiye kukwica, ibyiza—ni byiza ko ujya mbere ukamurongora," Ni ko namubwiye. Kandi rero ibyo nagerageje kumwumvisha, ibi, ngo, niba wumva ko umukunda cyane!

44 Noneho, ubungubu, mbere y'uko urongora, ibintu byose bigomba kuba ari byiza kandi biteguye. Ariko nyuma yo gushyingirwa, noneho imirimo n'ibigeragezo by'ubuzima birinjira. Ni bwo mugomba kuba mukundana mwumvikana umwe ku wundi. Iyo umutengushye, n'iyo agutengushye, mugezaho mukumvikana umwe ku wundi.

45 N'uko bimeze kuri Kristo. Murareba? Tugomba gukundana cyane na We, kugeza igihe dusabye ikintu, kandi Akakiduha, ibyo ntibiduhungabanya na gato. Murareba? Murareba? Kubera iki? Kandi inzira yonyine mushobora kubikoramo, ni ukuba abasangira kamere y'Imana Be, noneho muzasobanukirwa impamvu Adashobora kubibaha. "Abasangiye kamere Yayo."

46 Kandi murebe hano, "Tumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mw'isi n'irari." Kubihunga! Murareba nyirabyo? Ni Itorero, abari muri Kristo, bahungishijwe hejuru y'ibi bintu. Ntabwo yigeze kwishyira hejuru, ahubwo ni Kristo yaramuzamuye.

47 Kuri bene Data na bashiki bacu b'abirabura bari hano muri iki gitondo, simvuze ibi kubwo kubavuga nabi. Ariko, hari mu materaniro hashize igihe gito, sinzi niba narigeze kubivugira mu rusengero. Nabivugiye ahantu henshi. Hari mushiki wacu w'umwirabura wavuze ati: "Nshobora kugira ubuhamya, cyangwa gutanga ubuhamya?"

"Mu by'ukuri, mushiki wacu, tambuka uze imbere."

48 Aravuga ati: "Ndashaka gutanga ubu buhamya kubw'icyubahiro cy'Imana." Aravuga ati: "Murabizi, Njye—

njye ntabwo ndi uwo nkwiriye kuba," arongera ati: "Njye—njye ntabwo ndaba icyo nshaka kuba cyo, ariko," aravuga ati: "icyo nzi kimwe nizeye, ni uko ntari uko nahoze." Murareba? Yari yaravuye ahantu runaka. Yari aturutse.

49 Uko ni ko tumenya ko twavuye mu rupfu tukajya mu Bugingo. Dusubiza amaso inyuma tukareba mu rwobo aho twavuye. Murareba? Ntabwo turi icyo dushaka kuba cyo; ntituri n'icyo dukwiye kuba cyo; ariko ikintu kimwe dushimira, ntabwo turi nk'uko twahoze. Ni byo. Turi mu nzira.

50 "Kandi tumaze guhunga ukononekara kw'isi." Tumaze guhunga ibyo, irari na ruswa by'isi, turi hejuru yabyo. Noneho ibyo—noneho ni bwo bwoko bw'abantu Arimo kuvugana nabwo, umuntu warokotse ibyo bintu, murareba, ukononekara kw'isi.

> *Kandi* ibyo, *abe ari byo bituma mugira umwete* wose, *kwizera mukongereho ingeso nziza; ingeso nziza muzongereho kumenya;*
>
> *kumenya mukongereho kwirinda;. . .kwirinda mukongereho kwihangana;. . .kwihanagana mukongereho kubaha Imana;*
>
> *kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data; gukunda bene Data mukongereho urukundo.*

51 Noneho yaduhaye ingingo hano z'icyo gukora, mumenye uko mwabikora. Noneho, nk'uko nabivuze, twese tugerageza kwegera Imana. Ni yo mpamvu nahisemo ubu butumwa muri iki gitondo, kw'itorero, nzi ko abantu bakora ingendo. Mw'ijoro ryakeye, navuze nti: "Ni bangahe hano, bavuye hanze y'umujyi?" Abagera kuri mirongo cyenda n'umunani kw'ijana by'abaturage, baturutse hanze-y'-mujyi. "Ni bangahe hano baturutse mu bilometero ijana?" Kubera iki, birarenze, ndakeka, mirongo inani kw'ijana. "Ni bangahe hano baturutse muri kilometero zirenga magana atanu?" Kandi hafi ya—ya kimwe cya gatatu cy'abantu bari hano baturutse muri kilometero zirenga ijana, magana atanu. Mubitekerezeho, ku bantu bakora urugendo. Ni byiza, abo bantu ntabwo baza mu rusengero kugira ngo biyerekane ubwabo. Nta. . .nk'ubwiza ubwo ari bwo bwose isi yo hanze yabona buzengurutse aha hantu. Bose ni abantu basanzwe, abakene, biyambariye mu buryo busanzwe. Nta ndirimbo nziza zivuye kuri bamwe biyitaga-ko-ari korali y'Abamalayika, abagize imiyoboro, hamwe n'amadirishya y'ibirahure. Mufite ikibazo cyo kubona intebe ndetse no guhagarara hafi y'urukuta. Ntabwo baza kwita ku bintu nk'ibyo. Ariko baraza kuko imbere muri bo harimo ikintu kibona ubwiza ijisho risanzwe ritabona. Ni ijisho ry'umwuka rifata ubwiza bwa Kristo. Ni yo mpamvu baza.

52 Rero, mu minsi mike mbere y'uko tugira amateraniro, mpora nsenga. Jya mw'ishyamba, ngafata mu mufuka. . . Nkabwira umugore nti: "Ndasohotse ngiye guhiga inkima muri

iki gitondo." Ngashyira ikaramu hamwe n'akantu k'agapapuro mu mufuka wanjye. Hamara gucya umuseso utamurutse, nkicara hejuru y'igiti ahantu runaka, nkarambura ibiganza hejuru mu kirere, nkavuga nti: "Mwami, nakora iki uyu munsi? Ni iki uribumpe cyo guhereza abana Bawe?"

53 Noneho iyo nkubise ikintu gisa nk'icyaka, haza ikintu nk'iki. Iyo Ukugaragagara Kwe kwegereje, ntangira kumva ikintu kimeze nk'igituruka kure, ikintu muri ubu buryo. "Kabiri gukuba kabiri bingana na kane." Hafi aho, "Kabiri gukuba kabiri bingana na kane. Kabiri gukuba kabiri bingana na kane. Kabiri gukuba kabiri bingana na kane." Kuri, kuri, kuri, nk'ibyo. Ni Ukugaragagara Kwe kurimo kuza.

54 Wirekure wowe nine, kandi nyuma y'igihe gito waba witandukanye ubwawe. Aho haza iyerekwa, "Jya ahantu *aha-n'-aha*, no ku kintu *iki-n'-iki*." Murareba? Tangira, uhereye ku gutekereza ku Mana kwawe, hanze y'isi, kure y'isi, mu butayu, kuri wowe ubwawe.

55 Kandi bitangira kuza, "Kimwe, kimwe. . ." Ndavuga, umubare uwo ari wo wose, cyangwa ikindi kintu cyose, gusa ikintu gitangira buhoro buhoro, cyinjira buhoro buhoro. Hanyuma kikaza kwihuta vuba, vuba. Wicaye aho zamura ibiganza byawe, ntugire ijambo uvuga, komeza uzamure ibiganza byawe mu kirere. Ikintu cya mbere ugomba kumenya, ubuzima bwawe bwose burafashwe. Anyuma, bikurikira kubona noneho ibintu Ashaka ko umenya, kukwereka ibintu biri imbere.

56 Rimwe na rimwe, biraza, bikagera ahantu runaka, hanyuma bigahagarara. Ntabwo bijya mw'iyerekwa. Hanyuma Ibyanditswe bikikusanyiriza hamwe gusa. Mfata ikaramu yanjye, ntabwo rero nayibagirwa, maze nkayandikisha, nkabyandika.

57 Nuko nkaza mu rugo noneho nkabyitegereza, nkabyigaho. Kandi rimwe na rimwe, nta n'ubwo byumvikana kuri njye iyo mbyitegereje. Hanyuma, nyuma y'igihe gito, nkabibona! Ibyo bigakubita, mu kanya bikongera. Noneho nkabona igitabo gito nk'*iki*, hanyuma nkatangira gushushanya hasi, uko bishoboka kose, ibyo We ambwira. Naratekereje nti: "Mwami, ngiye mu rusengero kubibabwira. Nka. . .'Manuka.' Nkabona ikintu cyo kubabwira." Ni byiza, ni ko bigenda. Ni byo rwose. Kugeza igihe, mbere na mbere, Atarakimpa, sinshobora kugitanga.

58 Noneho rero, kuri iki gishushanyo gitoya murambona ndimo kureba hasi. Kandi ibi, ubanza, natangiye, ntabwo nabonye iki gice hano kugeza nyuma y'umunsi umwe cyangwa ibiri, ndi hejuru mu mashyamba.

59 Ubu, aba bantu ni—ni. . .Petero uvuga, hano, ko burya tugomba gusangira kamere Ye y'Imana. Noneho, buri wese muri twe arimo kugerageza gukurira mu gihagararo cy'Imana.

60 Noneho, tumaze kubonera hamwe Ibimenyetso Birindwi, hanyuma, muri icyo gihe cyo kumenwa kw'Ikimenyetso cya Karindwi, cyangwa kumvikanisha. . .nibyo, tuzi ikimenyetso icyo ari cyo, ni ukumvikanisha umurimo, kumenwa kw'Ibimenyetso Birindwi. Kandi tuzabibona ku mbonerahamwe y'ubutaha. Ni ukumenyekanisha Ubutumwa, ikintu cyashyizweho ikimenyetso.

61 Ku Cyumweru gishize, nabwirije ikibwiriza cyitwa, "Urufunguzo." Kandi urufunguzo ni ukwizera. Kwizera gufite urufunguzo, kandi urufunguzo ni Ibyanditswe. Kandi Kristo ni Urugi. Murareba? Kwizera rero gufata uduce duto two mu Byanditswe kandi tugakingura ibyubahiro n'ibyiza by'Imana, ku bantu Bayo. Murareba? Rero, ni, ukwizera gufata urufunguzo rufungurira Kristo ku bantu; kubifungura, kubihishura.

62 Uyu munsi rero, tugiye kugerageza gufata cya rufunguzo rumwe, rukingura inzira yo kuba Umukristo mwiza mu gihagararo cy'Imana, ibyo, kandi bibe Urusengero ruzima kugira ngo Imana nzima ituremo.

63 Mwibuke, Imana yigaragaza Ubwayo mu buryo butatu. Ubwa mbere, Yihishuriye Ubwe mu Nkingi y'Umuriro, yitwaga umubyeyi Data. Noneho iyo Mana imwe, yerekanwe muri Yesu Kristo, uwo Yubakiye umubiri, yaremye uyu mubiri. Icya gatatu, binyuze mu rupfu rw'uwo mubiri, Yejeje Itorero Ashobora guturamo. Yari Imana iri hejuru yacu; Imana iri kumwe natwe; Imana muri twe; Imana imwe.

64 Ni nayo mpamvu yitwaga Data, Mwana, Umwuka Wera. Ntabwo ari Imana eshatu; imirimo itatu y'Imana imwe. Iyo baza kubitekerezaho gusa mu Nama y'i Nikeya, ntitwari guhungabana, si byo? Ni byo. Ntabwo ari imana eshatu. Abantu ntibashoboraga kumva uburyo Yesu yavuganye na Se, kandi We na Se ari Bamwe. Ni byiza, aho ibintu byose birahari. Ni byo, birabigaragaza. Rwose. Murareba? Ntabwo ari Imana eshatu. Imirimo itatu! Itatu ma-. . .

65 Ni ibiki? Imana yibanda ku biremwa Byayo. Imana ishaka gusengwa. Ijambo *Imana* risobanura "ikintu cyo gusengwa." Kandi ni Imana igerageza gutegeka ubwoko Bwayo, kugira ngo Ibashe kubabonamo ibyo yabaremeye. Ntabwo yigeze ibagira ikindi kintu usibye ubahungu n'ubakobwa b'Imana. Niba mwaracikanywe n'ibyo, byo kuba abahungu n'abakobwa b'Imana, mwabuze ikimenyetso.

66 Kandi "kubura," ijambo *i-c-y-a-h-a* risobanura "kubura ikimenyetso," kubura ikimenyetso. Noneho, niba nerekeza imbunda ku kiraswa, nkitegera kuri metero mirongo itanu, hanyuma nkarasa; ngafata imbunda yanjye nkarasa, kandi ngagihusha, santimetero enye cyangwa eshanu, biba byagenze bite? Ubwo imbunda yanjye iba ikeneye gutunganywa. Hari ibitagenda neza. Niba kandi niba kwizera Imana, niba mbuze

kuba Umukristo. . . Imana igushyira hano ngo ube Umukristo. Niba uhengamiye ku ruhande rumwe, garuka hanyuma ukurikirane. Kandi hariho ikintu kimwe gusa gishobora kugukebura, ni Ibyanditswe. Umwuka Wera mu Byanditswe, aragukebura, akakugarura ku ntego. Ni byo.

67 Noneho, tugiye kwiga Ijambo Rye. Sitefano yaravuze, mu Byakozwe n'Intumwa 7, no muri. . . Reka tubisome. (Tubivuzeho nonaha, turimo kuvuga ku Rusengero rw'Imana.) Sitefano yaravuze. . . (Kuba, bizaba Urusengero ruzima rw'Imana nzima.) Sitefano yaravuze, mu Byakozwe n'Intumwa igice cya 7, kandi ndizera ko twe. . . mu Byakozwe n'Intumwa 7, guhera ku murongo wa 44:

> *Ba sogokuruza bari bafite ihema ry'ubuhamya bari mu butayu, nk'uko iyavuganye na Mose, yamutegetse kuririma, arishushanije n'icyitegererezo cy'iryo yabonye.*
>
> *Iryo basogokuruza,* bahawe na ba se *riba uruhererekane. . . Yesu yabagiye imbere* ubwo *batsindaga amahanga,* abo *Imana* yirukanaga *imbere yabo kugeza mu* gihe *cya Dawidi;*
>
> *wari utonnye imbere y'Imana, kandi asaba kubakira Imana ya Yakobo ubuturo.*
>
> *Ariko Salomo ni we wayubakiye inzu.*
>
> *Nyamara Isumba byose ntiba mu nzu zubatswe n'amaboko; nk'uko wa muhanuzi yabivuze ati,*
>
> *Ijuru ni ryo ntebe yanjye, isi ni yo ntebe y'ibirenge byanjye: Muzanyubakira nzu ki? Ni ko Uwiteka abaza: Cyanga nzaruhukira hantu ki?*

68 Noneho muri. . . Noneho, "Urusengero," ni, birumvikana, ahantu tujya kuruhukira, ubungubu, shaka amafu, n'ibindi, nko kuruhuka usinziriye, cyangwa n'ibindi. Noneho, Abaheburayo 10, ku murongo wa 5, Pawulo arabyerekana.

> *Ni cyo gitumye ageze mu isi, yavuze ati: Igitambo. . .* (Uwo ni Kristo.). . . *Ntiwifuza ibitambo n'amaturo, ariko wanteguriye umubiri:*

69 Noneho Urusengero ni iki? Umubiri, Imana itura mu Mubiri.

70 Imana ku nshuro ya mbere, iri hejuru, iyo Imanukiye ku musozi, n'iyo byaba i—ikimasa cyangwa inka yakandagiye ku musozi, igomba kwicwa. Imana ni iyera.

71 Umugoroba ushize, ni bwo abo bamalayika bari bitwikiriye mu maso Habo. Abaserafi bera bafite isura yera, nta n'ubwo bazi icyo icyaha gisobanura, kandi Bagomba gupfuka mu maso Habo, Imbere y'Imana; bagatwikira ibirenge Byabo, bicisha bugufi.

72 Noneho, Imana yera ntishobora kwihanganira icyaha, nta kintu rero cyashoboraga gukora ku musozi aho Imana yari iri.

73 Ubwo Imana yahinduwe umubiri nuko itura muri twe, mu buryo bwa Yesu Kristo, Umwana Wayo, ikiremwa Cyayo. Maze uwo Mwana atanga ubuzima Bwe, uturemangingo fatizo tw'Amaraso y'Imana turamenwa, kugira ngo Ubugingo buve mu maraso, buze muri twe.

74 Binyuze muri ayo Maraso turezwa. Noneho amaraso yacu, ubugingo bwacu, bwazanywe no kubaho mu byifuzo by'imibonano mpuzabitsina, byazanye ubuzima bwacu mw'isi. Amaraso ya Yesu Kristo aratweza, ahindura kamere yacu, atwoherereza Umwuka Wera; noneho duhinduka muri kamere y'Imana, noneho duhinduka ahantu Imana itura. Yesu yaravuze ati: "Kuri uwo munsi uzamenya ko ndi muri Data, na Data akaba muri Njye; Njye muri wowe, nawe muri Njye." Murareba?

75 Mumenye ko Imana iri mw'Itorero Ryayo. Ubu Itorero ryitwa ko rifata umwanya wa Kristo, rigakomeza umurimo We. "Unyizera wese, imirimo nkora nawe azayikora. Nyamara mu gihe gito, Njyewe isi ntizambona; nyamara mwebwe Njyewe muzambona, kuko nzabana namwe, ndetse nkaba no muri mwe, kugeza ku mperuka y'isi." Murareba? Ngibyo, yita ku murimo Wayo.

76 Noneho, Imana, cyangwa Bibiliya hano, ivuga ko, Sitefano yavuze ibya Salomo yubaka urusengero, "Kandi Usumba Byose ntatura mu nsengero zakozwe n'amaboko y'abantu. 'Erega Ijuru ni Intebe Yanjye, n'isi ni ikirenge Cyanjye. None se uburuhukiro Bwanjye buri he?' 'Ariko Umubiri waranteguriwe.'" Amina. Ni aho muri.

77 "Umubiri Waranteguriwe." Imana iba mu gihagararo cy'umuntu, ikigaragaza Ubwayo muri uko Kubaho. Kuramya gukwiye! Imana muri twe, kuba Urusengero Rwayo, Imana yigaragaza. Yoo, burya dushobora kuguma kuri ibyo kugeza igihe tunaniwe guhumeka turi hano, bitewe n'ubushyuhe. Mumenye, ko, Imana yahozeho, ibihe byose, yigaragariza Ubwayo mu muntu.

78 Iyo yari Imana muri Mose. Mumurebe, yavutse ari umuyobozi; Kristo. Mu gihe yavutsemo habayeho itotezwa ry'abana, bagerageje kumushakisha; Kristo na we yarashakishwaga. Kandi yari—yari yarabyawe muri icyo gihe; uko ni ko byagendekeye Kristo. Yatangaga-amategeko; na Kristo ni ko yari ameze. Mose arazamuka, iminsi mirongo ine, maze ahabwa amategeko, nuko aramanuka. Kristo yagiye mu butayu, iminsi mirongo ine, nuko aragaruka, avuga ati: "Wigeze wumva iby'abakera, 'Ntugasambane.' Ariko, ndabibabwiye, umuntu wese ureba umugore, akamwifuza, aba yasambanye na we." Murareba? Ibi bintu byose bitandukanye, ko, Imana yigaragaza Ubwayo.

79 Murebe Yozefu, wavutse ari umuhungu w'umunyamwuka mu ga—mu gatsiko k'abavandimwe. Bose bari abantu beza, abo

bakurambere bose. Ariko, igihe Yozefu yazaga, yari atandukanye nabo. Yashoboraga kubona iyerekwa, gusobanura inzozi, bityo yangwa na barumuna be kubw'ibyo. Kubera umurimo ukomeye Imana yamushyiriye kw'isi gukora, abavandimwe be barabimwangiraga. Murareba? Byose byerekanaga umusaraba. Kandi, murebe, yagurishijwe hafi ifeza mirongo itatu, na barumuna be. Yajugunywe mu mwobo, ngo apfe, bikozwe na barumuna be. Yakuwe muri uwo mwobo, aragenda yicara iburyo bwa Farawo. Kandi nta muntu washoboraga kugera kuri Farawo, wayoboraga isi muri iyo minsi, nta muntu washoboraga kugera kuri Farawo, cyeretse anyuze kuri Yozefu. Nta muntu ushobora kugera ku Mana, cyeretse anyuze kuri Kristo. Iyo Yosefu yavaga ibwami, mbere y'uko agenda, havuzwaga impanda, maze abazi kwiruka bakiruka imbere ye, basakuza, "Bakamupfukamira! Bati:Yosefu araje!" Utitaye ku hantu wari uri hose, cyangwa icyo wakoraga cyose, uko akazi kawe kari ingenzi kose; wagombaga gupfukama kugeza igihe Yozefu agarukiye.

80 Kandi impanda nivuga, umwe muri iyi minsi, amavi yose azapfukama n'indimi zose zizatura. Igihe Kristo, Yozefu wacu, azava mu Cyubahiro akaza, umurimo wawe ntuzaba ukiri ingenzi icyo gihe. Amavi yose azupfukama, kandi yature ko We ari Umwana w'Imana. Ni byo.

81 Yoo, mbega ukuntu We tumubona muri Dawidi! Ukuntu Dawidi, umwami wanzwe, yambuwe ingoma ye bwite, na barumuna be, umuhungu we bwite, yicaye ku Musozi wa Elayono, uko yagendaga azamuka, hejuru y'Umusozi wa Elayono, yasubizaga amaso inyuma i Yeruzalemu maze akarira; kuko aho hari ubwoko bwe bwite, abo yakoreye akanabigisha Imana, ubwoko bwe bwite bwaramwanze bamujugunyira ibintu, bamucira amacandwe baramuseka cyane, igihe yatereraga umusozi yaranzwe. Yoo, mbega ukuntu Umwana w'Imana atunganye, nyuma y'imyaka magana inani; Umwami wanzwe, mu bantu Be Bwite, yicara ku musozi aririra Yerusalemu, nk'Umwami wanzwe.

82 Byari ibiki? Imana yigaragaza muri abo bahanuzi, yerekana Kristo.

83 Noneho haje Umwe wari ugutungana kw'Imana. Yari Imana muri twe.

84 Kandi kuva icyo gihe, Yigaragarije Ubwe mw'Itorero Rye, kuri uru ruhande rwa Calvary. Noneho, murabona, twese turagerageza kugera aha hantu h'uburuhukiro, Urusengero rw'Imana nzima. Ubu hariho abantu bamwe . . .

85 Turabibona hano, yaravuze ati: "Ubwa mbere dufite kwizera, ingeso nziza, ubumenyi, kwirinda, kwihangana, ubugwaneza cyangwa kubaha Imana, n'urukundo rwa kivandimwe." Byose. Ineza ya kivandimwe, hanyuma wongereho

urukundo. Reka nsome ibi, byose, byongeye kandi, kugira ngo mumenye neza ko mubihabwa nonaha. Noneho tugiye gutangirira ku murongo wa 5.

> *Kandi* ibyo abe ari byo *bituma mugira umwete wose, kwizera mukongereho ingeso nziza; ingeso nziza muzongereho kumenya;*
>
> *kumenya mukongereho kwirinda; kwirinda mukongereho kwihangana; kwihangana mukonereho kubaha Imana;*
>
> *Kubaha Imana mukongereho gukunda bene data; gukunda bene Data,* ari rwo rukundo.
>
> *. . .kuko ibi nibiba muri mwe, bikabagwiramo, bizatuma mutaba abanyute* cyangwa *ingumba kubyo kumenya Umwami wacu Yesu Kristo*.

86 Noneho, Petero aratwereka ikintu hano kuri twe, uburyo bwo kuhagera.

87 Noneho ndashaka kuvuga ibi, ngo, hari abantu bamwe bafite igice cy'iyi mico, ubumenyi, umudendezo, kwihangana, n'ibindi, ibyo ntibihamya kuba Umukristo. Ubu gusa . . . turimo kwigisha ishuri ryo ku Cyumweru. Kandi ibyo ni ukuri. Hariho abantu bamwe bafite igice cy'ibi, batanateze kuba Abakristo. Ariko ibyo si byo . . . Ibyo si byo bizabikora. Ni nk'inyoni yirabura igerageza gushyira amababa ya pawusi ku mababa yayo, kugira ngo yihindure pawusi. Yikoza isoni gusa. Ni byiza kuba inyoni yirabura. Murareba? Iyo agerageje gukoresha ibi bintu atari Umukristo, aba tari mu mwanya we.

88 Ni nk'igiti cyitwa sikamore kigerageza kwera pome. Ntabwo cyashobora kubikora, murebe, n'ubwo ari igiti bwose. Ariko ntigishobora kwera pome.

89 Ni nk'aho inyumbu igerageza gukora ubwoya, ngo igerageze kuba intama mu gihe imeze ubwoya, kandi, ari inyumbu. Murabona, ntishobora gukora ubwoya. Ntishobora kubikora. Ubwoya ni impano ku ntama, ntabwo ari ari iy'inyumbu. Ishobora kugerageza gukora nk'intama, ariko iracyari inyumbu. Murareba? Rero iravuga iti: "Ni byo, nshobora kurya nk'intama. Nshobora gukora *ibi* nk'intama." Kandi ititaye ku byo ishobora gukora, igomba kuba intama kugira ngo igire ubwoya.

90 Reka mpagarare hano umunota. Intama ntizikora ubwoya. Ifite ubwoya kuko ari intama. Abantu benshi bagerageza kuvuga bati: "Ni byiza, nzagerageza kubona ibyiza. Nzagerageza gukora *ibi*." Ntibagire icyo bakora. Oya, ntimushobora kubikora. Intama ntabwo, ntiyasabwe, ntabwo iteganijwe mu gukora ubwoya. Igira ubwoya, kandi ibugira kuko ari intama.

91 Kandi iyo uri Umukristo, wera gusa imbuto z'Umwuka. Ntabwo—ntabwo uzikora. Ntugerageza kubikora. Uragerageza . . . Ntukigire ikintu utari cyo. Uhinduka gusa

uko ugomba kuba, hanyuma bikiyitaho ubwabyo. Mwigeze mwumva abantu bavuga bati: "Rero, ndabibabwiye. Ni . . . ninjiye mu rusengero. Njye—njye nkwiriye rwose kuva muri iki kinyoma"? Mugerageza kongera gukora ikintu runaka, ubu. Ntimushobora kubikora, ntabwo rero bikenewe kubigerageza, bitarenze i—kuruta i—inyumbu ishobora gutuma yo ubwayo igira ubwoya. Ntishobora kubikora.

92 Cyangwa, inkongoro igerageza gusangira n'inuma, inkongoro igerageza—inkongoro igerageza kuba inuma. Ntushobora kwiyumvisha urusaku rwaba aho hanze, ivuga iti: "Murabizi, ndi inuma," ikishyiraho amababa make, ikavuga iti: "Murebe, ndasa n'i . . . " Murareba? Byaba bitayibereye. Uwo ni u—umuntu uvuga ko ari ikintu mu gihe atari cyo. Murebe, ntimushobora kubikora.

93 Ntushobora kuvuga uti: "Noneho murebe, ngomba kugira ingeso nziza, bityo nkagira ingeso nziza. Ni ngomba kubaho wubaha Imana, rero nzabihabwa gusa." Kubera iki, urimo kugerageza gushyiraho amababa gusa. Nubwo biri hafi yawe, ariko ntushobora gushyira amababa ku nyoni itari yo. Murareba? Gusa ntabwo bizakora. Kandi iyo nyoni irerekana gusa indyarya. Murareba? Ntushobora kwiyumvisha ko icyanira gishaje kigerageza kugira amababa abiri y'inuma, kikavuga kiti: "Murebe hano, murabona, Ndi inuma"? Murareba? Kubera iki, twese tuzi ko ari icyanira. Murareba? Murareba? Ibyo ari byo byose. Dushobora kuvuga ko ari icyanira.

94 Ni byiza, ubu ni ko bimeze, kugerageza ku—kwiremera ubukristu. Ntushobora kubikora. Ikintu cya mbere ugomba gukora, ni ukuvuka ubwa kabiri. Ugomba guhinduka. Murareba? Kandi iyo uhinduwe, uhinduka icyaremwe gishya. Noneho murabona neza, noneho. Murareba? Noneho ntugomba guhangayikishwa n'amababa, izayitaho ubwayo, igihe—igihe wavutse ubwa kabiri. Ni byo, mugenzi.

95 Nk'uko nahoraga mbivuga. Ufashe i—ingurube, ukayikuba hanyuma ukayambika kositimu iriho ipfundo, cyangwa kositimu y'ipfundo, ahubwo, kuri yo, hanyuma uyirekure hanze aho; izagenda neza neza yerekeza mu mwobo w'ibyondo ijye kwivuruguta. Kubera ko, murabona, nta cyiza cyayibaho. Ni ingurube. Iyo ni kamere yayo. Kwivuruguta ni kamere yayo. Ugomba guhindura kamere yayo, hanyuma (yo) ibisigaye byose bizikora.

96 Noneho, ikitonderwa. Ugomba kuvuka ubwa kabiri, ni ukuvuga, guhindurwa. Hagomba kubaho impinduka.

97 Uravuga uti: "Ni byiza, Mwene Data Branham, nzi uyu mugore runaka hano, kubera iki, ntiyigeze akora ikintu kibi. Ni umugore mwiza. Cyangwa, umuntu *uyu-n'-uyu*, ni umuntu mwiza. Ntiyigeze agira ikintu na kimwe akora. Uzi ko ntawe yigeze agirira nabi." Ibyo nta kintu na kimwe bisobanuye.

Ashobora kuba ari umuturanyi mwiza, ariko atari Umukristo kugeza avutse ubwa kabiri.

98 Yesu yaravuze ati: "Usibye umuntu wavutse ubwa kabiri," Mutagatifu Yohani 3, haravuga ngo, "ntashobora no kubona Ubwami." Noneho, bivuze ngo, *murebe*, bisobanura "gusobanukirwa."

99 Urareba ikintu icyo ari cyo cyose, ukavuga uti: "Gusa simbibona." Ushaka kuvuga ko utabyumva.

100 Umuntu ntashobora kumva impamvu abantu bavuza induru. Umuntu ntashobora kumva impamvu imvugo y'umuntu ihinduka kandi akavuga mu ndimi. Umuntu karemano ntashobora kubona uburyo icyubahiro cy'Imana cyagera mu maso y'umuntu, n'ukuntu yabona iyerekwa akabwira umuntu ibintu bimwe na bimwe, ndetse n'icyo gukora; akababwira ibintu byo gukosora biriho, kandi akerekana ibintu bizasohora, nk'uko Uwiteka yabidukoreye hano mw'ijoro ryakeye. Murareba? Murareba? U—ubwenge busanzwe bugerageza kubishyikira. "None yakoze iki? Cyangwa, ni ubuhe bwoko bw'icyapa akoresha? Ni ikihe cyapa yabonye?" Kubona umugabo uvuga mu ndimi, akavuga. . . kandi undi muntu agasobanura hanyuma akabwira neza umwe mu bagize Umubiri ibyo yakoze, n'ibyo atagombaga gukora. Murareba? Murareba? Batekereza ko ari ubwoko bumwe bwo gutebya. "Hari ikintu cyashyizwe hagati yabo."

101 Ntibashobora kubyumva kugeza igihe uwo umuntu yongeye kuvuka ubwa kabili. Noneho iyo avutse ubwa kabiri, ni bwo aba ari mu murongo w'ubusabane, kuko aba abaye icyaremwe gishya. Iyo mico ya kera iteye amakenga, yo gushidikanywaho, yarapfuye. Noneho, aba abaye icyaremwe gishya. Rero, murabona, ntagomba kugira icyo yongera kuri ibi, ubu, kuko bizahita byongerwaho.

102 Icyitonderwa, ugomba kuvuka ubwa kabiri. Kandi iyo wavutse ubwa kabiri, ntushobora kuvuka ubwa kabiri udafite kwizera. Ni byo. Rero, murabona, ku mbonerahamwe yanjye hano, nabonye urufatiro nyarwo, ukwizera ni ishingiro rya byose. "Kubera ko udafite kwizera ntibishoboka gushimisha Imana. Ugendana n'Imana agomba kwizera ko Iriho, kandi Izagororerera abayishaka babishyizeho umwete." Murareba? Ni ko agomba kuba. Kandi iyo ushidikanije kuri Bibiliya, muri icyo gihe uba ushidikanije ko Ijambo ari ukuri, ushobora gusa no kuba uretse kugeza ubanje kubyizera.

103 Icyaha ni iki? Kutizera. Hariho ibintu bibiri gusa bigenzura ikiremwa muntu. Ibyo ni ugushidikanya cyangwa ukwizera, kimwe cyangwa ikindi. Utwarwa n'icyiganza kuruta ibindi mu buzima bwawe. Gusa biterwa no kwizera ufite, uko ushobora kuzamuka.

104 Ariko, bwa mbere, bigomba kuba kwizera. Reka ngume kuri urwo rufatiro umwanya muto. Noneho, kwizera ni icyo ugomba kwizera. Kwizera ni icyo . . . "Kwizera ni ibintu bigize ibyo wiringiye." Ni, usanzwe ubifite mu gihe ufite kwizera, kuko bigaragarira mu kwizera. "Ukwizera ni ibintu bigize ibyo wiringiye," Abaheburayo 11, murebe, "ikimenyetso." Ni igiki? Ni ikihe kimenyetso? Ikimenyetso cyera.

105 Kubw'ibyo, iyo uvuze ngo: "Mwene Data Branham, Nizera ko Imana ari Umukiza." Ni byiza, niba ubyemera, ubwo rero Yo uyemere nk'Umukiza wawe, kandi ntubeshye, ariko mu by'ukuri wizera ko kubw'imibyimba Ye wakize, nta kintu na kimwe cyabigukuraho. Ni ibintu byakemuwe. Noneho ugomba kugira ibyiringiro, komeza wishingikirize kuri *ibi* wishingikirize no kuri *biriya*. Ariko iyo uhawe kwizera, urabimenya, kuko ni ikimenyetso. Wamaze kukwakira. Nari . . .

106 Ni bangahe, umuntu wese, wigeze kumva Oral Roberts muri iki gitondo, ubwo yabwirizaga muri iki gitondo, Oral Roberts? Njye—njye numvise avuga ikintu cyangwa ikindi kijyanye n'uko hariho kwizera, ko gutabarwa, gusenga isengesho ryo kwizera, ryo gutabarwa. Yaravuze ati: "Kora kuri radiyo yawe, kora ku kintu runaka, kugira ngo . . ." Hari umuntu wabikoraga, kugira ngo bihe abantu ikintu bashoboraga gushyiraho ibiganza byabo. Ikintu runaka, muravuga muti: "Nakibonye noneho, kuko yambwiye ngo nkore kuri radiyo yanjye. Nakibonye." Murareba? Noneho, ni byo rwose. Ariko, ubungubu, kwizera nyako ntikugomba gukora kuri kimwe muri ibyo bintu. Noneho, ntabwo ndwanya mwene Data Oral, ntabwo ari byo rwose. Arimo gukora umurimo ukomeye, ni umuntu wubaha Imana, nanjye—nanjye nzi neza ko hari byinshi ntekereza kuri Oral Roberts. Birababaje cyane ntabwo dushobora kubona byinshi muri byo.

107 Ariko ngerageza kuvuga, ibyo ko—ko, kwizera ntacyo gukeneye. Murareba? Kwizera Ijambo ry'Imana. Kubera ko kwizera kuzanwa no "gukoraho"? Oya. "Kwizera kuzanwa no kumva, no kumva Ijambo ry'Imana." Ibyo birabishimangira. Ni ko bimeze. Murareba? Kandi kwizera, nk'uko byavuzwe, nta ntera ihari ngo kugerweho. Kwizera kuriho ubu. Kwizera kurahari. Ubu ni nk'aho hari umuntu . . .

108 Uwo mwana muto, wa munsi. Uwo mubyeyi wa Mushiki wacu Kidd hamwe na bo babivugagaho, wawundi wari ufite ako kana gato gafite amara ari hanze, nta muyoboro afite aho umwanda usohokera, kugira ngo banyuzemo ibiryo. Noneho, uyu mudamu, yumvise Mushiki wacu Kidd hamwe na bo batanga ubuhamya, yizeraga ko turamutse tubonanye, nuko nsengera uwo mwana. Noneho, murebe, Imana iduha abantu . . .

109 Bamwe muri twe dufite uburambe ku Mana, bityo rero—rero bwa nyabwo ku buryo Imana ihinduka nk'aho

ije hano, nko, ikavugana na mwene Data Neville cyangwa undi muntu muziranye. Kandi rimwe na rimwe dusaba abo bantu kudusengera. Ni byo tugomba kubikora. Noneho niba tubonye kwizera ko uriya mugabo cyangwa umugore, umuntu wese udusengera, avugana n'Imana, noneho kwizera kwacu kurafashwa. Biraba. Birakemuka.

110 Hano. Umuroma yagiye gusanganira Yesu. Maze aravuga ati: "Njye—njye ntabwo nkwiriye ko Waza mu nzu yanjye. Njye—njye ntabwo ndi. Njye—njye ntabwo nkwiriye. Kandi njye ntabwo—ntabwo nari . . . Njye—njye ntabwo ndibara muri ubwo buryo. Ariko," aravuga ati: "umuhungu wanjye ararwaye cyane. Kandi nuvuga Ijambo rimwe gusa, murareba, umuhungu wanjye arabaho."

111 Ni ibiki? Intera ntacyo yahinduye. Murareba? Kubera ko, Imana iri hose. Imana ishobora byose. Kandi ahantu hose Imana iri, ishobora byose irahari. Kandi Imana, kuba hose, bituma Imana ibera hose icyarimwe, ahantu hose. Murareba? Imana irakomeye cyane mu Budage, mu Busuwisi, no muri Afrika, buri munota, nk'uko Iri hano. Yoo! Murakurikira.

112 Ubu rero yaravuze ati: "Ntabwo nkwiriye ko Waza munsi y'gisenge cyanjye. Vuga Ijambo rimwe gusa." Ni ibiki? Kwari kwa kwizera kwa Roma. Yarabyizeye.

Maze Yesu aravuga ati: "Genda. Umuhungu wawe yakize."

113 Maze arasohoka, akora urugendo rw'iminsi ibiri. Bukeye, 'mbere y'uko agera mu rugo, ahura na bamwe mu bagaragu be baza. Baravuga bati: "Umuhungu wawe ni muzima."

114 Nuko Umuroma Arishima cyane, kugeza ubwo yavuze ati: "Ni ikihe gihe cy'umunsi yatangiriyeho gukira? Ni ikihe gice cy'umunsi?"

Baravuga ati: "Ahagana kw'isaha ya saa kumi n'imwe, ni bwo yatangiye gutora agatege."

115 Kandi Umuroma yari azi ko ari cyo gihe Yesu yavuze ati: "Umuhungu wawe ni muzima," kandi yari yarizeye. Amina.

116 Ishoborabyose, ibera hose icyarimwe, izi byose, ntigira iherezo, iyo ni Imana. Noneho, iyo bahamagaye kuri telefone bakavuga bati: "Senga!" Uko kubonana! No kwizera kwawe bizana Imana. Ni ibintu bihuriza amasengesho n'Imana, hamwe, ije gutabara. Isengesho! Kwizera kurahinduka kuva *hano* kukagera *hano*. Kurabizana byombi.

117 "Vuga Ijambo rimwe gusa. Icyo nshaka ko ukora ni ukuvuga Ijambo rimwe gusa, maze byose bikagenda neza." Murareba, Ntabwo yagombaga kuba ahari. "Vuga Ijambo rimwe gusa." Kubera iki? Imana ibera hose icyarimwe. Ifite imbaraga zose. Ifite imbaraga munsi y'isi nk'uko Iri hejuru y'isi, cyangwa ku mpande zombi. Ni Imana. "Kandi ikintu kimwe ugomba gukora ni ukuvuga Ijambo rimwe gusa," yaravuze.

118 Kandi, ubu, kwizera gukora ibisigaye. Kwizera gukora ibisigaye. Ugomba rero kugira kwizera gufite urufatiro. Ubukristo bwose, icyo uri cyo cyose, icyo uzakora cyose, gishingiye ku kwizera mw'Ijambo. Ni yo mpamvu nizera Ijambo. Murabona?

119 Ntabwo nshobora gushyira kwizera kwanjye ku bindi. Niba ngiye kubishyira kw'itorero, ni irihe torero nabishyiraho: Gatolika, Luteriyani, Metodisite, Ababatisita, Abapentekote? Nagushyira ahagana he? Simbizi. Bose baritonda n'ibindi byose, bari ku mirongo igororotse, n'ibindi byose.

120 Ariko iyo nshyize kwizera kwanjye mw'Ijambo Rye, birashikamye. Ntawe ubisobanura. Hano ni, UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Noneho ndabyizera. Bifite ishingiro.

121 Umuganga muto mwiza hepfo aho mu mujyi, inshuti yanjye, Muganga Sam Adair. Twarabyirukanye. Mwese muzi Sam. Hanyuma arambwira ati: "Bill . . ." Nyuma y'uko iryo yerekwa riza, yamubwire aho azubaka ikibanza cye, uko bizaba bigaragara. Noneho injira hariya, ugire icyo umubaza niba atari ukuri. Imyaka ibiri cyangwa itatu mbere y'uko bibaho, mubwira aho bizabera. Ndavuga nti: "Uzafata hafi icyo gice cy'umujyi." Kandi ntakindi ariko ikintu kimwe hagati ye na cyo, kandi ni aho hantu hazavugururwa. Dogiteri Adair yabonye ibisigaye kuri ibyo, hamwe na wa mukozi wa farumasi. Ni ibyo gusa. Muganga Adair yasohoje neza neza, iryo yerekwa. Aho, ahantu yavuze, "Ntihashobora no gukorwaho mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'itanu. Ni mu rukiko."

122 Ndavuga nti: "Dogiteri, Uwiteka arahaguha, kubera kwicisha bugufi kwawe."

Aravuga ati: "Ntabwo ndi mwiza."

123 Ndavuga nti: "Uri akanyamasyo. Wabonye igikonoshwa hanze, igikonjo uzareberamo inshuti zawe hanze aha, ariko imbere uri umusore nyawe. Sohoka muri kiriya gikonoshwa." Ndavuga nti: "Imana irakiguhaye."

124 Aravuga ati: "Sinigeze ngushidikanyaho, Billy, ariko ngomba kubishidikanyaho."

Ndavuga nti: "Komeza werekeze ku biro byawe." Nuko arasohoka.

125 Bukeye bwaho, yarampamagaye, aravuga ati: "Ndumva nkonje kugeza gupfa."

126 Ndavuga nti: "Ikibazo ni ikihe?" Hari nko muri Nyakanga. Ndavuga nti: "Ikibazo ni ikihe, Dogite?"

127 Aravuga ati: "Namaze kugura ikibanza, Billy. Bagize inama mw'ijoro ryakeye i Boston, kandi namaze kugura ikibanza muri iki gitondo."

Ndavuga nti: "Narakubwiye."

128 Ejo bundi nari hepfo hariya, ndamuvugisha, ubwo imbunda yaturikiraga mu maso yanjye. Aravuga ati: "Ndatekereza ko nabibwiye abantu igihumbi binjira hano, muri ubwo buryo." Ni ibiki? Noneho, iyo Imana ivuze ikintu cyose, kigomba gusohora.

129 Ku mugoroba ushize, inshuti zimwe zinjiye. Bumvise iryo yerekwa rivugwa aho bacururiza ikawa hari hafite ihembe rya santimetero mirongo-ine-n'ebyiri, hamwe n'idubu ry'ibara rya-siliva. Sinzi umubare w'abantu baza muri iyo nzu, bashaka kuyireba. Ndavuga nti: "Dore igipimo cya kaseti. Jya kw'ihembe." Yubyumvise byavuzwe mbere y'uko biba. Murareba? Kubera iki? Iyo Imana ivuze ikintu icyo ari cyo cyose, kigomba gusohora. Iyo ni yo mpamvu, bifite ishingiro.

130 Noneho, *hano* hari gahunda y'agakiza. Noneho niba iyerekwa Rye ryaragenze neza, neza nk'uko ryavuzwe, kandi iri torero rya hano rikaba rizi ko ari byo, noneho tuvuge iki kw'Ijambo Rye? Murareba? Ni byo rwose riruta iyerekwa. Niba iyerekwa ritaravuganye n'Ijambo, iyerekwa riba ari ikinyoma. Ariko ni Ijambo, mbere na mbere, kuko Ijambo ni Imana. Murareba? Rero, Ibera hose icyarimwe. Ibyo yabivuze hano, kandi ituma bisohora kubaho muri Kanada. Amina. Murareba, Iri hose. Ni ukuri.

131 Icyambere, ugomba kuvuka ubwa kabiri. Noneho iyo wavutse ubwa kabiri, uba ufite kwizera; wemera Ijambo. Kugeza igihe uvukiye ubwa kabili, uzaba ubihakana. Niba ukunda idini gusa, kandi—kandi ufite u—u—u ubumenyi buke bw'abantu ko ugomba gukora neza, ntuzigera ushobora kumvikana n'Ijambo ry'Imana. Ntuzigera ubikora. Ugomba kuvuka ubwa kabiri. Kandi, kuvuka ubwa kabiri, bitanga kwizera. Rwose. Noneho, nyuma yo kubona kwizera, burya *hano,* k-w-i-z-e-r-a, kwizera, noneho uri mu rugero rwiza rwo gukura.

132 Kuri ubu, abantu benshi barazamuka bajya ku gicaniro, bagasenga, bavuga bati: "Mwami, mbabarira." Kandi uburambe bukomeye bwo kwezwa bubageraho, n'ibindi. Noneho mufite ibihe byiza, nimuhaguruke ku gicaniro, musakuze. Musubire inyuma, muvuga muti: "Imana ihabwe icyubahiro, nabubonye." Oya, watangiriye gusa ahantu ushobora gukura. Ntacyo wakoze. Murareba? Gusa ikintu wakoze ni ugushyiraho urufatiro.

133 Noneho ugiye kubaka inzu, hanyuma ushyireho umusingi, vuga uti: "Muhungu, namubonye." Murareba? Wabonye umusingi wo kubaka inzu yawe. Noneho wabashije kuyubaka.

134 Noneho hariho ikintu cyiza, muri iki gitondo, tugiye kukivugaho nonaha. Byose. Inzu, uru rufatiro ni urwambere. Urufatiro rw'Ubukristo ni uruhe? Kwizera mw'Ijambo ry'Imana. Nguwo umusingi wawe. Noneho ugatangira gukura. Noneho ugatangira, ugatangira kongeraho kuri uru rufatiro.

135 Noneho, ukubaka inzu, ugashyiraho ibiyizamura n'ibindi byose. Mwene Data Wood, hamwe na bamwe muri aba babaji

na ba rwiyemezamirimo bari hano bashobora kutubwira uko wubaka inzu yawe. Murareba? Ariko ngiye kukubwira uko wubaka inzu yawe y'umwuka, aho Imana ishobora gutura. Irashaka gutura muri wowe. Irashaka kukugira nka Yo ubwayo. Irashaka ko ugaragazwa, ukagaragaza, ahubwo, Kubaho Kwayo.

136 Murabizi, kera iyo bashakaga gutunganya zahabu, mbere babaga bafite umuriro wa kuyitwika, bakundaga guhonda zahabu, bagahonda ikavamo urusukume, icyuma n'umuringa n'imyanda, bigasohoka, bagakomeza guhonda, no kuyihindura, bakayihonda. Abahinde barabikora kugeza ubu, bahonda zahabu, bakayihonda. Muzi uburyo bashoboraga gutunganya icyuma cyose kivuyemo, umwanda n'ibintu byose, kandi byababaga byavuyemo? Icyo gihe uwayihondaga yashoboraga kwireberamo, nk'indorerwamo, muri yo. Yabaga isukuye kandi irabagirana bihagije kugeza ubwo uyihonda yireberamo.

137 Ni bwo buryo Imana ikora. Ifata zahabu Yasanze kw'isi, maze ikayihonda, kubw'Umwuka Wera, ikayihindura, hejuru, no hejuru, ikayihonda kugeza igihe (Yakira) Ishobora kuyireberamo Ubwayo. [Mwene Data Branham yakomye mu mashyi inshuro nyinshi—Ubwanditsi.]

138 Kandi ni byo tugomba gukora, ni ukugaragaza Umwana w'Imana. Noneho tugomba gukora umurimo We. Yaravuze ati: "Unyizera. . . " Muri Yohani 14: 7, "Unyizera, imirimo nkora na we azayikora." Icyo gihe mutangiye kwerekana imirimo ya Kristo.

139 Ariko benshi muri twe tugerageza gukora imirimo ya Kristo mbere y'ukwigaragaza kwa Kristo muri twe. Noneho hariho ibibazo. Turasanga ibyo bintu bibaho. Murabizi. Ndabizi. Turabona ibyo gusitara mu rugendo. Turasanga itsinda ry'abakozi, b'Abakristo, babyigana mu rugendo, ni ukubera ko batabigiyemo neza.

140 Ni yo mpamvu ndi hano muri iki gitondo, kugira ngo ngerageze kwigisha iri torero rito, nanjye ubwanjye, burya ngo dushobora guhinduka ubuturo bw'Imana nzima. Ni bangahe bakunda kumera gutyo? Ahantu h'Imana nzima!

141 Noneho dore ibyo dukora. Ni ikihe kintu cya mbere? Mugire kwizera kandi muvuke ubwa kabiri. Ibyo ni ugushyiraho urufatiro.

142 Noneho, tumaze gushyiraho urufatiro, icya kabiri nawe wongeraho kuri urwo rufatiro rwawe. "Ongeraho kwizera kwawe," Petero yavuze hano. Ongeraho. . .mbere na mbere uba ufite kwizera, hanyuma wongereho ingeso nziza ku kwizera kwawe. Iyi ni yo nkingi ikurikira. Ubwa mbere, shyiraho urufatiro, kwizera. Noneho, kuri uko kwizera kwawe, wongereho ingeso nziza.

143 Noneho, aho ngaho hadukubita hasi benshi muri twe. Yego mugenzi. Yego. "Ongeraho ingeso nziza ku kwizera kwawe."

Ibyo ntibisobanura kubaho ubuzima bw'isugi gusa, urabizi, nk'umugore cyangwa umugabo, n'ibindi n'ibindi. Ibyo ntaho bihuriye na byo.

144 Bibiliya yarabivuze, dusoma hano mu gitabo cya Luka, aho kivuga kiti: "Ingeso nziza ni We zaturutseho." Ibyo ni ukuri? Niba tugiye kumera nka We, tugomba kugira ingeso nziza, rwose. Tugomba, kumera nka We. Ni indirimbo ya mbere nakunze, mu—mu ndirimbo zose, imwe mu zikomeye, yari, *Kuba nka Yesu*. Ni byiza, niba ngiye kumera nka Yesu, ngomba kugira ingeso nziza, n'inzira ishobora kunyura imbere yanjye ikagera ku bantu. Kuko, "Ingeso nziza zimuturukaho zijya ku bantu." Ingeso nziza! Kandi mbere y'uko zisohoka, mugomba kubanza kuzigira. Mutazifite ntabwo, ntabwo zasohoka. Nta kintu na kimwe gishobora gusohokamo.

145 Byagenda bite niba umuntu yagerageje kudukuramo ingeso nziza, hanyuma sheki ikagaruka "amafaranga adahagije"? Murareba? Oya, oya, nta kintu kirimo, ni sheki itazigamiwe. Umuntu akureba nk'Umukristo, ejo akakubona hano ukomeza nk'umunyabyaha, ntabwo ingeso nziza zishobora kuva muri ibyo. Murareba? Ni byo.

146 Ingeso nziza zigomba kuba muri twe. Kandi kugeza tubonye ingeso nziza. . .Noneho iyo tubonye ingeso nziza, dushobora kuzongera ku kwizera kwacu. Ngurwo urufatiro rwiyongeraho. Noneho, ugomba kubanza kwizera. Kwizera konyine ntikwabikora. Ufite. . .Petero aravuga ati: "Noneho ongera ingeso nziza ku kwizera kwawe." Ugomba kugira ingeso nziza, kugira ngo wongere kwizera kwawe.

147 Noneho, noneho, birashobora kuba, udafite impamvu, kubera ko amatorero menshi y'iki gihe akwigisha ko utagomba kuzigira, cyangwa ko iminsi yarangiye. "Ntibagomba kuzigira. Gusa ikintu ugomba gukora ni ukwinjira mw'itorero gusa. Yego, iminsi irarangiye."

148 Ingeso nziza, umuntu wese azi icyo ijambo ingeso nziza risobanura, murareba, kandi tugomba kuzigira. Niba ingeso nziza zarasohotse muri We, kubwo gukiza wa mugore wari urwaye, Aracyategereje ingeso nziza nk'izo mw'Itorero Rye, kuko Yatubereye urugero. Niba kandi Yari afite ingeso nziza zo guha abantu, yiteze ko tugira imico myiza yo guha abantu. None se ngeso nziza ni iki? Imico myiza ni imbaraga, imbaraga.

149 Bamwe muri bo ntibanizera imbaraga z'Imana. Baravuga bati: "Ibyo—ibyo—ibyo ni ibyahise. Gusa ikintu ugomba gukora ni ugushyira izina ryawe mu gitabo gusa, hanyuma ukaminjagirwa, cyangwa ugasukwaho amazi, cyangwa ukabatizwa, cyangwa n'ibindi. Kandi ibyo ni byo ugomba gukora."

150 Ariko Petero hano aravuga ati: "Mwongereho ingeso nziza." Noneho, Petero avuga ku byerekeye kubaka Inzu y'Imana,

murareba, Ingoro y’Imana, ayitunganyiriza ahantu. Kandi nyuma yo kugira ingeso nziza, ugomba kugira. . . Nyuma yo kwizera, ugomba kugira ingeso nziza hamwe nako. Ni ukuri. Gira ingeso nziza kubw’isi yose.

151 Nabwirije ikibwiriza hashize imyaka makumyabiri, ndakeka ko kuri Revera Bwana Lily. Lily, umushumba. Yakuye mu nyandiko kugeza aho Yesu yavuze ati: “Murebe indabo z’umwangange, uburyo zitigera zifana kandi zihora zitoshye. Nyamara ndabibabwiye, Salomo mu cyubahiro cye cyose ntiyigeze yambara nka rumwe muri zo.”

152 Itegereze umwangange. Uturuka hasi mw’isayo ry’icyondo. Kandi buri munota w’umunsi ni ko uvoma amazi uvanye muri rya sayo. Murareba? None se izi ngeso nziza uvanayo uzimaza iki? Urazitanga. ugatanga ubwiza ku bawureba. Urifungura, kugira ngo inzuki zize guhomva ubuki kuri wo. Ntimukitotombe. Urabifite gusa, kugira ngo uzitange. Byagenda bite niba inzuki zinjiyeyo; amafaranga adahagije, nta buki? Urwo ruyuki rwakubita umutwe hasi rukavuga ruti: “Uyu mwangange ni bwoko ki?”

153 Niba umuntu aje, agerageza gushaka agakiza, yajya mw’itorero ryizera ko iminsi y’ibitangaza yarangiye?

154 Nk’uko Jack Coe yigeze kubivuga. Kujya muri resitora, hanyuma ukagira urutonde runini rw’ibyo bateka; ugatangira kubisoma, inyama yo kw’igufwa-T n’ibindi. Ukavuga uti: “Ndaza gufata inyama yo kw’igufa-T.”

“Ni byiza, iyo yari umunsi washize. Ntayo dufite.”

155 Birashoboka kandi ko warambika urutonde rw’ibyo bateka hasi hanyuma ugasohoka, murareba, ni byo, ’kubera ko ntacyo kurya bafite, uko byagenda kose. Ushobora rero kugana kuri resitora aho bafite icyo kurya.

156 Kandi umuntu w’umwuka, akura, akeneye icyo kurya. Iryo ni Ijambo ry’Imana. Nizera Ijambo Ryawo ryose.

> Imana ifite ameza yakwirakwijwe aho abera b’Imana bagaburirirwa,
> Yahamagaye ubwoko Bwayo bwatoranijwe, “Ngwino dusangire.”
> Irabagaburira na Manu Yayo, Aduha ibyo dukeneye byose,
> Yoo, biraryoshye gusangira na Yesu igihe cyose!

157 Ni byo. Yego mugenzi. Arayifite. Itorero rifite, Itorero ry’Imana nzima, ryubatswe muri uyu muntu utunganye, w’ubumenyi bwa Kristo. Noneho, ubu mugomba kugira ingeso nziza.

158 Navuze noneho, ikintu cya mbere muzi, nuko hari umuntu ukunda kumva impumuro. Ntabwo yikunda. Afite impumuro.

Mbere yo gutanga impumuro, agomba kuyigira. Mbere yo gutanga ubuki, agomba kubugira. Mbere yo gutanga ubwiza, agomba kubugira.

159 Mbere y'uko ushobora gutanga ingeso nziza, ugomba kuzigira. Noneho, ongera ku kwizera kwawe, ingeso nziza. Amina. Murasobanukiwe? Dushobora kuguma kuri ibyo igihe kirekire, ariko igihe cyacu cyaducika. Ongera ingeso nziza ku kwizera kwawe. Noneho, mbere na mbere ni ukwizera, hanyuma ingeso nziza.

160 Hanyuma, icya gatatu, wongereho kumenya. Ubumenyi, ubungubu, ntibusobanura ubumenyi bw'isi, 'kubera ko ibyo ari ubupfu ku Mana; ariko ni ubumenyi bwo guca imanza, gucira urubanza (iki?) icyiza n'ikibi. Ni gute ushobora kubicira urubanza, niba ufite ubumenyi bwa Gikristo hamwe n'ingeso zawe no kwizera? Murareba niba Ijambo ari iry'ukuri cyangwa ari ikinyoma. Niba kandi ushobora gushyira ku ruhande ibyo wizera byose, no kutizera kwawe, ibyo uvuga byose wakoze, noneho ufite ubumenyi bwo kwizera ko Imana idashobora kubeshya. "Reka ijambo rya buri muntu ribe ikinyoma, ariko Iryanjye ribe ukuri." Murareba? Noneho murimo kunguka ubumenyi. Ubwo ni ubumenyi buhebuje. Si ngombwa kugira impamyabumenyi enye muri kaminuza imwe, cyangwa ikindi kintu nk'icyo, kugira ngo ubugire, kubera ko iyo mico yose yatanzwe n'Imana, kugira ngo uyishyire ku rufatiro rwo kwizera kwawe, kugira ngo ugere ku gihagararo cyuzuye cy'umuntu nyawe, muzima w'Imana. Ni byo, mugenzi.

161 Wongereho, wongereho kumenya, kuko, ari ubumenyi bw'Ijambo Ryayo. Ugomba kubyizera muri ubu buryo. Nk'uko, ukwiye kwizera uyu munsi ko. . .kandi ukemera ko iminsi y'ibitangaza itarangiye. Menya ko ibyo Imana yavuze, Imana ishoboye no kubikora.

162 Aburahamu yarabyizeye. Kandi igihe yari afite imyaka ijana, ntiyatatiye amasezerano y'Imana kubwo kutizera. Murareba ukuntu iryo Jambo ryagaragaraga nk'irisekeje. Dore umugabo, ufite imyaka ijana, ushakisha umwana wavukira mu rugo rwe, n'umugore ufite imyaka mirongo cyenda. Murareba? Hafi y'imyaka mirongo itanu ishize atabyara, yabanye nawe kuva akiri u—umukobwa muto, cyangwa imyaka y'ubwangavu. Kandi hano ari, ubuzima bwe bwari bwarapfuye. Inda ya Sara ntyari igishobora kubyara. Kandi ibyiringiro byose byarashize, nk'uko byari ibyiringiro. Ariko, nanone, kurwanya ibyiringiro, yizeraga buri byiringiro, kuko yari azi ko Imana ishoboye kubahiriza ibyo Yasezeranije byose.

163 Noneho, iyo ubibonye nka gutya, noneho ubyongeraho kwizera kwawe. Mu gihe wabonye ingeso nziza, zongere ku kwizera kwawe. Iyo ushobora gusohoka hano mu muhanda, ukabaho nk'Umukristo, ugakora nk'Umukristo, ukaba

Umukristo, ibyo ubyongera ku kwizera kwawe. Iyo ufite ubumenyi . . .

164 Uravuga uti: "Ni byiza, sinzi noneho niba *iki* Cyanditswe ari cyo. Noneho dore mu Ibyakozwe n'intumwa 2:38, sinzi uko nabijyanira hamwe n'Ibyakozwe n'intumwa 28:19, simbizi." Ni byo. Ntimushobora—ntimukagire icyo mwongeraho, 'kubera ko mutarabigira. Urareba? Mugiye gukora iki? Kubera ko, mutabonye ubumenyi buhagije bwo kumenya Imana, nyamara, Bibiliya ntiyivuguruza Ubwayo. Mubireke. Ntimukongere kubivuga ukundi. Murarereba? Mubireke.

165 Ariko iyo mushobora kubona ko Ibyanditswe bitavuguruzanya, aho mushobora kubivuga; ndetse mushobora no kubona, ko, kubwo guhishurwa kw'Imana, Ijambo ryose ryanditswe mu bwiru, kandi ubumenyi bw'Imana bwonyine ni bwo bushobora kubihishura; noneho iyo mubonye muvuga, mwikiriza kw'Ijambo ryose ry'Imana na "amina," ubwo ibyo mubyongere ku kwizera kwanyu.

166 Yoo, murimo kuba abagabo beza cyane kuri ubu. Murareba? Murimo gutera intambe, murareba. Afite iki? Hamwe no kwizera, hamwe n'ingeso nziza, hakurikireho ubumenyi. Murareba uko byubaka uyu mugabo? Mushobora kubona ko nta—nta buryo bwo kubihunga. Ni inzira yo guhinduka mu miterere yuzuye ya Kristo. Yego mugenzi.

167 Guca urubanza, guca urubanza. Guca urubanza niba ari byiza cyangwa bibi, kwizera Ijambo ry'Imana. Murebe niba ari byiza cyangwa bibi, niba mukwiye gukorera imyizerere cyangwa gukorera Imana. Umucamanza niba ari byiza cyangwa bibi, ngomba kuvuka ubwa kabiri cyangwa kwinjira mw'itorero. Noneho muratangiye. Guca urubanza ako kanya, iyo umubwirizabutumwa avuze ngo: "Iminsi y'ibitangaza yararangiye." Bibiliya iravuze iti: "Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose." Noneho ni inde ugiye kwizera?

168 Iyo uvuze uti: "Nzahitamo Imana." Noneho, ntabwo ubivuze kubwo gupfa kuvuga gusa, "Ni byo, Njye—Ndabifata," bivuye ku mutima wawe. Ariko, ikintu kiri muri wowe, kwizera kwawe kwinjirira aho. Murakurikiye. Ukwizera kwawe kuravuga kuti: "Nzi ko Ari umwe. Amina. Namuhamirije kimwe. Nta kintu na kimwe gishobora kumunkuraho. Nzi ko ariho." Amina. Noneho ibyo mubyongere ku kwizera kwanyu. Mubirambike hasi ku rufatiro. Muzamuke nonaha, muze neza mugana mu Bwami. Kugera ahantu nonaha. Ni byo rwose.

169 Noneho, igikurikira, umubwiriza azababwira, kandi abantu benshi baravuga, "I . . . Ibi bintu mwasomye muri Bibiliya, byari iby'ikindi gihe. Noneho, ndababwira impamvu. Kubera ko, ntabwo dukeneye ibyo bintu uyu munsi. Ntabwo tubikeneye. Murareba? Ntidushobora. Ntabwo tugomba gukora ibyo bintu,

Gukiza indwara guturuka ku Mana. Ntabwo ari ukwitoza kuvuga indimi, mw'itorero, ku—kugira ngo itorero ryacu rigororoke. Kandi ntabwo *ibi* tubikora."

170 Tuzabigeraho. Nabonye Ibyanditswe byanditse hano hejuru kubyerekeye ibyo, murareba, niba twabikora cyangwa tutabikora, nonaha.

171 Ariko hano yaravuze ati: "Simbizi. Ntidukwiye kubikora uyu munsi. Gusa ikintu ntekereza ko tugomba gukora, dukwiye kwiga kuvuga neza imbere y'imbaga nyamwinshi. Tugomba kugenda tukareka umuganga w'indwara zo mu mutwe akagerageza ibitekerezo byacu, kugira ngo arebe niba twabasha kuvuga twebwe ubwacu, niba igipimo cy'ubwenge bwacu kiri hejuru bihagije kugira ngo tubikore, kandi—kandi n'ibindi nk'ibyo. Ndatekereza ko . . . Kandi dufite amatorero akomeye. Twubaka idini."

172 Ntabwo twubaka idini. Ntabwo ndi hano muri iki gitondo kubwo kubaka idini. Kristo ntabwo yigeze antuma kubaka idini. Kristo yanyohereje gushyira abantu ku gihagararo cya Yesu Kristo, kugira ngo babe imbaraga n'ubuturo bw'Umwuka, kw'Ijambo Rye. Kubw'Ijambo Rye, murareba, kubaka umuntu aho hantu. Ntabwo ari ukubaka umuryango ngo ube idini rikomeye, ahubwo ni ukubaka abantu ngo babe abahungu n'abakobwa b'Imana. Icyo ni igitekerezo. Murareba? Kwizera kwanyu, mwongereho ingeso nziza; ku ngeso nziza zanyu, mwongereho ubumenyi. Ni byiza, ubu mugeze ahantu.

173 Noneho iyo batangiye kuvuga, "Ni byiza, ntabwo tugomba kubyemera uyu munsi . . . " Mugomba kubikora. Bigomba kuba.

174 Ibyanditswe ntibishobora kubeshya. "Kandi Byo ntabwo ari ubusobanuro bwihariye," Bibiliya irabivuga. Mwebwe mubyizere gusa mu buryo Byanditswemo Hariya. Murareba? Mugomba kugira ibi bintu. Kandi uburyo bwonyine muzahora mushobora kubibonama, ni ukugira ubumenyi bw'Ijuru-mwavukanye. Kandi ubumenyi bw'Ijuru-mwavukanye buzahamiriza Ijambo. Murareba?

175 Mugomba kwizera, ntabwo ari uguhimba-mubyizere. Nta na kimwe muri ibi cyo guhimba-kwizera, murareba, niba ugerageza kuvuga uti: "Nakubonye." Ntukabe inyoni yirabura yiyomekaho amababa ya pawusi, murareba, 'kubera ko azahita ahunguka akavaho. Ntabwo ubusanzwe azikuriraho. Azumiraho gusa.

176 Ndatekereza aho Dawidi yavuze hariya, muri Zaburi 1 ati: "Azamera nk'igiti cyatewe ku nkombe y'uruzi rw'amazi." Murabizi, hari itandukaniro ryo guterwa no gushyirwaho, komekwaho. Kimwe n'igiti cya oke gishaje, cyaratewe, kikisobeka kandi kigafata neza. Inkoni ntoya yisobetse hariya, ntuba uzi ibigiye kukibaho. Nta mizi kigira. Nta rufatiro kigira. Murareba?

177 Ibyo ni nk'abantu bamwe baturuka muri seminari cyangwa ikindi nk'icyo, murareba. Simfite. . . "Ni byiza, Dogiteri *uyu-n'-uyu* yanyimitse ku murimo." Ntubitandukanye n'icyo ibyo byari cyo.

178 Kristo yatumye mubivukiramo, murebe, murebe, kubwo kwizera kwanyu. Murareba? Mwarongeye muravuka kandi mubivukiramo. Noneho nyuma yo kubivukiramo, ibi ni ibintu Itegereje ko mwongeraho. Mukomeze mubyongereho. Noneho turagendera neza ku murongo.

179 Ubu hazabaho ikindi kintu ku bijyanye n'ubu bumenyi, dushobora kuvugaho, ni ubumenyi buturuka ku Mana. Murareba? "Ese muri iki gihe Bibiliya yatakaje ibisobanuro Byayo?" Murareba, bo, abantu benshi bakubwira ko, ko Bibiliya itabivuga neza. Niba Imana inyitegereza, kandi ikankosora mu byaha byanjye, kandi niba ndi umwana w'Imana, Irabikora. Ni gutyo Ibagenza, bahungu namwe [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] bakobwa. Iyo mukoze ikintu kibi, Irabakosora. Noneho niba Imana idasanzwe kuri mwe, ku buryo ibareba kandi ikabakosora, mbega ukuntu ifite Ijambo Ryayo, ari ryo rugero rwanyu, ari ryo Yo ubwayo!

*Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana.*

*Kandi. . .yagizwe umubiri, atura muri twe,. . .*

180 Ijambo ni uguhishurwa kwa Yesu Kristo, Bibiliya irabivuga, Kristo ahishurwa mw'Ijambo Rye. Niba kandi Yarakurinze igihe urenze kuri aya mategeko, Ikaguciraho iteka, mbega ukuntu Yarushijeho gukomeza amategeko Ye agucira urubanza! Amina.

181 Komeza, muhungu wanjye, ntumbwire ibyo bintu!

182 Nizera ibitunganye, Ubumenyi bw'Umwuka Wera. Ubumenyi bw'Umwuka Wera buzahora bwikiriza Ijambo na "amina." Iyo ubonye ibi bintu bisa nk'aho bivuguruzanya, muri Bibiliya, uricara ukabyigaho, kandi usenga cyane nka kuriya. Kandi ikintu cya mbere ukwiye kumenya, ni uko Umwuka Wera atangira gukorera muri wowe. Nyuma y'igihe gito ubona bihuriza hamwe, kandi ukabibonamo. Murareba? Ubwo ni bwo bumenyi.

183 Bamwe muri bo baravuga bati: "Ni byiza, noneho, Bibiliya ivuga ko uko yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko ari kandi ko ari ko azahora n'iteka ryose."

184 Itorero riravuga riti: "Mu buryo runaka, Ni umwe." Aha-ah! Aha-ah! Mwamaze guca icyuho, aho ngaho. Murareba? Yego mugenzi. Oya, Mugenzi wanjye. Ni umwe. Ni byo, Mugenzi.

185 "Yesu Kristo uko yari ejo, ni ko ari n'uyu munsi, kandi ni ko azahora n'iteka ryose." Nta kwivuguruza kuri muri We, rwose. Yibera mw'Itorero Rye, akora ikintu kimwe. "Ni igihe gito," nk'uko nabivuze hashize igihe, "ni igihe gito aho

isi Njyewe itazongera kumbona, ariko mwebwe muzambona." Kubera ko, Yaravuze ati: "Nzaba hagati muri mwe, ndetse mbe no muri mwe, kugeza ku mperuka y'isi." Na none, Yaravuze ati: "Imirimo nkora namwe muzayikora." Na none, Yaravuze ati: "Nzaba Umuzabibu. Muzaba amashami." Kandi ishami ribeshwaho gusa n'Ubuzima bw'Umuzabibu. Ibiri mu Muzabibu byose bisohokera mu mashami. Icyubahiro kibe icy'Imana! Hanyuma, "Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose." Bitanga Ubuzima bw'Umwami Yesu Kristo. Amina.

186 Ubumenyi; ntabwo ari iy'isi (itera). Ubwoko bwose bw'ubumenyi bw'isi. Murareba? Ariko kwizera ntikugira gutekereza. Imana iguhishurira *ikintu-runaka* kigiye kubaho, umuhanga wese kw'isi yabikubwira, "Birahabanye. Ntibishobora kubaho." Urabyizera, uko byagenda kose. Murareba? Ni byo, mugenzi. Ntabwo ari impamvu. Bibiliya yaravuze iti: "Twatanze impamvu." Ntutekereza ukoresheje kwizera. Kwizera nta mpamvu. Kwizera kumenya aho kugeze. Kwizera kurakora. Kwizera kurakomera. Ntigushobora kwimuka. Nta kintu na kimwe gishobora kukwimura. Sinitaye ku byo *ibi*, *biriya*, n'*ibindi* bivuga byose. Ntabwo byimuka, na gato. Kuguma aho ngaho, kurategereza, kurategereza, kugategereza, kugategereza. Ntikugira icyo guhindura. Kuguma aho neza.

187 Imana yabwiye Nowa ibyo bintu bigiye kuba. Yarabyizeye. Murareba? Imana yabwiye Mose ibyo bintu bigiye kuba. Yarabyizeye. Imana yabwiye abigishwa ibintu bimwe na bimwe bigiye kuba, "Muzamuke hariya kuri Pentekote mutegereze." Bagumye aho. Yego mugenzi. Ni byo.

188 Noneho, ubumenyi, ubungubu, ntabwo ari ubumenyi bw'isi, ahubwo ni ubumenyi bwo mw'Ijuru. Kandi ubumenyi bwo mw'ijuru, iyo Imana ari isoko y'ubumenyi bwose, kandi Imana ni yo Jambo, noneho, niba mufite ubumenyi bwo mw'Ijuru, mwemera Ijambo, kandi mutekereza ikintu cyose mukoresheje Ijambo.

189 Kandi iki kibazo cy'imisoro itorero ryari ririmo, cyangwa nanjye narimo. Igihe kimwe nakiriye umugabo, mutega amatwi gato, arambwira. Naravuze, naravuze. . . "Nta kintu kibi bashoboraga kubona." Nuko rero batangiye ku. . .

190 Naravuze nti: "Ni byiza, noneho, niba nta kintu kibi gihari, kuki utava inyuma yanjye?" Murareba? Murebe? Nanjye narakomeje, mubwira ku Byanditswe Byera.

191 Aravuga ngo, mugenzi wanjye ukomeye ufite itabi mu ntoki, aravuga ati: "Bwana Branham, ndi umunyeshuri wa Bibiliya."

Ndavuga nti: "Nishimiye kubyumva."

192 Aravuga ati: "Noneho ndashaka kumenya aho uyu muhango, ibi bitambaro mwohereza hanze, uwo muhango

muto wo gusengera ibitambaro no kubyohereza hanze, iyo 'myenda yasizwe,' muyita, 'imyenda.'" Aravuga ati: "Noneho urabibishyuza."

Ndavuga nti: "Oya, wa mugabo we. Nta kiguzi kuri ibyo."

Na we aravuga ati: "Ni byiza, kuri uyu muhango."

193 Ndavuga nti: "Urabyita umuhango, mugenzi wanjye. Wari umaze kubwira mu minota mike ko uri umunyeshuri wa Bibiliya."

Aravuga ati: "Ndi we."

194 Ndavuga nti: "Nsubiriramo Ibyakozwe n'intumwa 19:11." Ubumenyi! Yiteze umutego we bwite, agerageza guhindura ingingo. Ndavuga nti: "Noneho nsubiriramo Yohana 5:14." Ntushobora kubikora. Ndavuga nti: "Hanyuma muri Yakobo 5:14." Ntiyashoboraga kubikora. Ndavuga nti: "Waba uzi muri Yohana 3:16?" Murareba? Ubumenyi, ubwenge, isi! Ariko igihe . . .

195 Aravuga ati: "Ariko, Bwana Branham, urimo kugerageza kuganira kuri iki kibazo ukoresheje Bibiliya. Turimo kubigerageza dukurikije amategeko y'igihugu."

196 Ndavuga nti: "Mugenzi wanjye, ese amategeko y'igihugu ntashingiye kuri Bibiliya? Noneho ni ubutabera." Amina! Ni byo.

197 Ubumenyi; ntabwo ari ubw'isi. Ubumenyi bwo mu Mwuka bw'Ijambo, kumenya ibyo Imana yavuze, kora ibyo Imana yavuze, ni byo. Noneho niba mwabisobanukiwe kandi mukaba mushobora kwizera ibyo bintu byose, ko We adahinduka, kandi ko ibyo bintu byose Ijambo rivuga ari ukuri, mwikiriza kuri buri jambo na "amina." Byose ni byiza. Ibyo mubyongere ku kwizera kwanyu. Ni byo rwose. Yego.

198 Niba umuntu agerageje kubabwira, ngo: "Bibiliya yatakaje imbaraga Zayo. Nta kintu na kimwe kikirimo nk'umubatizo w'Umwuka Wera." Aha-ah. Ibyo ntimukabyongereho. Ntabwo bizafata. Bizagwa. Ni nko gushyira ibumba ku rutare, ntabwo rizafataho. Bizasenyuka.

199 Abantu barababwira bati: "Bibiliya ntishobora kwizerwa muri iki gihe. Ugomba kwitonda noneho. Ntukajye ubyizera. Ntishobora kuba . . ." Mwigeze mwumva ko igihe cyose. Amagambo make, "Ntushobora kwizera Bibiliya." Ni byiza, niba—niba mwarabibonye mubitekerezo byanyu, ntimu—ntimugerageze kubyongeraho, 'kubera ko bitazahura. Inyubako yose izasenyukira aho ngaho.

200 Igomba guhuzwa n'Umwuka Wera. Ndashaka kuvuga gufatairizwa hamwe, bihujwe na sima ibifatanya. Kandi ikintu kimwe gihuza . . . Uzi inzira . . .

201 Umuyoboro w'ibirunga biruka umara igihe kirenze icy'ikiraka gishaje gifatanyije-ahantu. Ubushyuhe buke

busigara ku kantu gashaje kari kw'ipine, ikintu cya mbere mugomba kumenya, mushake ako kantu gato gashyushye, mwihute vuba, nako kazashonga. Yego, mugenzi. Murareba?

202 Kandi icyo ni cyo kibazo cy'abantu benshi muri iki gihe. Bagerageza komeka ubumenyi bwabo ku bumenyi bw'isi, bifashishije kole nkeya y'isi, kandi, iyo ibigeragezo bije, "Ni byiza, birashoboka ko nari nibeshye." Murareba? Maze Umwuka ukagenda, mugahindagurika mu minota mike. Urusaku rwanyu rwose no gusimbagurika hejuru no hasi ntacyo byabamariye. Abantu bakababona neza mukiri muri bya bindi bimwe. Murareba? Ni byo.

203 Ariko niba mugumyeyo hamwe n'ubushyuhe buhagije bw'Umwuka Wera, kugeza igihe abahinduriye na wa muyoboro. Ni byo. Mwebwe n'umuyoboro muhinduka umwe. Mu gihe cyose muzagumayo kugeza mwebwe hamwe n'amasezerano yose y'Imana muhindutse umwe, noneho ibyo mubyongere ku kwizera kwanyu. Niba mutabikora, ntimukabyongereho na gato.

Muravuga muti: "Ijambo ntirishobora kwizerwa." Ibyo ntimukagerageze kubyongeraho.

204 Muravuga muti: "Amasezerano hano, yo kubatizwa n'Umwuka Wera, yari agenewe intumwa cumi n'ebyiri," nk'uko amatorero amwe abivuga uyu munsi, ibyo ntimugerageze kubyongeraho. Aho ni ho urufatiro rwabo ruri, bose barasenyutse. Murareba? Nk'uko Uziya yari ameze, mw'ijoro ryakeye, ubwo yabonaga urufatiro rw'uyu mugabo yizeraga, bose barasenyutse, yakubiswe n'ibibembe, ntabwo byari byiza. Noneho, "Gusa ku ntumwa cumi n'ebyiri, intumwa cumi n'ebyirii gusa."

205 Nari hepfo ku muvandimwe Wright. . . Ntekereza ko basubiye hariya hantu runaka. Ijoro rimwe, hari umukozi w'Imana hepfo hariya, nari ndimo kuvuga, ku babwiriza bane cyangwa batanu icyarimwe. Uyu mubwiriza arahaguruka aravuga ati: "Noneho, ndashaka kubabwira ikintu bakundwa. Yoo, ntekereza ko muri abantu beza."

206 Ndavuga ngo, nabwiye umuntu, ndavuga nti: "Ni byo—uwo ni umwe wicaye aho. Murareba."

207 Noneho, Junior Jackson, hariya, amaze kurangiza imbwirwaruhame ye. Nuko avuga ko: . . . yabwirizaga ku buntu bw'Imana. Yoo, mbega!

208 Yaratwikaga, agategereza. Arahaguruka agerageza kubyumva. "Noneho, ndashaka kuvuga ko Bwana Branham hano, ndababwiye, ni antikristo." Kandi yatangiye gutya, ijoro ryose.

209 Bamwe mu babwiriza batangiye. . . Ndavuga nti: "Tegereza gato. Noneho, wigira icyo uvuga, mwene Data. Ni wenyine nyamara twe turi benshi." Ndavuga nti: "Mureke abe ari

wenyine. Yambujije amahoro." Narabishakaga, njye ubwanjye, bibi cyane, sinari nzi icyo gukora. Murareba?

210 Hanyuma aravuga ati: "Bwana Branham ni antikristo," nuko aragenda akomeza avuga amagambo menshi, murabizi, ibyerekeye. . . Aravuga ati: "Aravuga hano ati: 'Umubatizo w'Umwuka Wera.'" Ati: "Bibiliya yavuze ko hari cumi na babiri gusa babonye umubatizo w'Umwuka Wera." Kuvuga ku byerekeye gukira indwara guturuka ku Mana, "Intumwa cumi n'ebyiri gusa ni zo zagize gukiza indwara guturuka ku Mana." Aravuga ati: "Tuvuga aho Bibiliya ivuga, kandi tugaceceka aho Bibiliya iceceka." Narategereje kugeza igihe avugiye hafi igice cy'isaha.

211 Ndavuga nti: "Tegereza gato. Nanditse byinshi cyane hano," Ndavuga nti: "mpa amahirwe yo gusubiza bimwe." Maze mfashe ijambo, ndavuga nti: "Uyu mugabo, yavuze ko we 'avuga aho Bibiliya ivuga,' itorero rye ryarabikoze, 'maze agaceceka aho icecetse.' Mwese muri abatangabuhamya. 'Yego.'" Ndavuga nti: "Noneho 'Hariho cumi na babiri gusa bakiriye Umwuka Wera.' Bibiliya yanjye Ivuga ko hariho ijana na makumyabiri, igitego cya mbere kiba kirinjiye." Amina! Mureke ubumenyi nk'ubwo, murareba, ubwo yageragezaga kumvikanisha.

212 Ndavuga nti: "Noneho ndakeka ko Pawulo atakiriye Umwuka Wera igihe yavugaga ko yawakiriye." Murareba?

213 Ndavuga nti: "Hepfo. . . Igihe Filipo yamanukaga akabwiriza Abasamariya. Bari barabatijwe mw'Izina rya Yesu. Gusa, Umwuka Wera ntabwo yari yakaje kuri bo. Nuko batumaho basaba Petero na Yohana, baramanuka babarambikaho ibiganza, Umwuka Wera abazaho. Ndakeka ko abo bari cumi na babiri gusa?"

214 Ndavuga nti: "Mu Byakozwe 10:49, igihe Petero yari mu nzu yo hejuru, akabona iyerekwa bagiye kwa Koruneliyo'. Mu gihe Petero yari akivuga aya magambo, Umwuka Wera yagumye ku bumva Ijambo." Ndavuga nti: "Bibiliya iracyavuga. Itorero ryawe riri he?" Ryagarutse muyateganyijwe. Ni byo. Murareba?

215 Ndavuga nti: "Gukiza indwara guturuka ku Mana, ni ko wavuze, 'Intumwa cumi n'ebyiri zonyine ni zo zagize gukiza indwara guturuka ku Mana.' Bibiliya yavuze ko Sitefano yamanutse i Samariya yirukana abadayimoni akiza abarwayi, muri uwo mujyi haba umunezero mwinshi. Kandi ntabwo yari umwe muri abo cumi na babiri. Ntiyari intumwa. Yari umudiyakoni." Amina. Amina.

216 Ndavuga nti: "Kandi Pawulo ntabwo yari umwe muri abo cumi na babiri bari mu cyumba cyo hejuru, kandi yari afite impano yo gukiza indwara."

217 Ndavuga nti: "Gusa reba impano zo gukiza! Nyuma, y'imyaka mirongo itatu, yari akiri i Korinto, yimika impano yo

gukiza indwara guturuka ku Mana mu mubiri wa Kristo." Yoo, mbega!

218 Noneho, ubwo bwoko bw'ubumenyi wiga mu bitabo bimwe, ni byiza ko ubujugunya muri puberi. Ngwino kuri ubu bumenyi. Igihe Imana yavugaga iti: "Uko yari iri ejo, n'uyu munsi ni ko iri, kandi ni ko izahora n'iteka ryose," vuga uti: "Amina." Yego, mugenzi. Yego, Mugenzi. Ntabwo ari cumi na babiri gusa; ni kuri bose. Iyo ubonye igisa no—no kwizera, iyo kwizera kwawe kubishingiyeho, wikiriza buri murongo, na "amina," hanyuma ukavuga uti: "Ni byiza," Ibyo byongere ku kwizera.

219 Icya kane. Tugomba kwihuta, kuko gusa ndi. . . Gusa ndumva ari byiza guhagarara hano no kubiganiraho. Amina. [Mwene Data umwe aravuga ati: "Turimo kubyishimira."—Ubwanditsi.] Yego. Icya kane. . . Murakoze.

220 Ongeraho "ubwitonzi." Yoo, mbega! Twageze ku bwitonzi. Noneho, mwagize kwizera, mbere na mbere; mugomba kukugira, mu gutangira. Noneho mwongereho ingeso nziza ku kwizera kwanyu, niba ari ngeso nziza zikwiye. Noneho mwongeyeho ubumenyi, niba ari ubwoko bw'ubumenyi bukwiye. Noneho mugiye kongeraho ubwitonzi.

221 Ubwitonzi ntibusobanura, "reka kunywa inzoga," hano, cyangwa. Oya, oya. Ubwitonzi ntibusobanura gukira ubusinzi, ntabwo ari kuri iki kibazo. Ubu ni ubwitonzi bwa Bibiliya, Ubwitonzi bw'Umwuka Wera. Ibyo ni bimwe gusa bijyanye n'irari ry'umubiri, ariko turavuga ku bwitonzi bw'Umwuka Wera. Ibyo bivuze, uburyo bwo kugenzura ururimi rwanyu, ntimukabe abatukanyi; uburyo bwo kugenzura uburakari bwanyu, ntimukaguruke igihe cyose umuntu wese abahangaye. Yoo, mbega!

222 Bahungu, benshi muri twe tugiye kugwa mbere y'uko dutangira, si byo? Murareba? Noneho twibaze impamvu Imana itari mw'Itorero Ryayo, ikora ibitangaza n'ibintu bahoze bakora. Yego mugenzi. Murareba?

223 Mwongereho ibi bintu. Mwongereho ubugwaneza. Yoo, ubugwaneza, ni gute mwasubizanya ubwitonzi mu gihe mubwiwe ibibarakaza. Umuntu aravuga ati: "Mwebwe tsinda ry'abera ikunenga hasi hepfo aha!" Ntimugasimbuke ngo mufunge ibipfunsi. Murareba? Ntabwo ari ibyo. Ahubwo muvugane urukundo rwubaha Imana, ubwitonzi, ubugwaneza. Uko ni ko mushaka kumera? Nibabarakaza, mwebwe ntimukabarakarire. Reka We ababere urugero.

224 Igihe bavugaga bati: "Niba Uri Umwana w'Imana, hindura aya mabuye umugati," Yashoboraga kubikora, akerekana ko ari Imana. Ahubwo Yari afite ubwitonzi. Igihe bamwitaga, "Belizebuli," Yaravuze ati: "Ndababababariye kubw'ibyo." Ibyo si ukuri? Bamupfuye ubwanwa bwo mu maso He bwuzuye

ikiganza, bamucira mu maso He, baravuga bati: "Manuka ku musaraba!"

225 Yaravuze ati: "Data, ubababarire. Nta n'ubwo bazi icyo bakora."

226 Igihe, Yari afite impano, Yari azi byose, kuko muri We harimo umwuzuro w'Ubumana mu mubiri. Babonye We akora ibitangaza, abwira abantu ibitagenda neza, n'ibindi nk'ibyo. Bashyize igitambaro mu mutwe We nka kuriya, mu maso He, bamukubita inkoni mu mutwe, maze baravuga bati: "Ubuhanuzi, tubwire ugukubise. Turakwizera." Murareba? Yari afite ubwitonzi.

227 Noneho, niba mwarabibonye gutya, mubyongere ku kwizera kwanyu. Niba mukomeje gutomboka no kurakara, no kwitotomba no gutogota, mugakomeza, aha-ah, ntacyo muzabona. . . Ntimushobora kongeraho ibyo, 'kubera ko bitaziyongera. Murareba? Ntabwo bizahinduka. Ntimushobora gufata agace ka gome, murabizi, ngo mugahinduremo agace k'icyuma. Gusa ntabwo byakunda. Oya, kagomba kuba koroshye, nk'uko gome imeze. Murareba? Kandi iyo kwizera kwanyu hamwe n'ubwitonzi bwanyu bihinduka ubwoko bumwe bw'ubwitonzi bw'Umwuka Wera Yari afite, noneho bizahindukana na We. Mwongerwa kuri byo.

Iyo ingeso zanyu zimeze nk'ingeso Ze, ubwo ziziyongeraho.

228 Iyo ubumenyi bwanyu bumeze nk'ubumenyi Bwe, "O Mana, nje gukora Ibyo ushaka." Murareba? Hamwe n'Ijambo rya Data, yatsinze amashitani yose. Ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo ntirizashira. Murareba? Nimubona ubumenyi nk'ubwo, bizahindura ukwizera kwanyu.

229 Nimubona ubwitonzi nyabwo, nk'ubwo Yari afite, bizahinduka. Niba ntabwo mufite, mufite gusa ubwakozwe-n'umuntu igice, imyizerere-idahwitse, cyangwa ubwitonzi, "Yoo, ngomba kumukubita urushyi, ariko—ariko byaba byiza ntabikoze, 'kubera ko bashobora gushyira izina ryanjye mu mpapuro ku byerekeye ibyo." Ibyo ntabwo ari ubwoko bw'ubwitonzi Avuga. Ntimugerageze kongeraho ibyo. Ntabwo bizemera. Ariko mu gihe mubishoboye rwose, hamwe n'uburyohe buvuye ku mutima wanyu, mubabarire buri muntu, mugumane amahoro yanyu, mureke bigende, murebe, noneho bizahinduka. Mushobora kubyongera ku kwizera kwanyu. Yoo!

230 Mutitaye ku buryo urusengero ari rugufi. Ntabwo ari byo? Ntimubyiteho. Navuga ngo: "Mwihane kandi mubatizwe, Bibiliya iravuga ngo, mw'Izina rya Yesu Kristo." Kandi Abanyabutatu bakaze ntibabyizera, baravuga bati: "Uwo antikristo ushaje. Ni Izina rya Yesu. Ni Yesu Wenyine." Reba, muhungu wanjye, sinzi ukwihangana kwawe muri kano kanya. Urareba? Kubera iki utaje, vuga uti: "Reka tubitekerezeho hamwe, mwene Data Branham. Ndashaka

kumva Ibi byasobanuwe”? Murareba? Noneho manuka wumve Ibyo. Noneho Bishyizwe imbere yawe, hanyuma ugende; tuza—tuzabigeraho neza mu minota mike, muri “kubaha Imana,” murebe. Ariko iyo mwebwe—iyo mugurutse muneshejwe, mushaka gusimbuka kuri buri mwanzuro, aha-ah, ibyo ni—ntabwo ari byo. Murareba? Ntabwo mwigeze mubona imiterere ya Bibiliya mu gihe mubikora; uburyo bwo gusubiza. Noneho niba mwarabonye ibi byose, mushobora kubyongera ku kwizera kwanyu.

231 Noneho, nyuma y’ibyo, icya kane, murashaka kongera kwihangana ku kwizera kwanyu. Niba ufite kwizera, “gukora kwihangana,” ni ko Bibiliya ivuga. Murareba? Rero, *uku* ni ukwihangana. Noneho, icyo ni ikintu gikurikiraho kigiye kubaka iki gihagararo. Murabizi, Imana yabonye ibikoresho bifatika mu Nyubako Yayo.

232 Murebe ukuntu turi bagufi, muvandimwe, mushiki wanjye? Murareba? Murebe impamvu, aho turi? Yego mugenzi. Murareba? Dufite icyubahiro, dufite induru n’ibindi, kuko twabonye kwizera. Ariko iyo tumanutse kuri ibi bintu *hano*, Imana ntishobora kutwubaka muri icyo gihagararo. Murareba? Ntishobora. Ntishobora kutugeza ahantu nk’aho. Twabonye ibindi bintu byose. Turagwa, tunyererana na byo. Murareba? Ntishobora kubaka Itorero Ryayo.

233 Kwihangana ni iki? Ni ubuhe bwoko bwo kwihangana? Icya mbere, ni ukugira kwihangana hamwe n’Imana. Niba mufite kwizera nyako, gutunganye, muzagira kwihangana gutunganye, kuko kwizera gutera kwihangana. Iyo Imana ivuze ikintu cyose, muracyizera. Ni ibyo gusa. Muba mwabonye kwihangana.

234 Muvuge muti: “Ni byiza, ijoro ryakeye namusabye kunkiza, none muri iki gitondo ndacyarwaye.” Yoo, mbega! Kwihangana ni iki?

235 Imana yabwiye Aburahamu, nyuma y’imyaka makumyabiri n’itanu nta kimenyetso na kimwe. Yakomeje kwizera. Yihanganiye Imana. Aha-ah.

236 We mumushyire buri gihe imbere yanyu. Mureke We abe ikintu gikurikira cyo kwambuka. Ntimushobora kumurenga, rero mumushyire imbere yanyu. “Yabivuze atyo, kandi bizaba.” Murareba? Mumushyire imbere yanyu. Ni byo.

237 Nowa yarihanganye. Yego. Nowa yarihanganye by’ukuri, kwihangana kuva ku Mana. Imana yaravuze iti: “Iyi si ngiye kuyirimbuza imvura,” Nowa abwiriza imyaka ijana na makumyabiri, nyamara. Kwihangana kwinshi. Nta n’ikime cyaguye kiva mw’Ijuru. Ntabwo byari iby’ubusa. Neza ari umukungugu nk’uko byahoze, mu myaka ijana na makumyabiri, ariko yarihanganye.

Noneho, Imana igerageza kwihangana kwanyu. Ni byo. Imana irabigerageza.

238 Imaze kubwira Nowa, noneho Iravuga iti: "Nowa, ndashaka ko utambuka maze ukinjira mu nkuge. Ngiye kuyobora inyamaswa zinjire, kandi nda—ndashaka ko winjira. Urira uzamuke mu nzira yo hejuru, ku buryo ushobora kureba hanze, mw'idirishya ryo hejuru. Noneho kandi, ndashaka ko winjirayo ahongaho. Ndashaka ko ubwira aba bantu uti: 'Ejo, ibyo nabwirizaga imyaka ijana na makumyabiri, bigiye gusohora.' Ni byiza, manuka hariya maze ubabwire."

239 Ni ikihe kimenyetso cya mbere? Nowa yinjira mu nkuge. Ntabwo imvura yagwaga. Nowa yariteguye, yambara ikoti ry'imvura, n'ibintu byose, kugira ngo ashobore kureba hanze, rimwe kuri rimwe. Yariteguye. Ariko bukeye . . .

240 Nizera ko ashobora kuba yarabwiye umuryango we, n'umukazana we hamwe n'abandi bose, ati: "Yoo, mbega! Ejo uzabona ikintu utigeze ubona. Kubera ko, hirya no hino mu kirere, hagiye kuba umukara. Kandi hagiye kubaho inkuba n'imirabyo. Inkota nini y'Imana igiye kuzenguruka ikirere. Igiye kwamagana agatsiko k'abanyabyaha baduteye umugongo, muri iyi myaka ijana na makumyabiri. Wowe witegereze gusa maze urebe." Murareba?

241 Bamwe mu bizera-igice, murabizi, ko bigenzagenzaga aho kandi ntibigere binjira, murabizi. Mwebwe—muracyabafite, murabizi. Nuko ba—barazamuka, baravuga bati: "Ni byiza, umusaza ashobora kuba yari afite ukuri, turaza kuzamuka maze dutegereze iminsi mike, cyangwa dutegereze amasaha make ya mu gitondo, murareba."

242 Bukeye, aho kuba igicu cyirabura, dore ngo izuba rirava nk'uko bisanzwe. Nowa arareba. Ati: "Yemwe, nta gicu gihari."

243 Uwo musore araza, ati: "Yoo, nari nzi ko uri umwe muri bo. Murabona, murimo kwigenzazenga hano."

244 "Rero, mbabarira, mugenzi. Ha-ha. Ahari njye—njye—njye gusa, murabizi, ndanezerewe gusa, murabizi. Mu buryo nk'ubwo, murareba. Ha-ha-ha."

245 Ariko, Nowa, yarihanganye. Ati: "Niba bitabaye uyu munsi, bizaba ejo." Kubera iki? Imana yarabivuze.

"Ni ryari ibyo yabikubwiye, Nowa we?"

246 "Mu myaka ijana na makumyabiri ishize. kugeza ubu, none ntegerereje hano gusa." Ibyo murabibona? Nyuma y'igihe gito . . .

247 Turabona ko, Imana igiye kubisohoza, itegereje Itorero, ariko, rizaba rihari. Ntugire ikibazo. Yarabisezeranije.

248 Yategereje iki gihe cyose kugira ngo habe umuzuko. Uzabaho. Ntugire ikibazo. Imana yarabisezeranije. Tegereza wihanganye. Urasinzira, ibyo ntibizashoboka . . . Ushobora gufata akanya gato mbere y'uko ibyo bibaho, ariko uzabyuka icyo gihe. Yarabisezeranije, murabona. Ibitotsi, murebe, icyo twita ibitotsi by'urupfu, murabizi. Ibyo twita urupfu,

agatotsi gato, cyangwa gusinzirira muri Kristo. Nta kintu cyiza kibaho nko gupfira muri Kristo. Ubuzima n'urupfu ntibibana. Murareba? Dufata agatotsi gusa, gusinzira inshuti zacu zidashobora kudukangura. Ni We wenyine ushobora kudukangura. "Azahamagara, nanjye nzamwitaba," Ni ko Yobu yavuze. Yobu amaze imyaka ibihumbi bine asinziriye. Ntugire ikibazo. Azabikora—azakanguka. Ntugire ikibazo. Aracyategereje.

249 Nowa yarategereje. Umunsi wa kane urashira. Nta mvura. Byose ni byiza. Bizasohora.

250 Nshobora kumva Madamu Nowa aje avuga ati: "Papa, uri. . . ?"

"Ntukavuge gutyo."

251 Yari afite kwihangana, 'kubera ko yari afite kwizera. Yego mugenzi. Yari afite ingeso nziza. Yari azi ko Imana ivuga ukuri. Yari afite kwihangana. Ntiyigeze yihutira, kuvuga ati: "Ni byiza, sinzi icyo ari cyo cyose. Natakaje ukwamamara kwanjye kose hanze hariya." Oya, oya. "Abantu ntibanyitayeho habe na gato. Nzasohoka njye hanze ntangire byose, bundi bushya." Oya, oya. Yarihanganye. Imana yatanze isezerano. Imana izarisohoza. Imana izabikora, 'kubera ko Imana yabivuze.

252 Kandi ndabona umuhungu we azenguruka, avuga ati: "Papa, urabizi. . . " Akoza ikiganza mu misatsi ye miremire y'invi, murabizi. Kandi yari afite imyaka amagana, murabizi, yicaye aho. Ati: "Nzi ko uri umukambwe ukuze. Njye—njye ndagukunda, papa. Nyamara byashoboka ko ushobora kwibeshya gato?"

"Yoo, oya. Oya."

"Kubera iki?"

"Imana yarabivuze!"

253 "Ni byiza, papa, iyi ni iminsi itandatu twicaye hano. Ndi hano muri iyi nkuge nini, ishaje, igizwe n'ibiti byumye. Kandi yose irubakitse, imbere n'inyuma. Kandi tumaze imyaka yose tuyubaka. Kandi wari uhagaze hano urimo kubwiriza ubutumwa, kugeza imisatsi ihindutse imvi n'umuhondo. Kandi noneho hano uri hejuru, ugerageza kuvuga ibintu *nk'-ibi n'-ibi*. Abantu baraguseka, kandi bakagutera inyanya ziboze n'ibindi kuri urwo ruhande. Itegereze hano ibyo urimo gukora. Kubera iki, urabizi. . . "

"Ihangane, mwana wanjye."

"Urabizi neza?"

"Imvura izagwa!"

Umukazana we aravuga ati: "Papa, urabizi. . . "

"Imvura izagwa!"

254 "Ariko tumaze imyaka yose, dutegereje. Twari twiteguye. Kandi watubwiye ko imvura izagwa, icyumweru kirashize. None turi hano, kandi imiryango yose irafunze, kandi hano turimo kugendagendamo, n'izuba ryaka gusa nk'uko byari bisanzwe."

"Ariko imvura izagwa!"

"Ubizi ute?"

"Imana yarabivuze!"

255 Noneho mu gihe mubonye ubwo buryo, mubwongereho. Ariko niba mutabibona muri ubwo buryo, ntimubikore—ntimugerageze kubyongeraho. Ntabwo bizakunda. Ntabwo bizakora mu gukiza indwara. Ntabwo bizakora ku bindi. Murareba? Bigomba kwivanga hamwe n'ibikoresho bimwe byahinduwemo. Ni byo. Mubyongereho. Kwihanganira amasezerano y'Imana. Yego mugenzi. Nowa yarabyizeye. Kandi yihanganiye Imana, imyaka ijana na makumyabiri.

256 Mose, yihanganiye Imana. Yego mugenzi. "Mose, numvise gutaka k'ubwoko Bwanjye. Nabonye imibabaro yabo. Nje kubacungura. Ngiye kukoherezayo."

257 Kandi hari itandukaniro rito hagati ye n'Imana, Imana yamweretse icyubahiro Cyayo. Aravuga ati: "Ndagiye." Ubwo yabonaga ubwiza bw'Imana rimwe gusa, murabona, yagize kwizera.

Yaravuze iti: "Icyo ni igiki ufite mu biganza byawe, Mose?"

Aravuga ati: "Mfite inkoni."

Yaravuze iti: "Yinage hasi."

Yahindutse inzoka. Yaravuze ati: "Oh, mbega!" Yatangiye . . .

258 Iti: "Ongera uyifate, Mose. Niba nshoboye kuyihindura inzoka, nshobora kongera kuyisubiza uko yari imeze."

259 Ah! Amina! Niba Imana ishobora kumpa ubuzima busanzwe, ishobora no kumpa Ubuzima bw'umwuka! Niba Imana ishobora kumpa kuvuka bwa mbere, ishobora no kumpa Kuvuka bwa kabiri! Amina! Niba Imana ishobora gukiza *ibi*, kubwo gukiza kw'Imana, Ishobora kongera kubyutsa icyubahiro Cyayo, mu minsi ya nyuma. Ni byo.

260 "Nshobora kunaga iyi nkoni hasi nkayihindura inzoka. Nshobora kongera nkayihindura nkoni. Nkayifata umurizo."

261 Mose aramanuka, arayifata. Yari iri aho, inkoni. Atangira kongeraho ubumenyi. Murareba?

"Ikiganza cyawe gifite ikihe kibazo, nonaha, Mose?"

"Ntacyo."

"Gishyire mu gituza cyawe."

262 "Ni byo. Bimeze bite ku . . ." Cyahindutse umweru kubera ibibembe. "O Mwami, reba ikiganza cyanjye!"

"Gisubize mu gituza cyawe, Mose."

263 Yagisubije mu gituza *gutyo*, cyongeye kumera neza nk'aho. . . Gusa yatangiye kubyongeraho nka *gutya*, noneho, murebe. Yego, mugenzi.

264 Yagiyeyo. Kandi itandukaniro rya mbere. . . Yagiyeyo. Agezeyo yaravuze ati: "Umwami Imana yavuze ati: 'Rekura ubwoko Bwanjye bugende. 'Farawo, ndashaka ko ubimenya. Naje nk'uhagarariye Imana. Ugomba kunyumvira."

265 Farawo aravuga ati: "Kumvira? Uzi uwo ndi we? Ndi Farawo. Numvira wowe, umucakara?"

266 Aramusubiza ati: "Uzanyumvira, cyangwa uzarimbuke. Uzakora icyo ushaka." Kubera iki? Yari azi ibyo yavugaga. Yari afite komisiyo. Yari ari aho. Yavuganye n'Imana. Yari afite kwizera. Yari azi aho ahagaze.

"Urashaka ko nkumvira? Sohoka hano!"

"Nzakwereka."

"Nyereka ikimenyetso."

Yajugunye inkoni hasi; ihinduka inzoka.

267 "Kubera iki," ati: "ayo ni mayeri aciriritse! Ngwino hano umunota umwe. Ngwino hano, Jannes, wowe na Jambres, mujugunye inkoni zanyu hasi." Bazijugunye hasi, maze zihinduka inzoka.

268 Aravuga ati: "Noneho, wowe ibintu biciriritse, manuka uze hano, Umunyamisiri, umufarawo wo mu Misiri. Kandi wamanukanye n'amayeri yawe aciriritse, amayeri yawe," urabizi, gusoma-ibitekerezo. Uzi icyo nshaka kuvuga. Nizere ko urimo kubisoma. "Uburwayi bwo mu mutwe cyangwa ikindi kintu, murebe, yego, manukanana bimwe muri ibyo." Yaravuze ati: "Ni byiza, dushobora gukora ibintu bimwe n'ibyo ukora."

269 Mose yari iki? Ntiyavuze ati: "Yoo, Bwana Farawo, Njye— Njye mbabarira, mugenzi. Nzakubera umucakara." Oya, mugenzi.

270 Yarakomeje arahagarara. Amina. Aguma aho. Imana iravugsa, gusa nta gushidikanya mu mutima we, iti: "Humura. Hari ikintu nzakwereka." Iyo ukoze neza ibyo Yakubwiye gukora, bigasa nk'aho byagenze nabi; ihagararire, wihangane.

271 Mose yaravuze ati: "Urabizi, iyo nishingikirije kuri urwo rufatiro, hari ukwihangana kurwishingikirizaho, rero nzategereza gusa ndebe icyo Imana izakora."

272 Aho hari inzoka zishaje, zigoronzora, zizenguruka, zivuza ubuhuha, zivugiriza imwe ku yindi. Ikintu cya mbere muzi, inzoka ya Mose yaragiye, "Iraziconcomera, iraziconcoera, iraziconcomera," maze iraziconcomera zose. Yari afite kwihangana.

> Abategereje Uwiteka, bazasubizwamo imbaraga zabo,
> Bazatumbagira n'amababa nka kagoma.

Ni ukuri? Murabona? Yego.

> Baziruka kandi ntibarambirwe, bagende kandi ntibananirwe.

Reba, mutegereze Uwiteka. Mugire kwihangana. Murareba? Yego, mugenzi.

273 Isiraheli yari igiye gusohoka. Itandukaniro rikomeye ryaraje, nuko Mose yarategereje.

274 Hanyuma yinjira mu butayu. Ni urugendo rw'iminsi itatu cyangwa ine. Ni ibirometero mirongo ine gusa uvuye aho yambukiye hariya, neza hakurya aho bongeye kwambukira. Ariko, Mose, mu butayu, yategereje imyaka mirongo ine. Kwihangana. Amina. Ni byo. Yategereje imyaka mirongo ine. Yoo! Yego, mugenzi.

275 Tugomba kwihangana, natwe. Murareba? Igihe kimwe... Tugira—tugira kutihanganirana umwe ku wundi. Twibwira ko twahawe kumera nka Mose. Mose yihanganiye abantu. Mwitegereze, ibyo ni byo byabateye kutagenda. Murareba? Niba mugerageza gukora ikintu runaka...

276 Nk'uko, nagerageje kubona ubu butumwa haruguru hariya ku rusengero, ndeba ko buri munyamuryango wo mu rusengero ahinduka *Atya*. Biragoye gukora. Nagerageje kwihangana; iyi ni imyaka mirongo itatu n'itatu. Murareba? Nihanganye. Abagore baracyogosha umusatsi, baracyari babandi. Ariko ndacyihanganye. Murareba? ndacyihanganye gusa. Mutegereze. Mubikore. Niba mutagufite, ntimugerageze kubyubakiraho *hano*. Mugire kwihangana.

277 Ni igihe kimwe, mu gihe ako gatsiko k'abantu bigometse bafite kutihangana, batumye Mose akora ikintu kibi. Ariko, nyamara, ku bijyanye no kwiyerekana, Imana yarwanye ku bikorwa byabo. Yaravuze iti: "Mose we, Itandukanye nabo ubwawe. Nzabica bose, kandi ntangire bundi bushya."

278 Yahagaze mu cyuho, maze aravuga ati: "Mana, ntubikore." Ni ibiki? Kwihanganira abantu bamwigometseho.

279 Ndabaza niba twabikora? Niba mudashoboye, ntimugerageze kubakira kuri *ibi,* 'kubera ko—ko bidahinduka, murabizi. Ni bwo buryo bwa mbere bwashyizweho muri *ibi*, kandi ni na bwo buryo buri wese muri bo agomba guhindurwamo. Niba mutabikora, ntimuzagera kuri kiriya gihagararo cy'ahantu hatuwe n'Imana nzima, niba mutagize kwihangana, kwihanganira, mugenzi wawe. Ni byo.

280 Abana b'Abaheburayo barihanganye. Ni ukuri. Imana yari yarabasezeranije, irababwira iti: "Ntimukunamire ishusho iyo ari yo yose." Ariko barihanganye. Bati: "Imana yacu irashoboye.

Ariko, n'ubwo bimeze bityo, ntabwo tugiye kunamira ishusho yawe." Kwihangana, kumenya ibi, ko Imana izongera ikamuzura mu minsi y'imperuka.

281 Ubu buzima ntabwo busobanura byinshi, erega. Murareba? Imana izongera ibigarure mu minsi y'imperuka. Ariko ku bijyanye no kunamira ishusho, ntituzabikora. Noneho, tuzaha Kayizari ibye, ariko, iyo bigeze aho Kayizari yivanga mu by'Imana, Imana ni iyambere.

282 "Imana yaravuze iti: 'Ntimukunamire iyo shusho. 'Kandi njye sinzabikora. Imana yacu ishobora kudukiza. Kandi naho Yo itadukiza, ntabwo nzunamira igishushanyo."

Aravuga ati: "Ni byo, hari itanura."

283 "Ni byo," ati: "yoo, ndakeka ko, imvura ishobora kugwa iri joro ikabishyira hanze byose." Ariko ntiyabikoze. Arakomeza arihangana.

284 Bukeye bwaho, igihe bagezwaga imbere y'inkiko, aho Nebukadinezari yari yicaye. Aravuga ati: "Ni byiza, bahungu banjye, mwiteguye kunyibuka nk'umwami wanyu?"

"Rwose. Urakabaho iteka ryose, O mwami."

"Noneho nimwunamire ishusho yanjye."

"Yoo, oya."

285 "Ni byiza, noneho mugiye gutwikwa. Muri abanyabwenge. Mufite ubwenge. Mwaradufashije cyane. Mwabaye umugisha ku bwami bwacu. Ntimushobora kumva ko ntanshaka gukora ibi? Ariko njye—Nakoze itangazo hano, kandi bigomba gukorwa. Sinshaka kubajugunyamo hariya. Yemwe bagabo, bibagendekeye bite?"

286 "Nzi ko byumvikana neza. Ariko, Imana yacu ishobora kudukiza. Ariko nanone . . . " Kugira kwihangana.

287 Batangiye kuzamuka hejuru. Umwe akitegereza undi. "Byose ni byiza. Ni byiza." Bagize kwihangana. Bateye intambwe imwe, Imana ntiyari ihari. Intambwe ya kabiri, Ntabwo Yari ihari. Intambwe ya gatatu, intambwe ya kane, intambwe ya gatanu, gusa barakomeza baragenda, nyamara Ntabwo Yari ihari. Maze bahita binjira mw'itanura ryaka umuriro. Bagize kwihangana. Ariko Yari ihari. Murareba? Gusa umuriro uhagije warabakubise, kugira ngo ubatwike igihimba cyabo amaboko n'ibirenge. Hanyuma ubwo wageraga mu ndiba y'urwobo, Yari ihari. Murareba? Bagize kwihangana.

288 Daniyeli nawe muri ubwo buryo. Daniyeli yarihanganye. Ni byo. Ntabwo yigeze acogora. Oya, mugenzi. Yakoze iki? Yakinguye amadirishya maze arasenga, uko byagenda kose. Byari ibisabwa n'Imana. Yarihanganye. Yategereje Imana, azi ko Imana ishoboye kugumana Ijambo Ryayo. Bamujugunye mu rwobo rw'intare, bati: "Turaza kukureka intare zikurye."

289 Aravuga ati: "Ni byo rwose." Yarihanganye. Kubera iki? "Ni byiza, narindiriye iki gihe cyose, ku Mana. Niba ngomba gutegereza indi myaka ibihumbi bike, nzongera kuzuka ku munsi w'imperuka. Rero, gira kwihangana, tegereza."

290 Pawulo yarihanganye. Rwose yarabikoze. Murareba ni cyo Pawulo yagombaga gukora. Kuvuga ku byerekeye umurwayi!

291 Tuvuge iki ku bantu bo kuri pentekote? Igihe cyose bahawe komisiyo, yo "Gutegereza mpaka," murareba, "gutegereza kugeza bambitswe Imbaraga." Igihe kingana iki? Nta kibazo bari bafite, "Bizageza ryari?" Kugeza babonye igisubizo, "Gutegereza mpaka."

292 Barazamuka, baravuga bati: "Ni byiza, bahungu, birashoboka ko iminota cumi n'itanu uhereye nonaha Umwuka Wera agiye kutumanukira kandi tugiye guhabwa uwacu murimo." Iminota cumi n'itanu yarashize, nta muntu. Umunsi umwe urashira, oya; uwa kabiri, uwa gatatu, uwa kane, uwa gatanu, uwa gatandatu, uwa karindwi.

293 Bamwe muri bo bashobora kuba baravuze bati: "Yoo, ntubona ko tumaze kuwubona?"

"Oya, oya, oya, oya." Ni wo. Oya. Ibyo ni byo.

294 "Byari byiza kwisohokera, bahungu." Satani yaravuga ati: "Wowe—wowe—uzi ko wamaze kubona icyo ushaka. Komeza ugende, utangire umurimo wawe."

295 "Oya, oya, oya. Ntabwo turawubona, habe na gato. Kubera ko, Yaravuze ati: 'Hazaza, ibizaba mu minsi y'imperuka: Hamwe n'iminwa ididimanga mu zindi ndimi nzavugana n'aba bantu, kandi iki ni cyo Kiruhuko navuze,' murareba, Yesaya 28:19." Ati: "Ubu uyu ni—uyu ni Wo, wowe—wowe uzamwakira igihe . . . Kubera ko, tuzamenya igihe Uzazira. Tuzabimenya igihe nuza. Tuzabimenya, 'Isezerano rya Data.'" Agezeyo, yategereje iminsi icyenda. Hanyuma ku munsi wa cumi, "Twari duhari." Bafite kwihangana, gutegereza.

296 Noneho, niba mufite kwihangana gutya, nyuma Imana ibaha isezerano mukaribona muri Bibiliya, "Ni ibyanjye," hanyuma mutegereze. Noneho, niba mufite kwihangana gutya, mukongere ku kwizera kwanyu. Kandi murebe ni gute ubu mwashyizwe hejuru? Murimo kuzamuka *hano* nonaha. Ni byo. Ukuboko kw'isaha nako kujya impande zose, si byo? Ni byo. Byose. Ibi ubyongere ku kwizera kwawe.

297 Buri gihe Mumushyire imbere yanyu, mwibuke, ni We wasezeranije. Ntabwo ari njye, nasezeranije. Ntabwo ari pasiteri, wasezeranije, Mwene Data Neville. Ntabwo ari undi mukozi w'Imana, wasezeranije. Ntabwo ari umupadiri cyangwa papa. Nta muntu wo kw'isi. Ni Imana yasezeranije, kandi Imana ishoboye kubahiriza ibyo yasezeranije byose. Byose. Iyaba mwari mugize kwizera nk'uko, kugira ngo mumenye ko Imana ari

yo yabisezeranije! Muravuga muti: “Mwene Data Branham, ndarwaye. Nkeneye mu by’ukuri gukira uburwayi.” Mubyakire. Ni impano mwahawe, yego, mugenzi, niba mushobora kwizera. “Ni byo,” uravuga uti: “Ndizeye.” Noneho ukabyibagirwa. Ibyo ari byo byose. Byose birarangiye. Murareba?

298 Mugire kwihangana, niba mwarabonye kwihangana. Niba mutari mwakubona, murimo gusenyuka kuri iyi nyubako hano, murareba. Bizasenyera ibisigaye byose hasi, icyo kintu kimwe. Ni ngombwa kukigira. Ntimukongereho, kuko, bizasenya inyubako yanyu niba mutarabona kwihangana, niba mudafite ingeso nziza zo kongera ku kwizera kwanyu uko muvuga ko mwabonye. Niba kandi mutarigeze mugira kwizera na guke, mukagerageza kugushyiraho ingeso nziza, bizasenya kwizera kwanyu. Murareba? Muravuga muti: “Rero noneho, tegereza gato. Ahari ibi byose ni amakosa, uko byagenda kose. Ahari Imana ntabwo ari Imana. Ahari nta Mana ibaho.” Murareba, bizacamo ikintu kabiri. Murareba?

299 Ariko niba mufite kwizera nyako, noneho mushyireho ingeso nziza, hanyuma mwongereho kumenya nyako, noneho kwihangana ingeso nziza z’ukuri, hanyuma kwihangana k’ukuri. Murareba? Murimo kugenda neza ku murongo. Ni byo.

300 Icya gatanu, mongereho kubaha Imana. Yoo, mbega! Kubaha Imana byongerwaho. Kubaha Imana bisobanura iki? Narebye mu nkoranyamagambo enye cyangwa eshanu sinashobora no kubona icyo bivuze. Amaherezo, Nari hasi hariya kwa Mwene Data Jeffries’ aho ngaho, twasanze mu—mu nkoranyamagambo. *Kubaha Imana* bisobanura “kumera nk’Imana.” Yoo, mbega! Mumaze kubona kwizera, ingeso nziza, ubumenyi, kwitonda, kwihangana, noneho mube nk’Imana. Ahwiii!

301 Muravuga muti: “Ntabwo dushobora kubikora, Mwene Data Branham.” Yoo, yego, mwabikora.

302 Reka mbasomere Ibyanditswe bike hano, umunota umwe. Matayo 5:48. Turaza gufata ibi maze turebe uko byumvikana, Matayo 5:48, turebe niba dukwiye kumera nk’Imana. Murabizi ko Bibiliya iravuga iti: “Muri imana.” Yesu yarabivuze. Kubera iki? Ingeso nziza zose, ibintu byose biri mu Mana, biri muri mwe. Matayo 5:48, “Mube . . . ” Yesu avugana umunezero.

> *Rero mube* m-u-k-i-r-a-n-u-t-s-e, (Ibyo ni ibiki?) *Gukiranuka, nkuko So . . . wo mw’ijuru akiranuka.*

303 Mwabonye inzira *hano*, mbere y’uko musabwa kubikora. Ibi bintu byose bigomba kubanza kongerwaho. Noneho iyo muhagurutse hano, arabasaba noneho kuba intungane, kubaha Imana, kuba abahungu n’abakobwa b’Imana. Ni byo. Ni ibintu bingahe navuga kuri uyu murongo!

304 Reka duhindukire tujye mu Befeso 4, maze turebere hamwe, mu gitabo cyo mu Befeso, kivuga kuri ibi bintu, nacyo, kijyanye n’uko tugomba uko—uko tugomba gukora. Abefeso, igice cya 4,

hanyuma dutangirire ku murongo wa 12. Abefeso 4, hanyuma dutangire ku murongo wa 12. Ni byo. Reka duhere hano ku murongo wa 11.

> *Nuko aha bamwe, kuba intumwa ze; abandi kuba abahanuzi;. . .*

305 Muribuka mw'ijoro ryakeye? Ntimugerageze gufata imirimo y'undi mugabo. Murareba?

> *. . .n'abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza; n'abandi kuba abungeri. . .n'abandi kuba, abigisha;*

306 "Kubwo gutungana kw'Imana"? Mbese ni ko bisomwa? [Itorero riravuga riti: "Oya."—Ubwanditsi.] Ugutungana kw'iki? ["Kw'abera."] Abera ni bande? Abejejwe. Amina. Babandi batangiriye hepfo *aha*.

> *. . .gutungana kw'abera, kubwo* gukora *umurimo wo kugabura iby'Imana* (umurimo wa Yesu Kristo), *kubwo gukomeza umubiri wa Kristo* (kubwo gukomeza, kubaka, gukomeza): kugeza. . .

> *Kugeza ubwo twese tuzasohora* kugira *ubumwe bwo kwizera no. . .kumenya umwana w'Imana*, kandi kugeza *ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse, bageze ku* rugero rushyitse, (yoo, mbega), *rw'igihagararo cya Kristo:*

307 "Gutungana," bisaba kubaha Imana. Mugomba kubyongera ku kwizera kwanyu, kubaha Imana. Murareba, mutangirira *hano*, hamwe n'ingeso nziza. Noneho mukajya ku kumenya. Noneho hagakurikiraho kwihangana. Noneho mujya ku kwihangana. Noneho mugakurikizaho kubaha Imana. Kubaha Imana! Yoo, mbega! Igihe cyacu kirimo kugenda. Reka turebe. Ariko muzi icyo kubaha Imana bivuze. Mwaririmbye iyi ndirimbo ngo:

> Kumera nka Yesu, kumera nka Yesu,
> Kw'isi ndifuza cyane kumera nka We;
> Byose mu rugendo rw'ubuzima kuva kw'isi kugera mu bwiza
> Nasabaga gusa kumera nka We.

308 Ibyo ni ukubaha Imana. Igihe yakubitwaga urushyi ku musaya w'uruhande rumwe rwo mu maso, Yahinduye urundi ruhande. Iyo yavugwaga nabi, Ntiyasubizaga. Ntiyigeze asubira inyuma. Murareba? Kubaha Imana, buri gihe ushakisha ikintu kimwe, "Buri gihe nkora ibishimisha Data wa twese." Murareba? Yego, mugenzi. Buri gihe. Ibyo ni ukubaha Imana. Murareba?

309 Mumaze gukora muvuye *hano*, kugeza *hano*, kugeza *hano*, kugeza *hano,* kugeza *hano,* kugeza *hano,* noneho muraje mu gihagararo cyuzuye rwose cy'umwana w'Imana. Ariko mwabashije kugira *ibi,* mwongeyeho n'*ibi* byose, kandi ntimushobora no gutangira mutarabona *ibi*.

310 Noneho mwibuke inyoni yirabura ifite amababa ya pawusi. Ntimukayibagirwe. Murareba? Ntimukagerageze kubyongeraho kugeza igihe muvukiye ubwa kabiri. Kubera ko, ubwanyu, ntabwo bizakunda, kandi namwe—namwe ntimwabikundira. Bizaza kuri *ibi,* cyangwa *biriya*, bizasenyuka ahantu runaka.

311 Ariko iyo muje *hano,* inuma y'ukuri yavutse ubwa kabiri, ubwo ntacyo mwongeraho. Ikuzaho, murareba, ikuza hejuru, ni byo, noneho ukagera ku gutungana. Ni byo.

312 Noneho, icya gatandatu, reka tucyongereho, Ni ko Bibiliya ivuga hano, yongeraho urukundo rwa Bene Data . . . ineza ya kivandimwe. Noneho, ni byiza, hano, gatandatu, karindwi. Ni byo. Mwongereho urukundo rwa Bene Data. Ni byo. Iyo tugeze kuri ibyo, urukundo rwa bene Data, mwishyira mu mwanya we, kuri icyo kibazo. Noneho muravuga ngo . . .

313 "Mwene Data yancumuyeho," ni ko Petero yavuze. "Ese nshobora kumubabarira," ati: "inshuro zirindwi ku munsi?"

Aravuga ati: "Inshuro mirongo irindwi." Murabona?

314 Urukundo rwa bene Data. Noneho, murareba, niba mwene Data byose yumva bidahuye, ntimukamwihanganire. Murareba? Oya. murareba? Mugirire neza. Wigendere, uko byagenda kose.

315 Hari umuntu wavuze, vuba aha, ati: "Ni gute mushobora kwizera ibi bintu nk'uko mubikora, kandi mukomeza kujya mu madini y'abizera Amateraniro y'Imana, no mu bizera Imana Imwe, n'ayandi yose?" Noneho mushyireho, murebe, urukundo rwa bene Data. Murareba? Murareba? Ibyiringiro, umunsi umwe, murareba; kumwihanganira, murareba; kwhangana, kumwihanganira na we; Kumenya, kugira ngo wumve ibyo yemera, ibuka, biri mu mutima we, ni byo; ingeso nziza, muri wowe, kureka zigasohokana ubugwaneza, kwicisha bugufi, kuri we; kugira kwizera ko umunsi umwe Imana izamuzana. Murareba?

316 Urukundo rwa bene Data, ikintu cya karindwi. Umwe, babiri, batatu, bane, batanu, batandatu, barindwi. [Mwene Data Branham akubita ku kibaho inshuro zirindwi—Ubwanditsi.] Murareba, ikintu cya karindwi. Noneho, rero, muraje.

317 Ibikurikiraho rero, mwongereho gubukundana, ari rwo rukundo. Ngiryo ibuye ry'imfuruka. Umunsi umwe muri iyi minsi, mw'itorero . . .

318 Noneho, nyamuneka, reka bimenyekane kuri kaseti, n'ahandi hose, Ntabwo nigisha ibi nk'inyigisho, ni cyo ngiye kuvuga nonaha. Ariko ndashaka kubereka ko, mbifashijwemo n'Imana, icyo ari cyo rwose, ko, Bibiliya yambere Imana yanditse ni Zodiyake mu kirere. Itangirana n'isugi. Ikarangirana na Leo intare. Kandi ubwo nzinjira mu kimenyetso cya gatandatu n'icya karindwi, muzabimenya, igihe ikindi kimenyetso cyafunguriwe, ikimenyetso cya Zodiyaki cyaho cyari kanseri, ifi yambukiranije.

Kandi iyo ni yo myaka ya kanseri tubayemo, byaragaragaye. Kandi igikurikira ni Ikimenyetso cyamenwe, Cyerekanaga Leo intare, Ukuza kwa kabiri kwa Kristo. Yaje, ari uwambere, kw'isugi; Azaza, ubutaha, kuri Leo intare. Nzabizana kuri . . .

319 Noneho, sinzi niba ndibubone umwanya muri iki gitondo. Ngiye gukora ibyiza nshoboye, kugira ngo mbereke ko izi ntambwe ziri muri piramide, neza neza, ari, Bibiliya ya kabiri Imana yanditse. Henoki yarabyanditse, abishyira muri piramide.

320 Kandi icya gatatu, Imana iteka itungana ku mubare gatatu, noneho yihindura Ijambo Ryayo.

321 Hano, ubungubu, mwibuke, muri piramide . . . Ndakeka yuko benshi mubasirikare n'ibindi bintu byari muri Egiputa. Piramide nta gasongero ko hejuru ifite. Ntakigeze gashyirwaho. I—Ibuye ry'imfuruka, n'ibindi byose bari bafite, ariko biracyari . . .

322 Niba ufite inote y'idolari mu mufuka, itegereze kuri iyo note y'idolari rimwe, uzasanga ko, ku ruhande rw'iburyo, hariho ikizu gifite ibendera ry'Abanyamerika. Kandi bivuga, kashe "ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika." Ku rundi ruhande, ifite piramide, ifite ibuye rinini ry'imfuruka n'ijisho ry'umuntu. Ivuga kuri uru ruhande, "Ikirango kinini." Ni byiza, niba ari cyo gihugu gikomeye, kuki iki kimenyetso gikomeye kitari kuba ikimenyetso cy'igihugu? Imana ituma batanga ubuhamya, aho bagiye hose.

323 Igihe kimwe navuganaga na muganga, maze aranegura, ku byerekeye gukira indwara guturuka ku Mana. Yari ahagaze ku muhanda. Aravuga ati: "Bwana Branham, uyobya abantu gusa." Aravuga ati: "Nta gukira indwara, keretse gusa binyuze mu buvuzi."

324 Naje guhindukira, ndeba icyapa cye ku modoka, nsanga gifite iyo nzoka izingiye ku giti. Ndavuga nti: "Byaba byiza ukuyeho icyo kimenyetso ku modoka yawe, kuko, 'ikimenyetso cyawe ubwacyo gihamya ko Imana ari Umukiza."

325 Umuganga nyawe arabyemera. Abo ni abantu badafashije. Yego mugenzi. Inzoka ku giti! Mose yazamuye inzoka ku giti. Aravuga ati: "Ndi Uwiteka ukiza indwara zawe zose." Bareba iyo nzoka, kugira ngo Imana ibakize. Kandi nyamara barabihamya. nyamara ikimenyetso cyabo bwite kirabashinja. Yewe ga!

326 Hano, ishyanga ryacu, rivuga ibintu uko biri, hanyuma bakongera bakabiseka, n'amafaranga yabo, ifaranga ryabo, rihamya ko kashe y'isi yose ari Imana. Murebe iryo jisho rihagaze hejuru yabyo, kuri iyo note y'idolari? Ni cyo kimenyetso gikomeye.

327 Ntabwo ryigeze rishyirwa hejuru ya piramide. Ntibashoboraga kumva impamvu. Gufata Ibuye byanze, Umutwe, Kristo. Ariko bizaza, umunsi umwe.

328 Noneho, mu kubaka, ingeso nziza . . . Kubaka uru rwibutso, kubaka iki gihagararo, murebe, bitangirana n'ibuye ry'ifatizo; kwizera, ingeso nziza, ubumenyi, kwitonda, kwihangana, kubaha Imana, urukundo rwa bene Data. Ubu ikora iki? Noneho bategereje Agasongero, ari rwo rukundo, kuko Imana ari urukundo. Kandi Irayoboye, kandi Yo ni imbaraga za buri kintu muri ibyo bintu. Ni byo. Yego mugenzi.

329 Rero *hano,* burya *hano,* murabona nabonye, hagati, iyi mirimo yose hano, kandi hano iyi miraba mito iraza. Icyo ni igiki? Umwuka Wera umanuka, unyuriye muri Kristo, murareba. Umwuka Wera! Umwuka Wera uri hejuru *y'ibi* byose, ubihuriza hamwe, wubaka (iki?) Itorero ritunganye, kugira ngo Ibuye ry'agasongero uritwikire.

330 Ni iki cyongeye gukorwa? Bigaragarira mu bihe Birindwi by'Itorero, n'intumwa zirindwi z'Itorero.

331 Ryatangiriye *hano*. Itorero ryashingiwe he? Itorero rya pentekote ryatangiriye he? Kuri Mutagatifu Pawulo, muri Efeso, inyenyeri yo mu Itorero rya Efeso, Efeso.

332 Igihe cy'Itorero rya kabiri cyari icy'Itorero ry'i Simuruna. "Ingeso nziza." Irene, umuntu ukomeye washyigikiye cyane Ubutumwa bwiza bwa Pawulo.

333 Igihe cyakurikiyeho cyari icy'itotero rya Perugamo, yari Maritini. Maritini ni we wari umuntu ukomeye wari uhari. Pawulo, Irene, Maritini.

334 Noneho muri Tiwatira haza Kolomba. Murabyibuka? Nguyu, ashushanyije *hariya*. Kolomba. Nyuma ya Columba . . . Haje igihe cy'umwijima hano.

335 Noneho haza Sarudi, bivuze ngo *gupfa*. Luteri. Haleluya! Byagenze bite? Ni iki gikurikiraho nyuma ya Sarudi, Luteri?

336 Noneho haza Filadelifiya. "Kubaha Imana." Wesileyi, kwezwa! "Umukiranutsi abeshwaho no kwezwa," Luteri ni ko yavuze. Kwezwa binyuze muri Wesileyi.

337 Noneho ngwino mu rukundo rwa bane Data, unyuze muri Lawodikiya. Kandi twizera ko Ubutumwa bukomeye bwo kugaragara kwa kabiri kwa Eliya, ku munsi wanyuma, buzakubura igihugu.

338 Ngibyo, Imyaka irindwi y'Itorero, intambwe zirindwi. Imana yubaka Itorero Ryayo, ni nk'umuntu umwe uhinduka umuntu, muri We. Icyubahiro, Imbaraga z'Imana, zimanuka zinyuze muri *ibi*, bikubiye hamwe. Kubw'ibyo, abantu ba Pentekote bavuyemo Abaluteriyani, bavamo Abawesileyi n'abandi, batazi ibyo bavuga. Murabona, babaga muri *kariya* gace k'urusengero. Ubwo ni uburyo, abantu bamwe bashobora kuzamuka hejuru

hanyuma bakamanuka. Ariko hariho igice cy'ukuri cy'ibyo, mukomeze iyo nyubako. "Nzabagarurira," ni ko Uwiteka avuga.

339 Muribuka *Igiti cy'umugeni?* Muribuka ikibwiriza ku bijyanye n'*igiti cy'umugeni?* Barakiriye, ariko We aragitema. Bagize amashami y'amadini; Yabakuweho. Bahagurukije irindi torero, amashami y'amadini; Yabakuweho. Ariko umutima w'icyo Giti wakomeje gukura. "Kandi mu gihe cyo ku mugoroba hazabaho Umucyo." Murareba? Ni bwo Kristo azaza, Umwuka Wera. Yesu aramanuka afata Ubuyobozi bw'Itorero noneho, kandi azazura iri Torero, ribe Umubiri We bwite. Muri *ryo* ni ho hari Umubiri.

340 Kandi uburyo Imana idutegerejemo gukura nk'umuntu ku giti cye, ni bwo buryo yazanyemo Itorero Ryayo kugira ngo rikure. Buri gihe cy'Itorero, Rihinduka Itorero rimwe rinini. Murareba?

341 *Aba* bagenzi bacu ntabwo basabwaga icyo *aba* bagenzi babo bari cyo. *Iki* nticyasabwaga icyo *iki* kiri cyo. Murareba? Ariko Yazamuye Itorero Rye muri ubwo buryo. Azamura I—Itorero Rye hejuru nk'uko Azamura ubwoko Bwe. Noneho Petero hano aravuga, mbere na mbere, ibintu birindwi: kwizera, ingeso nziza, (murareba, muzamuke), kumenya, kwirinda, kwihangana, kubaha Imana, urukundo rwa bene Data, mwongereho ubugwaneza kuri bene Data, hanyuma urukundo rw'Imana. Umwuka Wera, Kristo mu muntu w'Umwuka Wera, akuzaho, mu mubatizo nyawo w'Umwuka Wera, kandi ukagira izo ngeso nziza zose muri wowe. Noneho, Imana iba mu Rusengero, rwitwa Inyubako, Urusengero ruzima rw'aho Imana ituye.

342 Iyo umuntu afite ibintu nk'ibi, noneho Umwuka Wera uramusanga. Nta kibazo, mushobora kuvuga indimi, mushobora kwigana impano iyo ari yo yose Imana yatanze. Mushobora kubikora. Ariko igihe cyose *izo* ngeso nziza zitari muri mwe, muracyari kure y'urufatiro rw'ukuri rwo kwizera. Ariko igihe iyo mico ikura, hanyuma ibyo mukabyongeraho, noneho muba urwibutso ruhoraho. Muri uhorayibukwa, igisengwa kigenda.

343 Ariko, murabizi,—abanyamahanga, bapfukama imbere y'ikigirwamana, ikigirwamana bihimbiye. Kandi mu buryo bwo gutekereza bizera ko iyo mana bihimbiye ibasubiza. Ni iby'abanyamahanga. Ibyo ni iby'Abaroma. Bapfukama imbere y'abatagatifu bose n'ibindi nk'ibyo. Kandi bafite Mutagatifu Sesiriya, imana yo mu nzu, n'ibindi byinshi bitandukanye nk'ibyo. Barayunamira, kandi mu by'ukuri bizera mu buryo bw'ibyo bitekerereza. Mbega—mbega ubwoko, bw'Imana nzima.

344 Ariko iyo twebwe, ntabwo ari mu buryo bw'ibyo twitekerereje, ahubwo twunama imbere y'Imana nzima, ingeso nziza, ubumenyi buzima, kwihangana kubaho, kubaha Imana nzima, Imbaraga nzima ziva ku Mana nzima, igira umuntu

muzima ishusho nzima mu gihagararo cy'Imana. Arimo gukora iki? Ibintu nk'ibyo Yesu yakoze; kugenda nk'uko Yagendaga, agakora ibintu bimwe nk'ibyo Yakoraga. Kubera ko, ntabwo ari ikintu cyo mu bitekerezo. Hariho ukuri kubigaragaza.

345 Murabona icyo nshaka kuvuga? Murebe uburyo izi ngeso nziza, ibi bikoresho byo kubaka, bijyanye n'intumwa z'Itorero, hamwe n'ibihe by'Itorero? Noneho, umwe muri iyi minsi, tugiye gufata buri jambo muri aya magambo, hanyuma turyigeho, kandi twerekana ko bibigaragaza. Ndetse ko byose bijyana. Ni byo. Murareba? Yoo, mbega! Ni byiza cyane, murebe, kugira ngo mubone icyo ari cyo—icyo byubaka.

346 Noneho, iyo ni yo Nzu Imana ituyemo; ntabwo ari inyubako ifite inzogera nini hejuru yayo, hamwe n'ahantu hacuritse cyane. Murareba? "Ariko Umubiri waranteguriwe," Umubiri Imana ishobora guturamo, Imana ishobora kugendamo, Imana ishobora kureberamo, Imana ishobora kuvugiramo, Imana ishobora gukoreramo. Amina! Ibikoresho bizima by'Imana, Imana igenda ku maguru abiri, muri wowe. Icyubahiro kibe icyayo! "Intambwe z'umukiranutsi ziyoborwa n'Imana," Imana ikugendamo. "Kubera ko muri inzandiko, zisomwa n'abantu bose." Niba kandi Ubuzima buri muri Kristo bukubamo, uzagendera mu Buzima Kristo yagendeyemo.

347 Nk'uko nahoraga mbivuga. Fata amazizi y'igiti cy'amapera, kandi niba ushobora kuyimura, ukayatera mu giti cya pome, igiti cya pome cyabyara amashaza. Ni byo. Rwose. Habe n'ubwo amashami yaba asa, afite amazizi y'igiti cya pome, murareba, cyangwa igiti icyo ari cyo cyose. Murareba? Gikura ubuzima bwacyo mu giti cya pome, gikuramo byose, kikagiha gu—guterwamo amazizi, hanyuma kigakura amazizi yacyo mu giti cya pome. Bigenda bite? Ntabwo cyongera kwera amapera. Murareba? Oya, mugenzi. Ntabwo bizashoboka. Niba ubuzima bw'igiti cy'amapera buza mu giti cya pome, ubwo rero, ntikizongera kwera pome. Kizera amapera, murareba, murebe, kuko ari bwo buzima gifite muri cyo.

348 Ni byiza, muradutwaye, ibyo nta kindi uretse inyamaswa yo mw'ishyamba, inkubaganyi, murareba, kandi nta kindi kuri twe, kuko twese twapfuye mu cyaha kandi turarenganywa. Twese turiho muri ubu buryo. Noneho natwe ubwacu, dushobora kwikubita hasi, tukiheba, kugeza igihe Imana ifashe urushinge rwayo rwo kongera amaraso, Izina rya Yesu Kristo, 'Kubera ko, "Nta rindi zina riri munsi y'Ijuru umuntu ashobora gukirizwamo," kandi ritanga Ubuzima bwa Kristo muri twe. Noneho dufite kwizera nk'*uku*, kwizera Kristo yari afite. Kandi kwizera kwa Kristo ntabwo kwari gushingiye muri bariya Bafarisayo, cyangwa Abasadukayo, cyangwa mu nkono zabo, indobo, n'amasafuriya, no gukaraba kwabo. Kwari gushingiye kw'Ijambo ry'Imana, amina, cyane, kugeza igihe Kristo abaye Ijambo, Ijambo ryahinduwe umubiri. Noneho

ubwo dushobora kongererwa amaraso gutyo n'imbaraga Ze, tugapfa ku bitekerezo byacu, kandi kwizera kwacu kugahinduka kwizera nyako, haleluya, noneho Ubuzima bwa Kristo bwatewe muri twe. Duhinduka ibiremwa bizima by'Imana, ahantu ho gutura aho Umwuka Wera ashobora kohereza imigisha Ye y'umunezero anyuriye ahongaho, kandi turi mu gihagararo cya Kristo.

349 Yesu yaravuze ati: "Ese ntibyanditswe? Mwaranyamaganye, muvuga muti: 'Ndi Umwana w'Imana.' Ese ntibyanditswe, ngo: 'Muri imana.' Ntabwo amategeko yanyu abivuga?" Nk'uko Mose, kimwe na Eliya, n'abandi bahanuzi babaga hafi y'Imana, kugeza igihe Imana yimukiye muri bo. Kandi baravuze, atari bo ubwabo, ahubwo bavugaga Imana. "Ntimutekereze kubyo mugomba kuvuga, 'kubera ko atari mwe muvuga. Ni Data uba muri mwe; ni We uvuga." Amagambo Ye ntabwo ari aye, kuko, mu buzima bwe, yarapfuye.

350 Iyo upfuye, uvoma amaraso mu muntu, ukayamusiga. Ikibazo kiriho, benshi muri bo ntabwo bigeze basigwa amaraso. Ukura amaraso mu muntu, wagiye. Noneho ikintu cyonyine ukora ni ukumusubizamo andi maraso; agiye kongera kubaho. Wari wamukuyemo amaraso ye.

351 Noneho ubu twashyizemo Amaraso ya Yesu Kristo, murareba, kandi azana kwizera kwa Yesu Kristo, ingeso nziza za Yesu Kristo, ubumenyi bwa Yesu Kristo, imiterere ya Yesu Kristo, kwihangana kwa Yesu Kristo, kubaha Yesu Kristo, Urukundo rwa bene Data rwa Yesu Kristo, n'urukundo rw'Imana, ari rwo Yesu Kristo. Ni Umutwe kandi arakugenzura. Kandi ibirenge byawe ni urufatiro, kwizera. Amina! Kugenzurwa n'Umutwe, ufata i . . . ? . . . Ngibyo. Aba ari umuntu utunganye w'Imana, iyo afite izo ngeso nziza.

352 Noneho, Mana, ihagarariye Itorero Ryayo nk'Umugeni, umugore. Imana ihagarariye Itorero Ryayo nk'Umugeni. Kandi uburyo izana buri muntu kuba umwana wayo, ngo abarirwe muri uwo Mugeni, Yazanye kandi Umugeni muri iyi myaka, [Mwene Data Branham akubita ku ruhimbi rwe inshuro zirindwi—Ubwanditsi.] kugeza agejeje iri Torero ryuzuye muri *ibi*.

353 Ibirenge byanjye biranyeganyega. Kubera iki? Kubera ko umutwe wanjye ubivuga. Noneho, ntibishobora kugenda nk'ukuboko kwanjye, kuko ni ibirenge byanjye. Luther ntashobora gukora ibintu twakoze, ndetse n'Abametodisite nabo, kuko bari ikindi kintu. Murareba? Ibirenge bigenda kuko umutwe ubivuze. Kandi umutwe ntuzigera uvuga uti: "Noneho, birenge, hinduka ikiganza. Gutwi nawe, hinduka amaso." Murareba?

354 Ariko, muri buri gisekuruza, Imana yashyize ibyo bintu mw'Itorero Ryayo, Ikanabishushanya yerekana ko buri muntu afite ibi, afite iyo mico. Kandi *uku* Kubaho, iyo kuzuye,

Itorero ry'Imana riba rigiye Kuzamurwa. Kandi *iki* cyaremwe, ni umugaragu w'Imana, mw'Itorero ry'Imana, uzajya mu Izamurwa. Icyubahiro kibe icy'Imana! Murareba icyo nshaka kuvuga? Ngibyo. Ngicyo ikintu cyuzuye.

355 *Hano* haza umugabo, Paul, ashyiraho urufatiro. Irene atangira kugereka *ibi* kuri rwo. Umukurikiye nawe yubakira kuri ibi. Umukurikiye nawe ashyiraho *ibi*. Bikurikira *ibyo,* n'*ibyo*, n'*ibyo,* kandi bishorerana bityo kugera ku bisekuruza cya nyuma. Ariko se ibyo ni ibiki? Ni Umwuka umwe.

356 Umwuka umwe uba muri njye, uvuga uti: "Rambura Amaboko, kuri icyo kibazo." Umwuka umwe uravuga ngo: "Birenge, tera intambwe." Murebe icyo nshaka kuvuga?

357 Noneho, igihagararo cyose cy'imibereho yanyu kiyobowe kandi kigenzurwa n'ibi bintu, ariko ntibishobora kugenzurwa rwose kugeza mufite rwose iyo mico.

358 Mwigeze mwumva ibi? Noneho reka mbabwire ibi. Kandi mukomeze. . . Mushyire ibi mu matwi yanyu. Murareba? Umurunga ukomezwa n'ipfundo ryawo ryoroheje. Ni byo. Ntabwo ukomera kurusha ipfundo ryawo ridakomeye.

359 N'ubwo *ibyo* byubatswe byaba bikomeye gute, *ibi* byubatswe; niba bifite ihuza ridakomeye, hari aho byasenyuka. Kandi ntabwo bikomeye kurenza iryo huza ridakomeye. [Mwene Data Branham avuga ku gishushanyo cye kiri ku kibaho—Ubwanditsi.] Noneho niba mubifite, muvuga ko mwabonye *ibi, ibi, ibi,* ntimufite *ibi*, hari aho muvunika. Niba mwaragize *ibi,* mukaba mudafite na *biriya*, azavunika aho ngaho. Mwabonye *ibi*, kandi ntimwabonye *biriya,* bizasenyuka. *Ibi,* kandi utarabonye *ibi,* bizasenyuka. *Ibi*, kandi mutarabona *ibi,* bizasenyuka. Murereba? Niba kandi mutabikora. . . Ntimushobora kugira *ibi* mudafite *ibi*.

360 Iyo rero utanze ubuzima bwawe bwuzuye, noneho Umwuka Wera aza kuri wowe gusa, muri izo ngeso nziza, noneho ukaba urusengero ruzima. Noneho abantu bareba hanze bakavuga bati "Ni umuntu wuzuye ingeso nziza, ubumenyi (wemera Ijambo) kwitonda, kwihangana, kubaha Imana, urukundo rwa bene Data, yuzuye urukundo rw'Umwuka Wera. Murareba, ni ko bimeze, agendagenda aho." Ni ibiki? Igihagararo abatizera bashobora kureba bakavuga bati: "Hariho Umukristo. Hariho umugabo, cyangwa umugore, uzi ibyo bavuga. Ntabwo wigeze ubona umuntu mwiza, ukwiye, wubaha Imana." Washyizweho ikimenyetso. Ikirango kibigaragaza cyerekana ku mpande zombi. Waba ugenda cyangwa ugaruka, urabona ikimenyetso kimwe. Ngibyo. murareba? Iyo umugabo cyangwa umugore afite *ibi,* noneho Ibuye ry'imfuruka riramanuka ribashyiraho ikimenyetso mu bwami bw'Imana, ari wo Mwuka Wera.

361 Noneho Ijambo, riva *Aha*, ryigaragaza binyuze muri buri kiremwa, murareba, rituma iki biremwa gitunganye gihinduka

Urusengero rw'Imana nzima, kikagenda, kikabaho mu rugero rw'Ubukristo buzima. Icyo Kristo yari cyo, aba bantu ni, kuko Ubuzima Bwe buri hano. Bari muri Kristo. Kandi ubuzima bwabo burapfuye kandi bwihishe muri Kristo, binyuze ku Mana, kandi bugashyiririrwayo ikimenyetso n'Umwuka Wera. Abakorinto ba mbere 12. Ni byo. Murareba? Wibwiraga ko wapfuye, noneho wavutse kubwo kwizera. Noneho ingeso nziza n'ibindi bintu byiyongereye kuri wowe kugeza ubaye ishusho itunganye, nzima y'Imana. Ni byiza?

362 Hanyuma, Imana, binyuze muri ibyo, yazanye kandi Ibihe Birindwi by'Itorero, kugira ngo yerekane intambwe zirindwi Yazanye, kubaka umuntu ku giti cye mw'ishusho Yayo, Yubatse Itorero ryuzuye mw'ishusho Yayo. Kandi ku muzuko, uyu Mubiri wuzuye uzazurwa kugira ngo ubane na We ubuziraherezo, kuko ari Umugeni. Murareba? Ibyo rero byigabanya mu bihe byose, ibihe byose bizaza.

363 Kandi hari ibindi bisabwa, mwibuka. Mwibuke ibyo Pawulo yavuze hano mu Baheburayo 11? Reka mbasomere ikintu kimwe gusa mbere y'uko dufunga hano, umunota umwe. Hanyuma nawe. . . Ubwoko butuma wumva ibintu bidasanzwe iyo nso. . . buri gihe, iyo nsomye ibi. Ngiye gusoma mu Baheburayo 11, kandi ngiye gutangirira ku murongo wa 32.

> Mbese mvuge, *mvuge iki? igihe cyandenga mbabwiye* mwebwe *ibya Gideyoni,. . . n'ibya Balaki, n'ibya. . . Samusoni, n'ibya. . . Yefuta;. . . Dawidi. . . n'ibya Samuel,. . . n'ibyabahanuzi:*
>
> *baheshejwe no kwizera gutsinda abami, no gukora ibyo gukiranuka no* guhabwa *ibyasezeranijwe, no kuziba* iminwa *y'intare,*
>
> *no kuzimya umuriro ugurumana cyane, no gukira ubugi bw'inkota* no *gukurwa mu ntege nke bagahabwa imbaraga nyinshi, no kuba intwari mu* ntambara*, no kunesha. . . ingabo z'abanyamahanga.*
>
> *Abagore bahabwaga abo bapfushije bazutse: . . . abandi* banyuze mu mibabaro, *bari* barababajwe, *ntibemera gutabarwa; kugirango babone izuka ryiza:*

364 Mumanuke hano gato. Murareba? [Mwene Data Branham yerekeza ku gishushanyo cye—Ubwanditsi.] Ni byo.

> *Abandi* bakageragereshwa. . . *gushinyaguririrwa. . . no gukubitwa* ibiboko*, yego, ndetse. . . no kubohwa. . . no gushyirwa mu mazu y'imbohe:*
>
> *bicishwaga amabuye,* bagakerezwa *inkerezo, bakageragezwa, bakicishwa. . . inkota: bakazerera bambaye impu z'intama n'*izihene*; banyazwe byose, bakababazwa,* kandi *bakagiririrwa nabi;*
>
> *(Yemwe n'isi* ntiyari *ikwiriye ko bayibamo:). . .*

365 Murareba, muri uwo murongo, mwabonye muri Bibiliya yanyu.

> . . .*bazereraga mu mashyamba, no mu bihanamanga, no mu buvumo no mu masenga.*

> . . .abo bose*, nubwo bamaze guhamywa neza kubwo kwizera kwabo, . . .*

366 *Hano!* [Mwene Data Branham yerekeza ku gishushanyo cye—Ubwanditsi.]

> . . .*raporo nziza kubwo kwizera, nyamara ntibahabwa ibyasezeranijwe:* (Murareba?)

> *kuko Imana yatugambiriye ikirushaho kuba cyiza, kugira ngo abo tutari kumwe badatunganywa rwose.*

367 Murabyumva? Aba bantu bapfuye, *hano,* baradukeneye kandi baradutegereje. Rero, *iri* Torero ryageze ku gutungana, kugira ngo rizane umuzuko. Kandi bari munsi, roho zabo ziri munsi y'igicaniro, zitegereje ko iri Torero rigera ku gutungana Kwaryo, kugeza igihe Kristo azazira.

368 Kandi iri Torero, murabona, riraza ari ritoya, muri bake. [Mwene Data Branham yerekeza ku gishushanyo cye kiri ku kibaho—Ubwanditsi.] Ni byiza cyane kurenza ibyo, ariko nkunda kwandika uwo musaraba hariya, murebe. Byageze ku kadomo. Kugeza igihe, Itorero, muri bake, ryabonye kwinjira ahantu kugeza ubwo ari ubwoko bumwe bw'umurimo *ibi* byasize, kuko, iyo iri Buye ry'agasongero rigarutse . . .

369 Rifite inguni ntoya-nka *hano*, aho rigiye kwicara ahongaho, kuri piramide isanzwe. Gusa ntabwo ari ingofero yicaye hejuru. Ni urugara rutoya, kandi rugomba kwicara aho, 'kubera ko rusuka amazi.

Kandi iyo bigeze, iri Torero rigomba gucongwa.

370 Ibi byose, bishyira amabuye muri piramide, ararambitse neza kugeza ubwo utabasha kwinjiza n'urwembe hagati yayo, apima amatoni, arambitse aho. Uburyo bayayazamuye, ntibabuzi. Ariko yarubakishijwe.

371 Kandi hejuru *hano*, iyo agasongero ka piramide gashyizweho, piramide ubwayo, Umubiri wa Kristo ugomba gucongwa. Ntabwo ari imigenzo gusa cyangwa inyigisho, cyangwa ikindi kintu tunyuramo. Bigomba kuzatungana neza nka Kristo, kugeza, igihe azazira, We hamwe n'uwo murimo bizahuza neza bifatanyirizwe hamwe. Murareba? Noneho haze Izamurwa, gutaha Imuhira.

372 Murebe aho tuba ubu, muri Lawodikiya, aho itorero ryari mu gihe kibi cy'itorero batigeze babamo. Muri Bibiliya, dusanga, ari cyo gihe cyonyine cy'itorero aho Imana yari hanze y'itorero, ikomanga, igerageza gusubira mu nyubako Yayo. Imigenzo n'amadini yari yaranayisohoye mw'itorero bwite Ryayo. "Dore,

mpagaze ku rugi ndakomanga. Niba hari umuntu ufite inyota agakingura urugi, nzinjira, nsangire na we." Murareba? Hano ni ko bimeze, muri *iki* gihe cy'itorero. Bamutaye hanze buhoro buhoro, kugeza ubwo *hano* bamwirukanye burundu. Ntibashaka ko hagira icyo babikoraho.

373 Noneho murabona aho tugana muri iyi minsi. Ndetse n'igihe iherezo ry'Itorero rya Laodikiya rimaze kumenyekana, kugeza no ku rya Gatolika, ryarasenyutse neza kugeza *hano*, ryishyira hamwe na ryo arihuza nk'itorero rimwe rikomeye. Hamwe n'ihuriro ry'amatorero, ni kimwe na Gatolika.

374 Hariho itandukaniro rimwe gusa, iyaba bashoboraga kurenga kuri ibyo, ni ugufata igaburo. Ni cyo kintu cyonyine muri diyosezi, ngo—ibyo—ibyo bibuza Ubugatolika n'Ubuporotesitanti guhuriza hamwe, ni gahunda yo gusangira. Kiliziya Gatolika iravuga iti: "Ni umubiri." Kandi itorero ry'Abaporotesitanti riravuga riti: "Byerekana umubiri." Umugatolika akora misa hanze yabyo. Misa ni, ibyo, bafata igaburo, bizeye ko bababariwe. Abaporotesitanti babifata kubwo kwizera, bashimira Imana, basangira, gutyo bakaba bababariwe. Umuporotesitanti ati: "Twarababariwe." Umugatolika ati: "Twizera ko twababariwe." Misa no gufata igaburo. Babyita misa; tukabyita igaburo. Misa itekereza ko ari byo. Gusangira ni ukumenya ko ari byo, kandi mumushimire kubw'ibyo. Murareba? Kandi hariho ikintu cyonyine badashobora guhurizaho. Bazabikora.

375 Yoo, birasa neza. Biraza kwiyunga, kuyobora. . .Biraza gushoboka—Biraza gukora neza byose. . .Bibiliya iravuga iti: "Kandi iyo nyamaswa yahaye imbaraga maraya," murebe, bishyize hamwe. Murareba? Gusa neza neza ni byo Bibiliya ivuga ko bazakora, barabikora ubu. Ni byiza mu myiyereko, muri iki cyumweru nyine. Ntabwo ari uko mfite icyo ndwanyaho Abagatolika, ndetse n'Abaporotesitanti.

376 Mwebwe Abametodiste n'Ababatisita, hamwe na benshi muri mwe Abapentekote, mu gihe amatorero yanyu yagiye muri iri shyirahamwe ry'amatorero, igihe bagize inzu bashyiramo abapfuye nini yubatswe hariya i New York, y'iryo huriro ry'amatorero, ni kimwe no mu Muryango w'Abibumbye n'ibindi. Bagerageza guhuriza hamwe Abaporotesitanti bose.

377 Noneho, Abagatolika bafite ubwenge kuri ibyo, bakajya kuzana, uyu Papa Yohani wa makumyabiri-na gatatu, cyangwa makumyabiri-na kabiri, uwo ari we wese, aragerageza, mu buryo bucirirtse, bwicisha bugufi, kuzana imyizerere yose y'Abaporotesitanti n'imyizerere y'Abagatolika ku kwizera kumwe, neza neza ni byo Bibiliya yavuze ko bazakora. Ni ko bimeze. Kandi Abaporotestanti babigwamo, bagahagamamo, bakajya mu murongo wabyo, bakagwa muri uwo mutego.

378 Kubera iki? Kubera iki? Kubera ko badafite *ibi* bintu. *Ubumenyi,* "Ijambo ni ukuri." *Kwihangana,* "Abategereza Uwiteka." murareba icyo nshaka kuvuga?

379 Nk'uko uriya musenyeri w'Umumetodisite yabivuze ejobundi, igihe babicagamo. Kandi umuntu wese azi ko, burya, icyateye ibi, ni kugerageza kubona isengesho runaka rivugirwa mw'itorero, cyangwa mw'ishuri. Kandi yarashakaga . . . Ntekereza ko cyari igitabo cy'amasengesho y'Abaperesibiteriyeni, cyangwa ikindi kintu, n'ababyeyi bareze i—i—ishuri kuko ntabwo bari kwemera ko iri sengesho rivugwa mw'ishuri. Kandi uyu musenyeri w'Umumetodisite yari umusaza uzi ubwenge, arahaguruka aravuga ati: "Ibyo ni bibi." Ati: "Binyuranyije n'Itegeko Nshinga." Yabifashe nk'ibitariho. Aravuga ati: "Nko mw'Itorero ryacu rya Metodisite," ati: "mw'itorero ryacu rya Metodiste," ati: "benshi mu bantu bacu bahora bavuga ku mahano yabereye i Hollywood, na mirongo cyenda na gatanu kw'ijana muri bo bajya kubireba uko byagenda kose."

380 Ikibazo ni ikihe? Barabiretse *ibi.* Ni byo rwose. Barabiretse.

381 Navugaga ndi hano muri iki cyumba, ejobundi, ku u—u—umukozi wa rimwe mu matorero akomeye ya Metodisite uri mu Mujyi wa Falls, rimwe mu matorero ya Metodiste y'umwuka cyane hariya mu mujyi wa Falls. Yerekana, Metodiste imyaka ije ikurikira imyaka yacu hariya, Pentekote. Na we ati: "Muri Mutagatifu Louis, muri Missouri, bakoze isesengura, hashize amezi atatu cyangwa ane, barabimenya." Uwo mugabo ashobora kuba yicaye hano muri iki gitondo. Ni byiza, ni rwiyemezamirimo wubaka ibi, adukorera inyubako. Ku Muhanda Mukuru wa Methodiste, aho abarizwa, aho mwene Data Lum na bo bari abapasiteri. Noneho rero dusanga ko, muri byo, ko nizera ko byari mirongo irindwi na rimwe kw'ijana by'abantu ba Metodisite mu gusesengura, ko, ubushakashatsi bwakozwe kuri Mutagatifu Louis, bwerekanye ko mirongo irindwi-n'indi mibare y'igiharwe by'Abametodiste banywa itabi, na mirongo itandatu n'umunani kw'ijana muri bo banywa ibinyobwa bisindisha. Umumetodiste! Kandi ikintu kidasanzwe cyari, mu gihe cy'iri sesengura ryatanzwe, cyangwa kugereranya hagati y'abagabo n'abagore; abagore, byari mirongo irindwi, mirongo irindwi ku ijana, kugeza kuri mirongo itanu ku ijana by'abagabo. Abagore benshi banywa itabi kandi banywa inzoga kimwe n'abagabo. Mirongo irindwi kw'ijana, mirongo irindwi-n'ibindi kw'ijana, abagore bo benshi kuruta uko byari bimeze ku bagabo.

382 Noneho tuvuge iki niba tugeze ku Nyigisho za Bibiliya zo kwambara ikabutura, no kogosha umusatsi, n'ibindi nk'ibyo, murareba, kubaha Imana kuri hehe, abagore bavuga ko bubaha Imana kandi bera bari he? Imikino y'amakarita n'ibindi byose, ibiganiro bipfuye, kuvuga nabi abandi, ntibababasha kwitondera

ururimi rwabo. Ururimi rwabo ruravuga rukanakinisha amagambo. Bimeze bite se no ku bagabo? Imikino y'amakarita, imikino ya golufe, hanze aho bambaye impenure, imyenda ishaje igaragara-nk'iyanduye, hamwe n'abo abagore bandagaye aho hose. Ntibitangaje!

383 Murareba iyo gahunda yanduye yakuwe kuri uriya mubwiriza, umubwiriza muri gereza, wo muri iki gitondo? Yego mugenzi. Ntabwo nizera ko uwo muntu abyicuza. Yabingenje ate? Uwo ni Mwene Data...Sinshobora gutekereza ibye... [Umuntu aravuga ati: "Dan Gilbert."—Yego.] Yego. Dan Gilbert, umubwiriza muri gereza. Ubwo uwo mugabo ariruka yica Dan, hano hashize amezi make, none umugore we ari hafi yo kubyara. Birumvikana, Dan yarapfuye, none ntibashobora gutera umwana amaraso ubungubu. Avuga ko Dan yamusambanyije, kandi ni we..."Uwo ni umwana wa Dan." Nk'i...Ntabwo nizera ibirenze ibyo sinizera ko i—i—igikona gifite amababa y'inuma. Oya, mugenzi. Nizera ko ari ikinyoma. Nizera ko Dan Gilbert yari umuntu w'Imana. Kandi nizera ko iyo ari gahunda ya satani.

384 Nk'icyo kintu ukagerageza kukigerekaho amasengesho. Uwo Mumetodisite ushaje—Umwepisikopi w'Umumetodisite yari afite ubwenge buhagije bwo gushyikira ibyo. Iyaba yari yarabikoze, iyaba yari yarabigiyemo, ibyo gusa byahumetswe n'ikindi kintu. Ni byo.

385 Nka kiriya kibazo cyo gutandukana hepfo mu majyepfo, ni nka byo. Nizera ko abagabo bagomba kugira umudendezo. Nizera ko iri shyanga riharanira ubwisanzure bwa buri wese. Sinshinja Bwana Kennedy kohereza ingabo. N'ubwo, ntari u—u "umucuruzi mushya," kandi ntabwo ndi uharanira Demokarasi. Ntabwo ndi uharanira Repubulika. Ndi Umukristo. Nanjye rero...Ariko ibyo simbyemera. Ntabwo nizera ko abirabura bagomba kugurisha uburenganzira bwabo bw'amavuko ku bintu nk'ibi, na byo. Ryari—ryari ishyaka ry'abaharanira Repubulika. Amaraso ya Abraham Lincoln yarababohoye kuko yari umuntu wubaha Imana. Ntekereza ko bagomba nibura gukomera kw'ishyaka ryabo niba bagiye gutora mu by'ukuri.

386 Ariko ndababwira ikintu kimwe, uriya muhungu ntabwo yari hepfo hariya gusa kubera ko, ariya yari amashuri yabo. Uwo muhungu ni umwenegihugu. Ni Umunyamerika. Ubu ni bwo bwisanzure bwa buri wese. Ibara ry'uruhu ntirigomba guhindura itandukaniro rye. Twese..."Imana," iravuga iti: "biturutse ku muntu umwe, yaremye amaraso yose, amahanga yose." Twese turi umwe. Ariko, uriya muhungu, yari umusirikare. Ni umukambwe. Yarwaniye igikwiye. Yari afite uburenganzira bwo kujya kw'ishuri. Ibyo ni ukuri. Ariko yari afite amashuri menshi yashoboraga kujyamo.

387 Ni uko ibintu bimeze. Niba ugeze iruhande rwabyo, ni ibintu

biri aho by'amadini yo muri iki gihe, ibyo bigenderwaho. Kubera iki? Barimo kuburizamo amatora y'abirabura bashyigikiye Repubulika, bagashyigikira ay'abaharanira Demokarasi, maze bakagurisha uburenganzira bwabo bw'amavuko. Ni ukuri. Umwuka Wera ntabwo ari hano . . .

388 "Reka ufite ubwenge." "Reka ufite kumenya." Ni ukuri. Kimwe neza n'iri torero, iki gihe turimo, kirigurisha ubwacyo. Ntimushobora kubona ibigiye kuba?

389 Ntacyo bintwaye niba ibi byafashwe amajwi. Hano biraje. Aha-ah. Yego. Ikibazo ni ikihe? Umekecuru wanye yakundaga kuvuga ati: "Uhe satani ibyo agomba guhabwa."

390 Hariho umugabo umwe wakoze ikintu kimwe gusa cy'ingirakamaro, uwo yari Castro hepfo aho. Yego mugenzi. Yaramanutse ajyayo. Kandi abakapitalisite bari bafite ibyo bishingikirijeho n'ibindi byose . . . biri ku gipimo cya zahabu, nka Amerika. Yakoze iki? Yaguze izo ngwate zose. Ashaka amafaranga uko ashoboye kose. Icyo gihe yakoze iki? Yiganye ifaranga, ararihindura. Arisubiza inyuma. Iki ni cyo kintu cyonyine iki gihugu cyashoboraga gukora.

391 Wigeze wumva *Umurongo w'Ubuzima* ejobundi? Kubera iki, murabizi, ni nko kugurisha ibirundo bya zahabu. Ibirundo byamaze gufatwa. None se iyi leta iriho ubu amafaranga iyakoresha iki? Ku mafaranga y'imisoro bazakusanya imyaka mirongo ine uhereye ubu. Yararangije. Nguwo *Umurongo w'Ubuzima* uri i Washington, DC, mu gihugu cyose. Imisoro, barayikoresha, kandi bagerageza kugura abanyamahanga . . . Ni byiza, baritanga gusa mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ntimubona? Ni byo rwose—ni ibyo bagiye gukora. Murareba? Ni ibiki? Noneho, niba iri shyanga ryarasenyutse, ikintu cyonyine rishobora gukora ni ugusenyuka. Ikintu rishobora gukora ni uguhomba.

392 Ni cyo kintu cyumvikana ryakora, hindura ifaranga. Ariko ntibazabigeraho, munsi y'ubu buyobozi buriho. Kiliziya Gatolika y'i Roma ifite zahabu y'isi. Kandi icyo bazakora ni ukugurisha hanze, "Aba bakire," n'ibindi, "y'isi," nk'uko Bibiliya Ibivuga. Bazakora iki, mbere yo gutsindwa, Uruganda rw'itabi rwa Brown na Williamson, ibyinshi ni Abagatolika, uko byagenda kose, n'ibindi bintu byose, bazabigenza bate? Bazabyemera, kandi bazakura amafaranga i Roma, hanyuma agurishe uburenganzira bwe bw'imfura. Roma iramushyigikiye. Yego mugenzi. Azabishyigikira. Kandi bafite politiki ihagije ubu, bafite ibintu bihagije hafi yabo, bazana abagize guverinoma ye. Murareba icyo Bwana Kennedy asaba.

393 Kandi igihe mubonye ibi, undi munsi, nta mpamvu yo gutora ukundi. Gutora bimaze iki? Iyo, babishyize mu mpapuro, kandi bakabigaragaza imbere ya rubanda, maze bakanga ko bagira icyo babikoraho. Igihe, bagaragaje ko imashini

zashyizweho mu gihugu cyose, ko batoye Bwana Kennedy ku majwi y'ibinyoma. Bibiliya ntivuga ko yajyaho mu buriganya? Rwose, amatora y'ibinyoma. Noneho, ntabwo ndwanya ishyaka riharanira Demokarasi kurusha ishyaka riharanira Repubulika, ariko ndavuga gusa ukuri kuva muri Bibiliya. Gutora bimaze iki? Bazi abazatorwa.

394 Ni bangahe muri mwe bibuka televiziyo aho yari iriho abagore babiri bahanganye? Umwe ati: "Ngiye gutora Bwana . . ." Cyangwa, ukumva abagore b'Abaporotesitanti bavuze bati: "Ngiye gutora Bwana Kennedy."

Baravuga bati: "Kubera iki?"

395 Ati: "Kubera ko ntekereza ko ari umuntu urusha ubwenge Bwana Nixon. Azavamo Perezida mwiza."

396 Hanyuma aravuga ati: "Uyu ni umugore w'Umugatolika. 'Ni inde mugiye gutora?'"

397 Aravuga ati: "Ndi Umugatolika, Umugatolika w'i Roma, Umugatolika wizerwa." Aravuga ati: "Kandi ngiye gutora Bwana Nixon."

"Kubera iki?"

398 Ati: "Kubera ko, ntekereza ko Bwana Nixon yavamo Perezida mwiza kuko amenyereye ibintu. Amenyereye cyane ibya gikomunisiti." Uwo mugore yavuze ibinyoma.

399 Mfite *icyo* . . . icyo bita, *Ukuri ku Kwizera kwacu,* igitabo gihenze cya gatolika gishobora kugurwa. Kandi muri cyo haravuga ngo: "Niba hariho Umugatolika kw'itike, ibyo birwanya Abaprotestanti; niba Abagatolika batoye Abaprotestanti, birukanwe mu busabane bwa kiliziya Gatolika." Ni byo. "Niba kandi hari Abagatolika babiri birukira ku biro bimwe, bazatora Abagatolika barushijeho kuba abizerwa ku 'itorero ry'ababyeyi' maze babatore."

400 Murareba uko, ubwo buriganya, icyo bagerageza gukora? Gutanga amafaranga, kugura. Kubera iki? Bagerageza kubihagarika. Kandi barabikora, kandi yarangiritse. Kandi ni iki? biri ku rwego rwa zahabu. Na kiliziya Gatolika, urwego, itunze zahabu y'isi. [Umuntu ati: "Miliyari ijana na mirongo itandatu n'umunani z'amadolari."—Ubwanditsi.] Miliyari ijana na mirongo itandatu n'umunani. Murabyumva. Muyagarure vuba na bwangu ku kigereranyo cya zahabu, kandi mwebwe abantu mukomeza amazu yanyu n'ibindi, ariko muri abo muri kiliziya Gatolika. Igihugu ni icya kiliziya Gatolika. Ibintu byose byafashwe neza nk'ibyo, binyuze mu mafaranga yabo. Ese Bibiliya ntivuga kuri ibyo? Ngiyo ishusho Bibiliya idushushanyiriza.

401 Ibyo ngerageza kuvuga, mwene Data, uyu munsi. Baraza kuvuga bati: "Ibyo bizarigira itorero ryiza. Bizahuza

Abaporotesitanti." Bigaragarira neza jisho risanzwe, ariko ubumenyi bw'iyi si ni ubupfu ku Mana.

402 "Kandi byashimishije Imana ko, binyuriye mu—mu bupfu bwo kubwiriza, izakiza abazimiye," ni gahunda y'Imana, yashyizeho mw'Itorero Ryayo, yo kubakira Itorero kuri iyo mico yo mu mwuka bidashingiye ku kintu icyo ari cyo cyose kijyanye n'isi.

403 Petero ati: "Kandi kubera ko mwarokotse ubuhenebere bw'isi ndetse n'irari ry'amafaranga, n'irari ry'igihe kinini, n'ibinezeza, no kurya, no kunywa, n'irari dufite. Ibyo mwarabihunze. Noneho mwubatswe mu bugingo. Ndimo kubibwira Itorero," ni ko avuga. Rwose. Mwabisomye? Mwabibonye? Mwaba mwabyumvise igihe twabisomaga hano muri Petero wa kabiri? Nimwumve gusa ibyo avuga hano, mbega ukuntu ibyanditse hano ari byiza, uko we—abikemura. Byose. Mwumve noneho uko avuga. Byose.

> Petero, *Simoni Petero, umugaragu n'intumwa ya Yesu Kristo, Kuri bo . . . twabonye nk'ukwizera kw'agaciro hamwe natwe kubwo gukiranuka kw'Imana n'Umukiza wacu Yesu Kristo:*
>
> *. . . amahoro abe—abe muri mwe kubwo kumenya Imana, no muri Yesu Kristo Umwami wacu,*
>
> *Nkuko—nkuko imbaraga z'Imana zaduhaye byose . . .*

404 Ni nde uzaragwa isi n'ibintu byose? [Umuntu aravuga ati: "Abera."—Ubwanditsi.] Ni byo. "Iby'ingenzi . . ." Yego. Ni byo rwose.

> *. . . bifitanye isano n'ubugingo no kubaha Imana, binyuze mu bumenyi bwaduhamagariye guhimbaza mu cyubahiro:*
>
> *Ni yo mpamvu twahawe ibikomeye birenze . . . isezerano ry'agaciro: kugira ngo muri ibi mushobore gusangira kamere y'ubumana, no kuba mwararokotse ukwangirika* (Nimwumve neza ibyo.) *kuri mw'isi binyuze mu irari.*

405 Irari ry'amafaranga, irari ry'ibintu bikomeye, irari ryo gukundwa, ibyo bintu byarapfuye ku bizera. Ntabwo tubyitayeho. Ihema cyangwa akazu, kubera iki nabyitaho; kubaho cyangwa gupfa, kurengerwa cyangwa kurohama? Iki ni cyo kintu kinshishikaje, Ubwami bw'Imana. Naba nkomeza urugo rwanjye, naba nkomeza umuryango wanjye, naba nkomeza ibyo ari byo byose, reka nkomeze Kristo, We byiringiro byacu by'Icyubahiro.

406 Nyubaka, Yoo Mwami, kubw'*Iyi* ntego. Reka Kristo abe Umutwe wanjye, ukorera muri njye. Ku rufatiro rwanjye, kwizera kwanjye kuri muri We, reka ingeso nziza, kumenya, kwitonda, kwihangana, kubaha Imana, n'urukundo rwa Bene

Data, bikore muri njye, Mwami, ni ryo sengesho ryanjye. Sinitaye; kubaho cyangwa gupfa, kurengerwa cyangwa kurohama; idini, nta dini; inshuti cyangwa nta nshuti. Reka Ibyo bikore muri njye, reka ingeso nziza za Kristo, ubumenyi Bwe, zisohoke, kugira ngo nshobore kwigisha abongabo.

407 "Kubera ko Imana yashyize mw'Itorero, intumwa, abahanuzi, abigisha, abashumba, n'abavugabutumwa, byose kubwo gutungana no kuzana izi ngeso zose muri ryo, kubw'ibyo gutungana ko Kuza k'Umwana w'Imana." Buri buye muri *ayo* mabuye ni igikoresho kivuye kuri Ryo. *Ibi* ni ibikoresho by'Iri. Buri imwe muri izo ngeso nziza ni Icye, kandi birimo gusohoka muri We, binyuriye muro bo. Amina.

408 Ni saa sita zuzuye. Byose bijya he? Amina. Uramukunda? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Murabyizera? ["Amina."] Nimwumve, gato.

409 Mushiki wacu Kidd yavuze, muri iki gitondo ati: "Mwene Data Bill, sinzi niba nzongera kukubona." Ibyo byakundaga kunyica. Murareba? Yibwiraga ko ashaje, kandi koko arashaje. Nasenze Imana ngo imubesheho na mwene Data Kidd, igihe kirekire.

410 Reka mbabwire, ntituzi igihe tuzamara tubana umwe ku wundi. Sinzi igihe nzamarana na mwe. Imana ishobora kumpamagara kure y'isi. Ishobora kumpamagara ku rundi rwego rw'umurimo. Ishobora kuguhamagara ahantu runaka. Ntabwo tubizi. Ariko, reka—reka tubone. Reka ntitukareke ibi ngo biturengeho. Reka tubikomeze.

411 Hano, muri Bibiliya. Hano birahari, bishushanya ibindi byose. Niba kandi nari mfite umwanya wo kubikora! Ntushobora kubikora mu munsi umwe. Murabizi. Ariko, ishobora guhuriza ibintu byose hamwe!

412 Murebe, iyo twanyuze kuri ubwo butumwa hariya, murabona ibyo Umwuka Wera yakoreye hariya ku rukuta, si byo? Icyo gihe bari bangahe? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Murareba? Ni byo! Manuka hepfo, ushushanya ikintu kimwe, uriya mumalayika w'Uwiteka.

413 Murareba, ni ukuri. Ntimukemere ko bibajya kure. Mugumane na byo, bana. Mubikomereho. Mwibuke, mwubakire ku kwizera kwanyu, ingeso nziza, ubumenyi, kwihangana!

414 Noneho, hano, ngira ngo nari mfite urupapuro hano, niba ntarujugunye ahandi igihe nabwirizaga. Ni ukuri hano. Murakoze, mwene Data. Murakoze, cyane, cyane. Niba mubishaka—kubireba, mukareba niba hano hari ikintu hano mushobora ku. . .Birashoboka ko ari byiza cyane kurenza ibyo bihari, kugira ngo mubashe kwigana bimwe muri ibi. Nzabikemura hano, kandi mushobora rwose kubireba hanyuma—hanyuma mukabyandika.

415 Kandi ndashaka ko mubifata mukabyiga, mukabigereranya, hanyuma mukabikora. Ntimubyigeho gusa, mubigereranye, ariko mugire icyo mubikoraho mu gihe mubikora. Mubifate mukomeje mwebwe ubwanyu. Ntimukavuge ngo: “Ni byo, nishimiye kubyumva.” Nanjye narabikoze. Ariko kubyumva, hanyuma no kubyakira, biratandukanye. Murareba? Murareba? Biratandukanye. Murareba?

416 Hariho ibyangombwa birindwi byo gukora igihagararo cy’Imana. Hariho ibihe birindwi by’Itorero, ko Imana yazanye Itorero kuri iyi mpamyabumenyi. Kandi Rifite intumwa zirindwi zo kubikora. Hari zirindwi, zirindwi, zirindwi. Murareba? Karindwi ni—ni umubare w’Imana wuzuye, kandi gatatu ni umubare w’ugutungana kw’Imana. Noneho, hari gatatu, na karindwi gatatu. Rero, mu mibare, mu mwuka, kw’Ijambo, no kubw’ubuhamya bw’Umwuka Wera, byose byarangije ikintu hamwe. Reka tubyigeho.

417 Reka twongere mu kwizera kwacu ibi bintu, kugira ngo, tuze mu gihagararo cyuzuye cya Kristo; guhuzwa hamwe n’urukundo rwubaha Imana, gutinya Imana, kubahana mu mitima yacu, kubahana cyane, ubuvandimwe hagati ya bene Data na bashiki bacu, nta mwanda nta kindi, uretse ubuziranenge bw’Umwuka Wera uriho. Murareba? Mubane, mube Abakristo. Mugende mufite kwizera. Mureke ingeso nziza z’Imana zinyure muri mwe; mureke ubumenyi bw’Imana, bwaba buva ku cyiza n’ikibi. Iyo satani yerekanye ikintu kitari Ibyanditswe Byera, megende kure yacyo. Ni byo.

418 Nshobora kwiyumvisha ko intumwa zitigeze zikora nkatwe. Barazengurutse, birashoboka ko bari abagabo bafite amagambo make, kugeza bageze ku ruhimbi. Barinjiye bakora ibyo bagombaga gukora, barasohoka. Yego Mugenzi. Bari bafite imbaraga. Bari bafite ingeso nziza. Ntibigeze batongana n’abagabo. Bari bazi aho bahagaze. Ibyo ari byo byose. Bari bazi uwo bizera. Bakomeje kugendera mu Mwuka. Bakora gusa . . .

419 Nk’uko nabivuze mw’ijoro rishize. Agace kamwe gato, ibyo ni byo byonyine Imana yagombaga gukora, kandi nta kintu na kimwe cyabihagarika. Ntabwo babyibajijeho ngo babyigireho, barahuzaguritse bahangayitse nk’uko tubigenza, bibaza niba bagomba gukora *ibi* cyangwa *biriya*. Bateye intambwe barabikora, uko babonye kose. Gusa ukwemererwa guto guturutse ku Mana, kwarabikoze, vuba aha. Kubera iki? Ni gute bashobora kumenya ko ari ugusebya Imana? Bafite iyo mico yose bagaragaza hano, n’izo mpamyabumenyi zose. Kandi ukwemererwa gato kwa mbere kw’Imana kugereranije na buri gice cy’*ibi*, hamwe n’Ijambo Ryayo. Bamenye ko ari Ijambo ry’Imana, barigendera. Ntabwo bagombaga guhangayikishwa n’ikindi kintu. Igihe Imana yavugaga, baragiye. Turavuga . . .

420 Imana iratuvugisha, kandi tuzavuga, “Ni byiza, tuzatangira.

Tuzareba niba dushobora kubaho muri ubu Buzima." Ikintu cya mbere muzi, umuntu yabababaza. Ni byiza, rwose, iyo ni satani.

421 Mushobora kumubona agerageza kunjyana kure y'aya materaniro muri iki gitondo. Mushobora kuzabibona gihe kimwe. Mana, y'imbabazi! Ngomba kurwana igihe cyose mfite amateraniro. Niba kandi ngiye gusengera umurwayi, ari umuntu wenda gupfa kandi adakijijwe, nzahamagarwa n'abantu mirongo itatu mu minota icumi, bansaba niba bashobora kuboneka byihuse, kugirango ncunguze uburyo umwete. "Yoo, mwene Data Branham, wabashije gukora *ibi*." Ariko hariho ubugingo bugeraniwe. Ni byo. Yego.

422 Mw'ijoro ryakeye, nahamagawe ahantu. Umusore umwe, naganiriye nawe hepfo aha mu-byo-mwe-mwita, isoko rikomeye, mu myaka mike ishize. Yabaye umusinzi. Nari muzi ari umusore, umusore mwiza, ariko yari umunyabyaha. Nyina arahamagara. Ntekereza ko yahamagaye Dogiteri inshuro ebyiri. Njyewe. . .Bampamagaye, bahamagara Billy, nuko—nuko hanyuma mbona ubutumwa. Kandi maze kubona ubutumwa, mu kuri n'ubugwaneza, ntabwo nigeze ngira intambara nyinshi nk'izo mu buzima bwanjye, kugira ngo ngere kuri uriya muhungu.

423 Ngezeyo, nsanga uwo mutindi nyakujya yari anzi kuva kera. Aho ngaho, yari aryamye, yataye ubwenge, kandi akiri wawundi. Se agerageza kumukomanga, akamubwira ati: "Mukundwa." Kandi ni umugabo ufite imyaka mirongo itanu, hafi imyaka mirongo itanu n'umwe. Maze aramubwira ati: "Mukundwa," *ibi*, na "komeza wiryamire." Kandi yageragezaga kubyuka. Amaboko ye ashaje *ayo* yenda kuba manini abyimbye. Umuhungu yari afite kanseri ikaze ku buryo nta kindi yari cyo uretse kanseri ikomeye. Ingingo zose z'umubiri we zari zifite kanseri. Ndetse n'amaraso ye yarimo kanseri, n'ibindi nk'ibyo. Kandi aho ngaho, yagerageje guhaguruka, afatiriza gutya.

424 Namufashe ukuboko, maze ndamubwira nti: "Woodrow, Woodrow, uyu ni Mwene So Branham."

425 Se aravuga ati: "Ntubizi? Uyu ni mwene Data Bill. Woodrow, uyu ni mwene Data Bill."

Yavuze ati: "Uh. Huh. Uh-uh-uh." Nka *gutyo*.

426 Se aramwitegereza maze aravuga ati: "Billy, waje utinze gato."

Ndavuga nti: "Ntajya atinda. Ari hano." Nagize intambara.

427 Hanyuma abandi bahungu, abandi bahungu benshi, abanyabyaha, bari bahagaze aho, bamwe muri bene wabo. Ndavuga nti: "Murabona, bahungu, mwitegure, 'kubera ko muzanyura aha hantu. Mugomba guca iyi nzira. Murareba? Birashoboka ko mwe atari kubw'iyi—iyi kanseri. Mushobora kuza mufite ikindi kintu, hanze hariya mu muhanda, muvirirana

amaraso kugeza ku gupfa, cyangwa ikindi kintu. Bigomba kubageraho." Twaganiriye na bo.

428 Nari ntegereje icyo Umwuka Wera avuga ngo nkore. Gutegereza. Ikintu cya mbere murabizi, numvise akantu gato. "Murambikeho ibiganza."

429 Narazengurutse, ndavuga, nti: "Mwese mwunamishe imitwe yanyu." Bose bunamishije imitwe, abasore bato babiri cyangwa batatu bari aho.

430 Namurambitseho ibiganza. Ndavuga nti: "Mwami Mana, reka uyu muhungu agarure ubwenge amenye icyo azakora, 'mbere y'uko ahura n'iki kintu. Arimo gupfa. Iyi shitani yamukomerekeje, kandi iragenda. Kandi we ubwe yanyweye inzoga kugeza ku gupfa, none hano amerewe nabi. Ndagusabye ngo umugirire imbabazi." Maze kumusengera, bukeye bwaho arazanzamuka, avugana na se.

431 Busty Rogers, wa. . .Bampamagaye hano hepfo ku bitaro, nta gihe kinini gishize. Uwo munsi nari hanze, nyuma yo kubwiriza hano i Milltown aho Georgie Carter yakiriye. Mwese murabyibuka. Hariya igihe mwene Data Smith, umubwiriza w'Umumetodisite, yavugaga ngo: "Niba hari umuntu wabatijwe, mw'Izina rya Yesu Kristo, nasohoke ave munsi y'ihema ryanjye," nk'ibyo. Haruguru hariya kuri Totten Ford, ayoboye iyo nama haruguru aho. Kandi, yewe, yaranyamaganye ku bintu byose ushobora gutekereza. Sinigeze mvuga ijambo na rimwe; Yarakomeje. Nari mfite komisiyo. Uwiteka anjyana mw'iyerekwa. Hano hari umwana w'intama, uziritswe ahantu mu butayu. Mwese muribuka iyerekwa, buri wese muri mwe. Ndakeka ko mubbyibuka. Murabyibuka? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ni byo. Rwose. Noneho namanukaga aho mu butayu, ngiye guhiga.

432 Nagiye muri Totten Ford. Mwene Data Wright uri hano arabizi. Twagiyeyo, tutazi icyo twakora. Naguze agakarito gato k'isabune, k'icyacumi. Nari ngiye kujyayo, ngo mpagarare aho mbwirize ku ntambwe. Yavuze ko agiye kuzamuka, hejuru y'umusozi, kugira ngo akore ubucuruzi. Najyanye na we. Hariyo itorero rinini ry'Ababatisita rya kera ryubatsweyo, ririmo ubusa. Uwiteka arambwira ati: "Hagarara aho."

433 Ndavuga nti: "Reka nsohoke hano, Mwene Data Wright." Narahagaritse. Yarazamutse arongera aragaruka.

434 Nagiyeyo, sinabasha gukingura urugi. Ndavuga nti: "Mwami, niba Uri muri ibi, Ukaba ushaka ko njya mu rusengero, nkingurira umuryango." Nagumye ahongaho ntangira gutekereza.

435 Numva umuntu aza; agenda, aravuga ati: "Wabigenza ute? Nzakubwira," aravuga ati: "urashaka kujya mu rusengero?"

Ndavuga nti: "Yego, mugenzi."

Aravuga ati: "Nabonye urufunguzo hano."

436 Natangiye amateraniro. Icyumweru cya mbere, ntacyagaragaye. Ijoro rya mbere, nagize amateraniro, Mwene Data Wright n'umuryango we. Ikintu cya mbere muzi, icyumweru kirangiye, ntibashoboraga no kubahagarika mu gikari, byari bigoye bigoye. Uwo mwana w'intama wari utarazamuka. Mwene Data Hall yakijijwe muri kiriya gihe, na pasiteri uhari ubu, buri wese muri abo. Ntabwo nashoboye kubona aho iyi ntama yari iri. Nyuma y'igihe, hanze y'Itorero rya Kristo, munsi y'umusozi, uriya mwana w'umukobwa imyaka icyenda n'amezi umunani ntabwo yavaga aho ari, yari aryamye aho. Ni ho yari ari. Mwese muzi iyo inkuru. Yego mugenzi.

437 Kandi nyuma ya saa sita ubwo Busty Rogers, umukambwe ukomeye wa wari uhagaze aho. . . Nagendagendaga aho. Kandi hari itorero rya mwene Data Smith rihagaze aho ngo rinseke, ryampinduye igikinisho, ku bwo kubatiza mw'Izina rya Yesu. Nagenze mu mazi y'ibyondo ya Totten Ford, aho bari bafite u. . . [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.] . . . hariya hejuru y'umugezi, kandi batontoma uko bishoboka. Abadiyakoni babiri basohokanye nanjye.

438 Ndavuga nti: "Mpagaze kuri iki gicamunsi mpagarariye Ibyanditswe Byera by'Imana." Ndavuga nti: "Nasomye muri Bibiliya hano aho Petero yavuze ati: 'Nimwihane, buri wese muri mwe, abatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu.'" Narahindukiye, mpereza icyo Gitabo umwe mu badiyakoni.

439 Twarasohotse tujye hanze, ndavuga nti: "Umuntu wese ubishaka, wihannye ibyaha bye, ni we tuzibandaho ubutaha." Ngendagenda aho mu mazi. Ndavuga nti: "Ni nk'aho Abamalayika bicaye muri buri mwanya, bitegereza." Yoo, mbega! Mu gihe nabatizaga nka babiri cyangwa batatu, itorero rye ryose, abagore bo bari bambaye imyenda myiza y'ubudodo, bakubita ayo mazi, barangurura amajwi yabo hejuru uko bashoboye. Nabatije itorero rye ryose mw'Izina rya Yesu Kristo. Murabizi. Nasigaranye ifoto yabyo. Ni ko byari biri.

440 Ni ibiki? Wongeyeho ingeso nziza. Murareba? Mubyihorere. Imana izi uko bikorwa. Imana izi uko ibyo bintu byarangira. Reka bavuge icyo bashaka. Ntugire icyo uhindura. Komeza gusa.

441 Busty Rogers ahagaze aho, abibonye, aravuga ati: "Noneho ndabyizeye n'umutima wanjye wose." Asohoka mu mazi, yambaye imyenda ye myiza, abatizwa mw'Izina rya Yesu Kristo.

442 Hafi y'imyaka itatu cyangwa ine ishize, barampamagaye hano mu bitaro bya New Albany. Aho yari ari, yenda gupfa, arwaye kanseri, irimo kumurya. Abaganga bamuha kugeza bukeye bwaho, kugira ngo abeho. Bati: "Ubu agiye gupfa." Ati: "Ngwino rimwe gusa."

443 Namanutse mu cyumba, icyo nakoze, ni uguhagarara aho ngasenga. Aravuga ati: “Billy, hari umukororombya uzengurutse iyo mfuruka.”

444 Ndahindukira, ndereba. Ndavuga nti: “Busty, ni isezerano. Ntabwo uri bupfe. Isezerano ry’amaraso riragukiza.”

445 Murambikaho ibiganza, ndavuga nti: “Mwami Mana, burya iyerekwa ryerekanaga ko Uri hano. Isezerano ryawe ni iryo, iri, ‘Ku bw’imibyimba Ye, twakize indwara.’” Murambikaho ibiganza, nuko arakira. Mwohereza mu rugo.

446 Kandi imyaka ine cyangwa itanu, hafi imyaka ine, ndobera haruguru-no-hepfo ku mugezi n’ibindi nk’ibyo, birakomeza. Kandi aho kanseri yari ikikije mu miyoboro yo mu gifu, yari yarayikanyaritse, hariho ipfundo rikomeye. Abaganga, bakoze mu bitaro imyaka myinshi, bamubwiye ko bafite imiti ya kobaliti ishobora kurambura iyo miyoboro, igatuma ibiryo byinshi bigabanuka mu gihe runaka. Yari yaragize ikibazo cy’uko harimo ibiryo byinshi, yagombaga kurya buhoro buhoro. Yabigizemo uruhare kugira ngo bikorwe. Sinari nzi ko ari aho ageze.

447 Noneho igihe bamubaze, basanga byamutuye atakaza ubwenge, hari n’udutsi two ku bwonko twacitse. Igice cye cyo hasi nticyakoraga nka gutya. Ikintu cyonyine yashoboraga gukora ukurira gusa. Nuko afata ikaramu, nk’*iyi*, aragenda, “yoo, yoo, yoo.” Maze agerageza kwandika, ahinda umushyitsi nka *gutya*, n’ikiganza cye cyiza. Uruhande rwe rw’ibumoso, rudakora neza. Nuko arandika, n’ikiganza cye ngo: “Yesu arakiza, 1900 barenga.” Ntibashoboraga kubihabwa.

448 Nuko umugore we aravuga ati: “Mwene Data Branham, sinzi icyo ashaka kuvuga.”

449 Ndavuga nti: “Madamu Rogers, icyo ashaka kuvuga, bari 1900 barenga, abo yarokoye akabatiza mw’Izina rya Yesu hepfo hariya. Ni byo byishyurirwa ubu. Ntatinya gupfa.”

450 Ndavuga nti: “Umwami Imana, ikize ubugingo bwe. Ndabisabye, mw’Izina rya Yesu, kugira ngo Uzarokore ubugingo bwe.” Murambikaho ibiganza. Ahita akira umujagararo w’ubwonko. Gutakaza ubwenge birarangira. Arahaguruka mu buriri. None dore ubu arahagaze, arimo gutanga ubuhamya.

451 Ongeraho ku kwizera kwawe, ingeso nziza; ku ngeso zawe nziza ongeraho, kumenya; ku kumenya kwawe, ongeraho kwirinda; ku kwirinda kwawe, kwihangana; ku kwihangana kwawe, kubaha Imana; ku kubaha Imana kwawe, urukundo rwa bene Data; ku rukundo rwa bene Data, Umwuka Wera, na Kristo bazaza. ’Bitera, guca bugufi imbere Ye . . . Umwuka Wera ni Umwuka wa Yesu Kristo mw’Itorero, kugira ngo agaragaze izo ngeso nziza. Yoo, mbega!

Hano ni, kimwe cya kane nyuma ya cumi na kabiri.

Nkunda . . . Ndamukunda
Kuko yabanje kunkunda

Manuka *hano,* mbere ntacyo wari cyo.

Kandi yandankeye . . . (Yakoze iki?) . . . agakiza kanjye
Ku giti cy i Karuvari.

Meze gute ndi *gutya*? Kubera ko yabanje kunkunda, mbere.

Ndamukunda, ndamukunda,
Kubera ko Yabanje kunkunda (Hariho impamvu.)
Andonkera agakiza kanjye
Ku giti cy'i Kaluvari.

452 Ndasezeranye, muri iki gitondo, kuri We, n'umutima wanjye wose, ko, ku bufasha Bwe n'ubuntu Bwe, ndasenga ngo mushake buri munsi, ntahwema, kugeza igihe numva buri kintu cyose mu bisabwa bitemba muri iki gihagararo cyanjye gishaje, kugeza igihe nzaba mfite kwigaragaza kwa Kristo muzima. Kubera ko, Yabaye icyaha ku bwanjye, kugira ngo mpinduke . . . ngire gukiranuka kw'Imana, nka Yo. "Yaransimbuye; Mwami, reka mfate Ibye nonaha." Kubera ko, ni yo mpamvu yatumye amfira. Ni bangahe baza gusezerana icyo kintu kimwe, ku buntu bw'Imana? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] N'imitwe yacu yunamye nonaha, ibiganza byacu hejuru.

Njye . . .

453 Ndabisezeranije, Mwami, iri torero rirabisezeranije, "igihagararo cyuzuye cya Yesu Kristo!"

Kuko yabanje kunkunda
Andonkera agakiza kanjye
Ku giti cy'i Kaluvari.


62-1014M Igihagararo cy'Umuntu Utunganye
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

# IGIHAGARARO CY'UMUNTU UTUNGANYE




2PETERO 1:1–8, IBYAKOZWE N'INTUMWA 7:44–49

ABAHEBURAYO10:5, MATAYO 5:48

ABEFESO 4:11–15, ABAHEBURAYO 11:32–40

*Iyi ni kopi y'igishushanyo Mwene Data Branham yashushanije ku kibaho cye, kandi yagiye acyifashisha mu kubwiriza ubu Butumwa.*

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

Voice Of God Recordings
P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.
www.branham.org